

AGAKIZA NI YESU

Abazamwemera bose, bakamwakira, bakamwizera
ntibazarimbuka, ahubwo bazahabwa ubugingo
buhoraho (Yohana 3 : 16-17)




Nyakamwe Christine





AGAKIZA NI YESU

Abazamwemera bose, bakamwakira, bakamwizera
ntibazarimbuka, ahubwo bazahabwa ubugingo
buhoraho (Yohana 3 : 16-17)



Myakamwe Christine





IBIRIMO

Igicye cya I : I.1.	Ijambo ry'Ibanze	4
I.2.	Gushimira	7
I.3.	Iriburiro.....	9
Igicye cya II : AGAKIZA NI NDE ?	11	
II.1	Agakiza ni Yesu.....	11
II.2	Agakiza si Ibigezweho.....	16
II.3	Agakiza si Idini	24
II.4	Agakiza si Imirimo myiza	34
II.5	Agakiza si Agakingirizo	38
II.6	Agakiza si Igikinisho.....	50
Igicye cya III : AGAKIZA KAZANYWE NA NDE MW'ISL.....	67	
Igicye cya IV : AGAKIZA KAJE KUTWUNGA N'IMANA	71	
IV.1 : Agakiza katumenyesheje Imana.....	95	
IV. 1.1.	Yesu yatugaragarije ko Imana ari urukundo.....	96
IV.1.2.	Yesu yatugaragarije ko Imana ari Inyakuri.....	98
IV. 1.3.	Yesu yatugaragarije ko Imana yicisha bugufi.....	103
IV. 1.4.	Yesu yatugaragarije ko Imana yumvira abantu.....	104
IV. 2 : Agakiza katwojejeho ibyaha byacu byose.....	107	
IV. 3 : Agakiza katubatuye ku cyaha kadusubiza		
Kamere y'Imana.....	113	
Igicye cya V : UMWANZURO.....	120	

IJAMBO RY'IBANZE



Ijambo ry'ibanze ni irya Data wa twese wo mw'Ijuru, we wadusobanuriye Agakiza, uburemere bw'Agakiza, n'uko tugomba kwakira no kwitwara mu Gakiza akoresheje ubutumwa bw'ubuhanuzi bwe yangejejeho ngo nanjye mbubagezeho, ubwo yahaye Ijambo ry'umutwe ngo "AGAKIZA SI IGIKINISHO" Ubu butumwa bwaje kurangiza imikino y'abana b'abantu nk'uko ubutumwa bwa mbere Imana yari yarampaye kubagezaho bwatubwiraga ngo : "GUKINA BYARARANGIYE "

Ubwo butumwa nabubagejejeho mu gitabo cy'ubuhamya cyabanjirije iki, aho nababwiye ko Imana yari yarambwiye iti: "Gukina birarangiye, dore mpagaze ku musozi wa Siyoni ndavuzza ifilimbi". Mwa bana b'abantu mwe, ko nabahaye iby'isi byose ngo mumererwe neza nababwiye ko ariyo maherezo ? Ko nongeye nkaboherezera Umwana wanjye Yesu ngo abereke ukuntu mungeraho akanabapfira, ariko ntacyo mwize. Arongerera arambwira ati : "Ariko wowe, wohereje umwana wawe mw'ishuli akagenda agakina gusa, yarangiza akakuzanira zero wamererwa gute ? ati:"Dore mugiyeye kunzanira amazero. Ubwire abantu bose ngo uwumva ijwi ryanjye ntabwo umutima, kandi abirirwa bampamagara ngo Databuja Databuja badakora ibyo mbabwira ndabahakaniye " .



Ubu butumwa butwereka ko atari igihe cyo gukina no kudamarara mu by'isi, ahubwo, ni igihe cyo gushakana Imana umwete tugakizwa by'ukuri, tukarokoka, tukaba aba Kristo. Iki, ni cyo buri wese yarakwiye guharanira kugirango atazasigara muri ino si mu gihe Umwami Yesu – Kristo azagarukira kujoyana mw'Ijuru Itorero rye.

Kwita kw'iherezo ryacu, ni ingenzi kuri buri muntu ufite ubwenge bwo gutekereza. Kandi Imana ku bwo urukundo idukunda, ntiyadutereranye, yatwoherereje ubutumwa bugira kabiri budufasha kurangiza iyo mikino turimo nk'uko nari nabibabwiye haruguru, kugirango tudahusha inzira itugeza kwa Data ariko Gakiza. Imana rero yaraturubwije gukomeza gukinisha Agakiza muri ubu butumwa ngiye kubagezaho mu magambo yavuye mu kanwa k'Uwiteka Imana yacu, nta jambo nkuyemo, nta n'iryo nongeyemo.

Uwiteka Imana yacu araturubwije ati :

“AGAKIZA SI IGIKINISHO”

Kwakira Yesu no kumugumana bisaba kuba ukuze mu bitekerezo (maturité). Ntimugahatire abantu kunyakira. Ndarambiwe n'Abantu banyakira ntibampe icyo kunywa, ntibamvugishe. Babwire bamenye kwakira Yesu icyaricyo. Ntabwo ndi ibigezweho, ntabwo ndi Agakingirizo, ntabwo ndi umukino . Babwire ko kubera bo, uburakari bwanyije bwabaye bwishyamba.

Mugire maturité, ni ukuvuga ngo mugire gukura mu bitekerezo, mugire ubwenge mu kwizera, mu myanzuro no mu ngamba mufata. Mumenye aho mujya. Baragowe abantera umugongo bantesha umwanya wanyije. Hagowe mwebwe mwamenye nyuma mukigendera. Hagowe abo ngirira icyizere nkabaha ibiryo byanyije nyuma bakigendera.

Ukwihangana kwanyije gufite iherezo. Hazagera aho bazasitara kw'i buye ryanjye. Ndabemerera ibyiza by'isi n'ibitangaza ariko ntimubasha kubitegereza. Jyewe nabategereje igihe kingana iki? Ndananiwe no kubigisha urukundo hanyuma mwebwe



mukicana. Mwishakira inyungu ubwanyu kandi ari jye nyungu y'iyi si. Ndananiwe, ndananiwe no kubarindira. Ni iki ntakoze ko mutanyemera ?. Sinabakuye mu byobo ?, sinakijije abaturanyi banyu, sinagaburiye abana banyu ?. Nimwisubireho ndabinginze, nimwisubireho. Hazaza umwanya ntazaba nkivuga, nzakora gusa. Ndabakunda cyane, nabahaye byose, n'ubu ndacyabaha. Kandi ndababarira, ariko mbabarira abansaba imbabazi.

Nimwisubireho ubu nyine, abanyumva nimusubire mu nzira yanjye, mwongere kumpa ubuzima bwanyu. Mutuma ntakaza ubushobozi kubera ibyaha byanyu. Mwuzaza umutima wanjye umubabaro kubera ububeshyi bwanyu. Nimwihane mungarukeho ntimupfane ibyaha ngo murimbuke. Ab'intege nke bagiye gutaha, intwarane zigiyeye kwambuka. Kandi, ikimbabaje by'indengakamere, n-uko hariho abagiye gutaha batariho ikimenyetso cyanjye. Abo, ntibazabona mu maso hanjye.

Ubu, ni igihe cyo kwambara imbaraga. Abanyegereye bagiye kwambara imbaraga. Si ndi umubeshyi, ndi Imana ishobora byose. Ndatabara. Ariko, ntabara abari kumwe nanjye. Abanyumvira, ngiyeye kubahagurutsa bakorane nanjye, ariko abiyobora ngiyeye kubicaza. Ni igihe cyanjye cyo gukorana n'abanjye. Ni igihe gikomeye.

Naho bikomeye gutyo, ngiyeye gusuka Agakiza mw'isi. Ariko , hariho nanone abagiye kwinangira imitima. Mukomeze mubwire abantu gukiranuka no kuva mu byaha . Abakiranutsi bagiye kugubwa neza naho abanyabyaha, bagiye kurimburwa n'inkota y'Uwiteka. Ibihembo by'abakiranutsi birurutse, n'inkoni y'abanyabyaha irabanguye. ***Iki ni igihe cyo guhemba no guhana. Ni igihe cyo gutwikurura ibyari bitwikiriwe.*** Kandi, ni njye wihagurukiye. Nabohereje abahanuzi murabica, mboherereza Umwana Wanjye ntimwamwemera. Ndarambiwe no gukina n'abanyabyaha. Ntacyo ntabakoreye, none ibihembo mumpemba ni ukunyimura, ni ukunta.

Urugamba ruragabwe, ariko ni njye wo kururwana. Ni njye wo gutabara no guhana. Satani yahagurukiye kwica abayuda bafite umutima nk'uwo nshaka.



Ikimbabaza kindi gikabije n'uko bambeshyera ngo nazanywe no kubaha iby'isi kandi nazanywe no kubaha iby'ijuru. Ntabwo amamodoka, amazu, indege aribyo nabasezeraniye, nabahaye ijuru. Ni ryo ryonyine rigomba kubahaza. Ariko mwebweho, muhorana inzara y'iby'isi. Nta nzara y'ijuru mugira.

Aya magambo y'Imana muyasome mwitonze arabafasha gusobanukirwa neza n'ubu butumwa.

(Yeremiya 7 : 8-14), (1 Yohana 2; 23-24, 28 -29), (**2** Ngoma 15; 2). (Matayo 12; 30) (Yakobo 1; 12), (1 Yohana 4 ; 7-21), (1 Yohana 2 ; 9-10), (1 Abakorinto 13; 1-13), (Luka 6; 27-38), (1 Yohana 3; 15-18), (Matayo 25; 31-46) (Matayo, 10;42). (2 Timoteyo 3; **1-5**), (Yesaya 1; 16-19) (Matayo 11 ; 12), (Yohana 3; 1-7), (Abaroma 8; 1-17) (Yeremiya 33; 2-3), (Yesaya, 66 ; 17-19), (Abaroma 12), (1 Yohana 3 ; 1-10) ,(2 Gutegeka 11; 26-28), Yakobo (4; 7-9), (1 Petero 4; 17-19), (Daniyeli 8; 23-25)(1 Yohana 2; 25-27), (Abafilipi 3; 18-19), (Matayo 6; 31-34), Matayo 13; 44-51).

1.2. GUSHIMIRA

Ndashimira cyane cyane Imana yo yanteye iri teka ryo kumpa ubutumwa bwo kubagezaho, ikabunsobanurira yo ubwayo kugirango nanjye mbashe kubusobanurira abandi na bo bamenye ukuri. Muribuka ko mu Buhama nabagejeje mu gitabo cyihariye nise ngo **“Yesu Yaranyiyeretse”** ko nabatekerereje uburyo maze kumenya umumaro wo gukizwa ndetse n'uburyohe bw'Agakiza, ko nasabye Imana nshyizeho umwete ko yamurikira abakiri mu mwijima nk'uwo yankuyemo akabakiza. Nasabye Imana ko yanyigisha yo ubwayo Agakiza, nanjye nkakigisha abandi kugirango na bo basobanukirwe bakizwe. Nagize ishyamba ryinshi ntewe n'umutwaro wo kubona abantu benshi barimbuka ku bwo kutamenya Agakiza, kandi basenga, ndetse no gukora imirimo myiza bayikora.

Imana yarumvise isengesho nasenze nsabira abatarakizwa iransubiza. Imbwira ko «*Igiye kurangiza imikino turimo muri ino si, ko igiye gusibura amarembo y'intama kandi ko igiye kubohoza isi urukundo n' Ijambo ryayo*».



Bumwe mu buryo Imana iri gukoresha kugirango abari mw'isi babohoke ku ngoyi za Satani, ni ukutwigisha iduhishurira ubwiru bwayo kugirango tumenye ukuri tutongera kuyoba inzira izatugeza mw'Ijuru. Imana ntabwo ikivugira mu migani, iri kuvuga yeruye kugirango hatazagira ugira icyo yireguza ngo ntiyabimenye, cyangwa ngo ntiyabisobanukiwe.

Za «**MPFUNGUZO Z'IJURU**» yahaye Petero **Matayo 16 : 13-19** yaraziduhishuriye, na twe araziduha kugirango buri wese azabashe kwifungurira amarembo y'Ijuru yinjire. Nta wuzafungurira undi, buri wese azifungurira kuko azaba we ubwe yitwaje impfunguzo. Utazaba azitwaje azaguma hanze.

Gukina rero byararangiyeye, fata izo mfunguzo vuba niba utarazifata, reka gutinda, reka kwiyo bagiza, reka kwigira ntibindeba, reka gukomantaza umutima wawe, ihangane ureke gukururwa n'ibitari Imana. Iby'isi ntibikaguherane, ntabwo bazabiguhambana, byose uzabisiga mw'isi.

Uko waje mw'isi ntacyo uzanye, ni ko uzasubira icyo wavuye ntacyo ujyanye. Uko wavuye mu nda ya nyoko uri umutumbure, uzagenda uto nk'uko waje ntacyo ujyanye **Umubwiriza 5 : 12-15**

Nta wuzi umunsi we wo gupfa, kandi ibihe bigeze kure, Umwami wacu Yesu-Kristo ari bugufi nk'uko Imana idasiba kubitubwira.

Izo mpfunguzo zifungura Ijuru, nk'uko nanjye nazishyikirijwe, narazibamenyesheje muri cya gitabo cy'Ubuhamya.

Urwa mbere ni : **AGAKIZA**
Urwa kabiri ni : **AMARASO YA YESU**
Urwa gatatu ni : **IMIRIMO**

Imana yarampishuriye kandi ko icyaha cy'inkomoko, gikomokaho ibyaha byose ko ari «**UKWIKUNDA**». Icyo cyaha tuvukana twagikuye ku babyeyi bacu ba mbere, ni cyo kidutandukanya n'Imana kuko Imana ni urukundo. Imana, inansobanurira ko icyo cyaha tugikizwa ku bw'Ubuntu bw'Imana nk'uko Pawulo yabitubwiye mu Befeso 2 : 8, Ubuntu bw'Imana bukaba bugizwe n'ibintu bitatu bikomoka ku Mana yonyine: «**IJAMBO RY'IMANA, IMBABAZI Z'IMANA, IMBARAGA Z'IMANA** ari wo **MWUKA WERA**».



Tuzasobanura neza inkomoko y'iyi Kamere mbi y'umuntu n'uburyo tuyikizwa n'ubuntu bw'Imana mu gitabo kizakurikira gisobanura ku «**Gukizwa**».

Nshimiye abakozi b'Imana bose banshyigikiye kugirango kino gitabo kibashe kujya ahabona. Kandi mbaye nshimiye abo bose bazagira uruhare mu kugisakaza hose kugirango gisomwe na benshi. Imana ibampere umugisha.

Nshimiye Umuyobozi w'Itorero ryanjye ryitwa “Living World Church” rikorera i Kanombe, ndetse n'abakristo dusengana, kuko badasiba kuntera ingabo mu bitugu, kugira ngo umurimo Imana yampaye uje imbere.

Nshimiye umuryango wanjye, umutware wanjye nkunda Ambassadeur Polisi Denis n'abana bacu bose bo batigeze bambangamira muri ino nzira y'Agakiza, ahubwo bamfashe mu mugongo bampa n'uburyo nkoresha mu murimo w'Imana. Imana izabibukireho mu minsi mibi ibatabare, kandi ndasaba Imana iri mw'Ijuru kubahoza ku mutima wayo.

Nongeye gushimira Umubyeyi wacu, ari we Data wa twese wo mw'Ijuru, kandi simbasha kumushimira uko bikwiriye, we utigera adutererana, ahubwo atubereye maso kugirango dukizwe tuzabashe kubana na we mw'Ijuru. Ashimishwa n'uko dukizwa kuko yishimira kuduha Ubwami bwe, ni cyo gituma atuburira ubutitsa atubwira ko Umwami Yesu ari bugufi bwo kuza gutora Itorero rye, ndetse akanadufasha kumenya uburyo twamwitegura. Tube maso kandi dusenge ubutitsa.

1.3 Iriburiro

Iki gitabo, ni icya kabiri nandiste nyuma yo gushyira ahagaragara ubuhamya bw'imibanire yanjye n'Umwami wanjye Yesu-Kristo. Kikaba na none ari icya mbere mu rutonde rw'ibitabo nzandika bisobanura za mpfunguzo eshatu zifungura Ijuru nababwiye haruguru.

Ibitabo bine bya mbere bizasobanura urufunguzo rwa mbere ari rwo AGAKIZA. Icyo gatanu, kizasobanura urufunguzo rwa kabiri ari rwo AMARASO YA YESU



Icy a gatandatu, kizasobanura urufunguzo rwa gatatu ari rwo IMIRIMO

Twifashishije ibyanditswe byera, iki Gitabo cya mbere mu bitabo bine bizasobanura ku Gakiza, kiratumenyesha AGAKIZA UWARIWE, UWAZANYE AGAKIZA UWARIWE, N'IMPAMVU ZATUMYE AGAKIZA KAZA MURI INO SI.

Iki gitabo kiratwereka ko Agakiza gatandukanye n'adini kandi ko tugomba kurekeraho kuba abanyedini, ahubwo tugakizwa, tugahinduka abayobohe ba Kristo. Iki gitabo kiradusobanurira neza ko tudakizwa ku bwo imirimo dukora, ahubwo ko gukizwa ari impano y'Imana.

Iki gitabo kiradusobanurira ibyo Imana itubuza kwitiranya n'Agakiza. Ibyo, nabibatangarije mu butumwa bwihariye butubuza gukomeza gukinisha Agakiza buri mw'Jambo ry'ibanze.

Imana iratubuza kwitiranya Agakiza n' "IBIGEZWEHO", ikongera ikatubuza gufata Agakiza nk' "AGAKINGIRIZO" "kadukingiriza kugirango dukore ibyo imitima yacu irarikira ku bwo kwipfuzwa. Imana iratwihanangiriza ikomeje kurekeraho gufata Agakiza nk'IGIKINISHO CYACU.

Igitabo cya 2 kizadusobanurira gukizwa icyaricyo, icyo dukizwa n'uburyo dukizwa, ndetse n'ikidukiza icyaricyo.

Igitabo cya 3 kizadusobanurira intambwe zo mu Gakiza izarizo.

Igitabo cya 4 kizadusobanurira impamvu hariho abantu badakizwa kandi Agakiza ari aka twese, kikanasobanura niba abadakijijwe bazajya mw'i Juru cyangwa batazajyayo.

Nizeye ntashidikanya ko Imana nyir' ubushobozi bwose ko izakoresha iki gitabo kugirango abazagisoma bwose bazagire ububutse bw'imitima yabo, kandi mfite ibyiringiro ko kizashira muri benshi batarakizwa, ishaka ryo gukizwa. Kandi, nizeye ko kizamurikira benshi bari bakiri mu mwijima wo kwitiranya Agakiza n'amadini, abandi bantu cyangwa ibindi bintu.

Igicye cya II

AGAKIZA NI NDE ?



II.1. AGAKIZA NI YESU

Birakwiriye ko hano tubanza twese tukamenya uwo Yesu, Gakiza kacu uwariwe twifashishije ibyanditse byera.

Yesu ni «IJAMBO RY'IMANA». Mu Mana twese dusanzwe tuzi ko harimo ubutatu butagatifu. Imana Data, Imana Mwana ari we Jambo ry'Imana, Imana Mwuka Wera. Ni cyo gituma igihe Imana irema umuntu yaravuze iti : “Tureme umuntu” Bagiye inama uko ari batatu. Iyaba umwe, yari kuvuga ati : ubu ngiye kurema umuntu. **Itangiriro 1 : 26.**

Muri Yohana 8 : 31, 36, Umwami Yesu abwira Abayuda bamwemeye ati: “Nimuguma mu Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura. Nuko, Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri” Hano, Yesu we ubwe ni we ugaragaza ko Ijambo ribatura abantu ko ari we : “Umwana w'Imana”.

Yesu ni “UMWANA W'IMANA” nk'uko Umumarayika Gaburiyeri yabibwiye Mariya igihe yaratumwe n'Imana kumumenyesha ko azabyara Yesu. Yaramubwiye ati : “Witinya dore uzasama inda,



uzabyara umuhungu uzamwite “YESU”. Azaba mukuru, azitwa “UMWANA W’ISUMBABYOSE” “kandi Umwami Imana izamuha intebe y’Ubwami ya Sekuruza Dawidi, azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira”. **Matayo 30-31**

Muri **Yohana 9 : 35-36** Yesu we nyine ubwe ni we wivuga ko ari Umwana w’Imana aho yihishurira umuntu wavutse ari impumyi yaramaze guhumura. Yaramubajije ati : “Mbese wizeye Umwana w’Imana ?”. Uwundi aramusubiza ati : Ni nde ngo mwizere ? Yesu aramubwira ati : Wamubonye kandi ni we muvugana”.

Muri **Matayo 16 : 13-16**, Yesu yabajije abigishwa be uko bumva abantu bamwita. Baramubwira bati : “Bamwe bavuga ngo uri Eliya, abandi bakagira ngo uri Yohana umubatiza. Noneho Yesu arababaza ati : None se mwebwe munyita nde ? Petero aramubwira ati: Uri Kristo Umwana w’Imana ihoraho. Yesu aramusubiza ati : Urahirwa Simoni wa Yona, kuko umubiri n’amaraso ataribyo byabiguhishuriye ahubwo ni Data wo mw’Ijuru”.

Muri **Matayo 3 : 16-17**, Imana yo ubwayo yaramuhamirije. Umwami Yesu amaze kubatizwa mu mazi menshi, Umwuka wera waramumanukiye, noneho Ijwi ry’Imana riravuga riri mw’Ijuru riti: “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira”.

Kandi Yesu we ubwe yita Imana Se. Igihe cyose yavugaga Imana yamwita DATA. Muri **Yohana 15 : 23**, Umwami Yesu yaratubwiye ati: “Unyanga aba yanze na Data. Iyaba ntakoreye muri bo imirimo itakozwe n’undi muntu, nta cyaha baba bafite. Ariko noneho barayibonye kandi baratwanga njyewe na Data”.

Muri **Yohana 16 : 26**, Umwami Yesu yabwiye abantu ati : “Uwo muni muzasaba mu Izina ryanjye, kandi simbabwira ko nzabasabira kuri Data, kuko Data na we abakunda ubwe kuko mwankunze mukizera yuko navuye ku Mana”.

Yesu ni “INTUMWA Y’IMANA”, ariko ntabwo ari intumwa nk’izindi ntumwa Imana yagiye ikoresha nk’uko tumaze kubisobanura. Yesu yabaye intumwa idasanzwe kuko ni Umwana w’Imana. Imana yatumye Umwana wayo mw’isi kuko yasanze hari inshingano yashinze Umwana we ata wundi yari kubasha kuziyemeza. Yaje kutubera incungu kugirango imigambi Satani yaradufiteho yo



kuturimbura itazasoza ku bantu. Rero, Yesu ntiyaje gusa azanye ubutumwa bw’Imana nk’izindi ntumwa zose zabayeho n’izizabaho, ahubwo, yaje no kudupfira kugirango twebwe abanyabyaha ntitube tugipfuye, ahubwo ngo dukizwe, duhabwe ubugingo buhoraho bw’iteka ryose.

Muri **Yohana 17:17**, igihe Umwami Yesu yasengera abazamwizera bose imbere y’uko abambwa, yabwiye Se ari we Data wo mw’Ijuru ati : “Uko wantumye mw’isi nanjye ni ko nabatumye mw’isi”. Muri icyo gice nyine ku murongo wa 8, Umwami Yesu yarasanze avuga ati : “Amagambo wampaye Data narayabahaye na bo barayemera bamenya by’ukuri ko naturutse kuri wowe, bizera kandi ko ari wowe wantumye”.

Muri **Yohana 7 : 12**, Nuko Yesu avuga cyane yigishiriza mu rusengero ati : “Njyewe muranzi naho naturutse murahazi ariko sinaje ku bwanjye, ahubwo lyantumye ni iy’Ukuri, iyo mutazi. Nyamara njye ndayizi kuko navuye kuri yo kandi ari yo yantumye”.

Muri **Yohana 12:49** Umwami Yesu yarongeye arihamya nk’Intumwa y’Imana aravuga ati : “Sinabivuze ku bwanjye, ahubwo Data wantumye ni we wantegetse ibyo nkwiriye kuvuga, n’ibyo nkwiriye kwigisha. Nanjye nzi ko itegeko rye ari bwo Bugingo Buhoraho. Nuko rero ibyo mvuga mbivuga uko Data yabimbwiye.”

Umwami Yesu rero ntiyaje ku bwe, yaje azaniye abari mw’isi bose ubutumwa bwa Se ariwe Data wa twese wo mw’Ijuru.

Yesu ni “UMWANA W’UMUNTU”. Ku bwo kubyarwa n’umugore, yambaye umubiri nk’uwacu kugirango abashe kubana natwe kuko umuntu adashobora kurebeshya amaso ye Imana ngo abeho. Yarihinduye asa na twe ku mubiri.

We ubwe ni we wivugiye ko ari umuntu : **Yohana 8 : 40**, Umwami Yesu yabwiye Abayuda ati : “Ariko none dore murashaka kunyica kandi ndi “umuntu” ubabwiye iby’ukuri, ibyo numvise ku Mana”. Ni nawe ubwe wiyise Umwana w’Umuntu: Muri **Mariko 2:28**, yaraturubwiye ati “Umwana w’Umuntu, ni umwami w’Isabato”.



Yesu kandi ni “IMANA, NI UWITEKA, NI UMWAMI W’ABAMI”, kandi ingoma ye izahoraho iteka ryose. Yesaya abwirijwe n’Umwuka Wera yavuze Yesu yaragiye kuza mw’Isi ati : “Nuko, Umwana yatuvukiye, duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho. Umwami w’amahoro. Gutegeka kwe n’amahoro ye bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n’ubwami bwe bitagira iherezo kugirango bibukomeze bibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uhereye none ukageza Iteka ryose.” **Yesaya 9 : 5-6.**

Marayika w’Umwami Imana yabonekeye Yosefu umugabo wa Mariya nyina wa Yesu igihe yari amutwite, aramubwira ati : “Umugenzi wawe Mariya, imbuto imurimo ni iy’Umwuka Wera, azabyara umuhungu uzamwite Emanweli , risobanura ngo “Imana iri kumwe natwe” **Matayo 1 : 20-23.**

Yesu ni “UMUCYO UMURIKIRA ABARI MW’ISI BOSE” kugirango batazimira ngo bahushe inzira izabageza mw’Ijuru. Uwiteka yabwiye Umwana we Yesu –Kristo yaragiye kuza mw’isi ati : “Jyewe Uwiteka naguhamagariye gukiranuka , nzagufata ukuboko, nzakurinda nguhe kuba isezerano ry’abantu no kuba umucyo uvira abanyamahanga, no guhumura impumyi, ukabohora imbohe, ugakura ababa mu mwijima mu nzu y’imbohe”. **Yesaya 42 : 6-7.**

Muri **Yesaya 49:6**, Uwiteka arongera abwira Yesu ati : “***Kuba umugaragu wanjye ugakungura imiryango ya Yakobo, ukagarura Abany’Istraeli bacitse kw’icumu ntibihagije. Ahubwo, nzaguha kuba umucyo wo kuvira amahanga, kugira ngo Agakiza kanjye kagere ku mpera y’isi.***

Muri **Yohana 1 : 9**, Ijambo ry’Imana ritubwira ko Yesu ari we mucyo nyakuri kandi ko yaje mw’isi kugirango amurikire umuntu wese. Muri **Yohana 12 : 46**, Umwami Yesu arongera arivuga ati : “Najye mw’isi ndi umucyo kugirango unyizera wese ataguma mu mwijima”.

Arongera Yesu arivuga muri **Yohana 8 : 12** ati : “Ni jye mucyo w’isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w’ubugingo”.



Yesu ni UMUNYU W'ISI

Ubuzima bwo muri ino si bubamo imibabaro myinshi, ariko, Yesu aduha kugira ibyiringiro mu Mana, bituma twumva ko no mu ngorane tunyuramo ko dufite umubyeyi udukunda wo kudutabara no kuturengera. Yesu ku musalaba yikoreye n'imibabaro yacu arayinesha. Yaratubwiye ati : "Mu isi mugira imibabaro myinshi ariko nimuhumure nanesheje isi" **Yohana 16:33b** Yesu ni we uduha kunezererwa muri buno buzima bwo muri ino si y'amarira. Yesu atanga kunyurwa n'ibyo dufite n'icyo turicyo, akadukuramo kwipfuzwa kwose, tukumva tuguwe neza. Ni cyo gituma duhorana amahoro yo mu mutima twahawe na we. Yaratubwiye ati : "Mbasigiye amahoro , amahoro yanyije ndayabahaye. icyakora, simbaha nk'uko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihaagarare kandi ntitye". **Yohana 14 : 27**

Abantu benshi muri ino si bararushye kuko batagira Yesu wo kubarengera. Indwara, intambara, ibiza by'ubwoko bw'inshi, ubushomeri, gukorera mu bihombo, inzara, inzangano mu bantu, n'ibindi byinshi..., ibyo byose, byahahamuye benshi. Abantu bararushye kuko batazi uwabaruhura uwariwe. Ntibazi ko Yesu ari we gisubizo cy'ibibazo byacu byose. Yesu ku bamwizeye, ni we buruhukiro bwacu, ni we mahoro yacu, ni we munezero wacu.

Atwingingira kumusanga gusa no kumuyoboka kugirango aturuhure, atwikorerere imitwaro yacu yose. Yaratubwiye ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu." **Matayo 11:28** Ni ukuri, Yesu, nitumwikoreza imitwaro yacu yose, tuzibera mu mahoro gusa. Hamwe na Yesu, nta bwoba, nta kukuka umutima, nta kwiganyira.

Kandi tugomba no kumenya ibihe turimo ko ari ibihe bya nyuma, ibyo Yesu yahanuye ko bizabamo imibabaro myinshi. Iyo mibabaro ni iyo kudukangura kugirango duhugukire Imana, Yesu atazasanga dusinziriye, twaravuye mu byiringirwa. Imana irashaka ko tuyihungiraho kugirango idutabare, ituneshereze ibitugerageza, iturokorere n'ubugingo. Kandi Imana, nituyizirikaho, tukitondera ibyo yahamije, ishoboye no kuturinda iyo mibabaro yose, ntitugereho.



Umwami Yesu yarabitubwiye mu **Byahishuwe 3 : 10** ati : “Kuko witondeye Ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugeragezwa kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mw’isi”. Nuko rero, hamwe na Yesu, nta kwiheba, nta kwijujuta, muri Yesu, nta biracitse ibaho, ibyo tunyuramo byose, tubinyuramo twihanganye kandi dutuje. Nta kibasha guhungabanya amahoro yacu, duhora dukomeye.

Dukoresheje ibyanditswe byera, twagerageje kugaragaza Yesu uwariwe. Ni Umwami ukomeye, ni Umwana w’Imana kandi ni we Mana, wicishije bugufi yigira umuntu kugirango arangure inshingano Data wa twese wo mw’Ijuru yari yaramuhaye yo gukiza abari mw’isi bose no kubabera icyitegererezo n’urumuri ruzabageza mu bugingo buhoraho.

Ni cyo gituma, Imana mu butumwa bw’ubuhanuzi yampaye kubagezaho buduhamagarira kureka gukinisha Agakiza, Imana yaraturubujije gukomeza gufata Yesu uko atari, no kumuha inshingano zitari ize. Kandi twari dukwiye kumenya neza ko nta burenganzira, nta n’ububasha dufite bwo guhindura umugambi w’Imana wavanye Yesu mw’ijuru ukamuzana mw’isi. Ntabwo Umwami Yesu yazanywe no guhaza irari ry’imibiri yacu n’iry’iby’isi, yazanywe no kuduha ubugingo buhoraho.

Icyambere, Yesu ntabwo ari “ibigezweho”, icya kabiri, Yesu si *Agakingirizo* kandi Yesu si Igikinisho. Nta n’ubwo Agakiza ari “idini” cyangwa *imirimo myiza*.

II. 2. AGAKIZA SI IBIGEZWEHO

Agakiza kabayeho kandi kazahoraho iteka ryose. Imana yavuze ko byose bizashira ariko Ijambo ryayo ari we Yesu, ari we Gakiza, azahoraho iteka ryose.

Uwiteka Imana muri **Yesaya 51 : 6** irabitubwira neza iti : “Nimwubure amaso yanyu murebe ijuru, murebe no ku isi hasi. Ijuru rizatamuruka nk’umwotsi, n’isi izasaza nk’umwambaro, n’abayibamo bazapfa nk’isazi, ariko Agakiza kanjye kazagumaho iteka ryose kandi gukiranuka kwanjye ntikuzakuka”.

Muri **Yohana 1 : 1- 5**, Ijambo ry’Imana rikongera rikatubwira riti : “Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n’Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n’Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni



we wabiremwe, ndetse mu byaremwe byose, nta na kimwe kitaremwe na we. Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu".

Agakiza rero kahozeho kiretse ko kahishuwe n'Imana, igihe kigeze, igihe yoherezaga Umwana we w'Ikinege kugirango aze kubana natwe, atumenyeshe Imana kandi aducungure. Imana yahanuriye abantu ko azabohereza umukiza kuva kera, ndetse kuva umunsi Adamu na Eva bagomera Imana bakitandukanya na yo, bakiyunga na Satani, Imana yarabihanuye. Naho Satani yari adutwaje uburyarya bwe, nta kindi agamije atari ukuturimbura no kudukandamiza, Imana yo, ku bwo urukundo idufitiye rutagira akagero, yahise ishyiraho ingamba ikomeye kandi itangaje yo kuturwanirira, igaragaza ako kanya ubushake bwe bwo kudutandukanya na Satani. Noneho Imana, igasubira kwiyunga na twe. Kandi aho bitangarije, Imana ni yo ubwayo yagize intambwe ya mbere n'aho ari twe twari twahemutse. Si twe twayisanze, ni yo yadusanze ku bw'impuhwe n'urukundo idufitiye, nk'uko ibyivugira muri **Yeremiya 31 : 3** iti : "Ni ukuri ni ukuri, nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza yangije nakwiyegereza".

Iki kintu Imana yadukoreye, kigaragaza urukundo ruhebuje Imana idufitiye rutagira ishingiro nk'uko yabivuze muri **2 Gutegeka 7:7** ati: "Icyateye Uwiteka kubakunda ni uko abakunda". Ni ukuri, n'ubu, iyo urebye ubugome butubamo twebwe abantu, urareba ugasanga nta mpamvu n'imwe Imana yari ifite yo kudukunda no kutugirira impuhwe.

Adamu na Eva bakimara gucumura, Imana yabwiye Satani iti : "Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe, na we uzarukomeretsa agatsinsino". **Itangiriro 3:15** Aha, ijambo nyamukuru Imana yabwiye Satani n'uko amaherezo izamutandukanya n'abantu yiremeye, kandi yamwumvishaga ko izaduha ububasha n'imbaraga byo kumwiganzura tukamugendera hejuru, ntabe akidutegeka. Uko ni ko Imana yahanuye Agakiza kazadukiza Satani rugikubita kuko tutari twebwe mu mbaraga zacu kubasha kwitandukanya n'uwo mwanzi w'Imana n'abantu.

Nyuma y'aho, Agakiza Imana yagahanuriye cyane cyane mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya imyaka myinshi imbere y'uko Yesu avuka.



Muri **Yesaya 28 : 14-18**, ni ho Imana igaragaza neza uzaza kudutandukanya na Satani uwariwe. Ijambo ry'Imana riratubwira neza riti : "Nuko rero nimwumve Ijambo ry'Uwiteka mwa bakobanyi mwe, bategeka ubu bwoko buri i Yerusalemu. Mugirango mwasezeranye isezerano n'urupfu, kandi ngo mwuzuye n'i kuzimu. Ibyago nibisandara bigahitana igihugu ntibizatugeraho kuko mwiboneye ubuhungiro mu binyoma mukaba mwhishe mu buryarya. Ni cyo gitumye Umwami Imana ivuze iti : Dore ndashyira muri Siyoni ibuye ry'urufatiro ryageragejwe , ibuye rikomeza imfuruka ry'igicro cyinshi rishikamye cyane, kandi uwizera ntazahutiraho. Maze isezerano mwasezeranye n'urupfu rizapfa, kandi ubumwe mufitaniye n'i kuzimu ntibuzahama".

Umuntu akimara gucumura yaramaze gutandukana n'Imana kuko Imana ni iyera, ntibasha kubana n'icyaha. Noneho, yunga ubumwe na Satani kuko yahisemo kwumvira se w'icyaha, asinyira urupfu rwe, yinjira munsu y'ubwami bwa Satani ngo azahore ayoborwa na we, kandi azabane nawe iteka ryose. Imbere y'ayo mahano umwana w'umuntu yari yikururiye, Imana ntiyicecekeye ngo yigire ntibindeba ahubwo ku bwo imbabazi n'urukundo bye, yashyizeho umugambi ukomeye wo kudukiza Satani akadukura mu masezerano twari twagiraniye. Yakoresheje Yesu-Kristo ari we yise Ibuye rikomeye cyane. Aravuga ati : "Iryo buye ariwe Yesu namara kuza mw'isi, abazamwizera bose ntacyo bazaba bagipfana na Satani. Bwa bumwe bwari hagati yabo buzakurwaho, kandi ntibazaba bagipfuye, bazaba babonye ubugingo buhoraho".

Imana yaranahishuye uburyo Iryo buye ari we Yesu rizashyirwa mw'isi. Naho ari Umwana w'Imana kandi akaba ari Imana, azaza yihinduye umuntu nka twe. Imana ivugira muri Yesaya iravuga iti: "Dore Umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu".

Muri **Luka 1 : 30**, Marayika Gaburiyeli yabonekeye Mariya aramwibwirira ati : "Uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu. Azaba mukuru, azitwa Umwana w'Isumbabyose, kandi Umwami Imana izamuha intebe y'Ubwami ya Sekuruza Dawidi, azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira. Mariya abaza Marayika ati : Ibyo bizabaho bite ko ntarayamana n'umugabo ? Marayika aramusubiza ati : Umwuka Wera azakuzaho, n'imbaraga z'Isumbabyose zizagukingiriza. Ni cyo gituma Uwera azavuka azitwa Umwana w'Isumbabyose".



Iyo usomye muri **Yesaya 53**, Imana yaranasobanuye neza uburyo Yesu azakoresha kugirango adukize ibyaha byacu. “Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho, twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara, ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gikiranirwa kwacu kwose”. ... Murangize iki gice cyose musobanukirwe.

Umwami Yesu yadukirishije ibyaha imibabaro ye yababariye ku musalaba, atumenera amaraso ari yo yatwejejeho ibyaha byacu byose. Ariko, hazababarirwa ibyaha abazemera kumuhitamo nk’Umwami n’Umutware wabo. Abazamwirengagiza ntibazabona Umwami Imana, kuko nk’uko we ubwe yabyivugiye, uwo atazajyana kwa Se ntazagerayo. Nta kuntu rero yagutwara utigeze umwiyegurira ngo usezerane na we kumubera umugeni. “ Nta masezerano, nta mibanire”, Nk’uko Ijambo ry’Imana ribitubwira muri **Amosi 3: 3** ngo “Ntabajana batasezeranye” .

Agakiza rero kahozeho, kandi Imana yagahanuye kuva kera nk’uko tumaze kubibona. Agakiza rero ntabwo tugomba kugafata nk’ibigezweho. Ndetse n’amagambo : AGAKIZA , GUKIZWA ndetse no KUOKOKA , ni amagambo yavuzwe kuva kera n’Imana yonyine. “ABAKIZWA N’ABAROKORE” ni amazina Imana yo ubwayo yahaye abemeye ko Kristo ababera Umwami n’Umucunguzi.

Hano, nagirango tureke gukomeza kwitiranya ibintu, ari na byo bikomeza gushyira urujijo mu bantu. Izina ABAKRISTO, ni Izina ryahimbwe n’abantu. Muri Antiyokiya ni ho abigishwa batangiriye kwitwa Abakristo, babyitwa n’abapagani kuko babonaga bafite ingeso nk’iza Kristo, kandi bagakora imirimo y’ibitangaza nk’iyo Kristo yakoraga akiri muri ino si. **Ibyakozwe n’Intumwa 11: 26**.

Iryo jambo “abakristo”, Yesu ntiyigeze arikoresha, yahamagariraga abantu kumwizera, maze abamwizera, irindi zina yabahaga, yabitaga “ABEMEYE” abo ngabo bagahinduka “ABANA B’IMANA” ariko ntabwo yigeze avuga ko bahinduka “ABAKRISTO”. **Yohana 1 : 12** Ubundi, yabise “ABAKIZWA”. **Luka 13 : 22-30**



Izina ABAKRISTO ryaje noneho gukoreshwa n'amadini yiyitirira Kristo. Noneho ababatirijwe bose bakabita Abakristo, bakabaha n'amazina bita ngo ni aya gikristo. Nyamara, turazi neza ko ikiduhesha kwizera Kristo si umubatizo, ahubwo ni ukumwemera nk'Umwami n'Umukiza wacu nk'uko Ijambo ry'Imana riri mu **Baroma 10 : 8- 13** ribitubwirira riti : "Ijambo rirakwegereye, ndetse riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe. Ni ryo Jambo ryo kwizera iryo tubabwira. Niwatuza akanwa kawe, yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa"

Kugirango rero ube umukizwa, bigusaba kwemera ko Yesu akubera Umwami n'Umutware, akakubera umuyobozi w'ubuzima bwawe. Nawe, ukemera kumubera umugeni, mugasezerana kubana no kuba umwe ubuziraherezo.

Ibyo mbivuga neruye kuko tunazi ko hariho ababatirijwe benshi bataremera Kristo. Abenshi banabatirijwe ari impinja zitazi ubwenge. Kwitwa Umukristo rero ntibivuga ko umuntu yakijijwe ahubwo biba bivuga ko turi abanyedini runaka ryiyitirira Kristo. Ijambo ABAKRISTO ni ryo rishya kw'ijambo ABAKIZWA n'ABAROKORE kuko ryazananye n'amadini yiyitirira Yesu kandi nta dini Yesu we ubwe yasize ashinze muri ino si.

Yesu yaje gukiza abari mw'isi bose atarebye ku madini bazasengeramo. Ni cyo gituma Abakizwa ari bo barokore bari mu madini yose, ndetse n'abatagira amadini bashobora kurokoka, igihe cyose bahisemo Kristo bakamwakira, bakamwizera, barangiza bakemera kumubera Abigishwa, n'ukuvuga, bakemera kwigishwa n'Ijambo ry'Imana kandi bagaharanira kuryemera no kuryumvira. Amagambo rero Gukizwa no kurokoka, ni yo yabanjirije Ijambo umukristo, kandi iryo rya nyuma ryahimbwe n'abana b'abantu babonye uburyo Intumwa zitwaraga nka Kristo.

Urumva rero mu byukuri, hari hakwiye kwitwa Umukristo umuntu ukijijwe by'ukuri. Ni ukuvuga umuntu wizera Kristo, iri zina riruta ayandi yose. Ni ryo rimubatura kuri kamere y'icyaha akambara ishusho ya Kristo. None ubu, ryabaye izina ry'abanyedini, batarebye neza bazahava bamera nk'abanditsi n'abafarisayo bo mu gihe cya



Yesu. Abo, bari abanyedini, ariko bari barahakanye kwemera Yesu no kumukurikira. Ahubwo abemera Yesu ku mugaragaro babaca mu masinagoge yabo.

Muri **Yohana 5 : 39** Yesu yabwiye abanditsi n'Abafarisayo ati : "Murondora mu byanditswe kuko mwibwira ko muri ibyo ari ho hari ubugingo buhoraho, kandi aribyo bimpamya. Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo".

Abafarisayo n'abanditsi bari bazi ibyanditswe, barabyigishijwe. Ngo n'amategeko y'Imana bayatwara ku bituza byabo. Ariko, bari baranze kwiye gurira Yesu ngo abafashe gushyira mu bikorwa ibyanditswe byera noneho babaturwe ku cyaha bazabone ubugingo buhoraho.

Umwami Yesu yaratinze abwira abamwemeye bese ati: "Kandi ndababwira yuko gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw'abanditsi n'ukw'abafarisayo mutazinjira mu Bwami bwo mu Ijuru". **Matayo 5:20**

Abanditsi n'abafarisayo bari abanyedini, ndetse, ari na bo bayoboye amadini, ariko, ntibakiranukaga ku bwo kutagira Yesu nk'uko nari maze kubibabwira.

Ntabwo rero nk'uko nari maze kubisobanura amagambo Agakiza, gukizwa no kurokoka ari amagambo y'inza-duka, ni amagambo yaturutse mu kanwa k'Uwiteka Imana yacu nk'uko tugiye kubihamirizwa n'Ibyanditswe byera.

Muri Yesaya 45:22 Uwiteka ni we uvuga ati : Ni mumpugukire **"mukizwe"** ku murongo wa **20** w'icyo gice nyine, Uwiteka aravuga ati : Nimunyegerere icyarimwe mwa **"barokotse"** bo mu mahanga mwe. Muri Mika 5 : 6, Uwiteka aratubwira ati : **"Abarokotse"** ba Yakobo bazaba mu moko menshi"

Ijambo Agakiza, abasomyi bakomeye ba Bibiliya boba barabaze kangahe Imana ikoreshe iryo Jambo. Icyakora Imana yarikoresheje kenshi cyane. Haba mw'Isazerano rya kera, haba mw'Isazerano rishya.

Mu gitabo cya Yesaya cyane cyane kuko ari igitabo Imana yahanuyemo cyane ibya Yesu we Gakiza, Imana yakoresheje cyane Ijambo **"Agakiza"**. Hano twafata ingero nkeya



Muri **Yesaya 52 : 10** “Impera z’isi zose zizabona **“Agakiza”**k’Imana yacu “. Muri icyo gitabo nyine mu gicye cya 43 : 12, Uwiteka aravuga ati : **“Ni njye wabwirije iby’Agakiza kandi ndakiza”**

Muri **Yohana 3:16-17** Imana ivuga impamvu yatumye Umwana wayo mw’isi ikamutanga : Kwari ukugirango abari mw’ isi **“bakizwe”** na we.

Kandi Pawulo mw’ibaruwa yandikiye Abefeso 2 : 8 aratubwira ati : **Mwakijije** n’ubuntu ku bwo kwizera”.

Muri **Luka, 19 : 1-9** haravugwa igihe Zakayo ku bw’ubugufi bwe yashatse kureba Yesu yurira igiti. Yesu amubonye uburyo amwifuzza aramubwira ati : Urururuka kuko uno munsu ndara mu nzu yawe. Yesu amaze kugera kwa Zakayo, uyu mugabo yarihanze yizera Yesu. Noneho Yesu we ubwe ni we yivuze icyaricyo aravuga ati : “Uyu munsu **Agakiza** kaje muri iyi nzu”.

Muri **Luka 13 : 22 -30**, biragaragara ko hari Abayuda bari bamaze gusobanukirwa n’Agakiza icyaricyo, ndetse n’umumaro wo gukizwa uwariwo, ni ho umuntu yegereye Yesu aramubaza ngo **“Abakizwa”** ni bake ?

Yesu aramusubiza ati : **Abakizwa** ni abazagira umwete wo kunyura mw’irembo rifunganye, kuko benshi bazabyifuza bibananire. Abo nyine bizananira ni bo bazahekenyera amenyo hanze y’Ubwami bw’Imana.

Umwami Yesu yarivugiyeye ubwe ati, ibyo mvuga n’ibyo nkora ni ukugira ngo **“Mukizwe” Yohana 5 : 30- 47**

Ibi byose ndi kuvuga amadini yose yitwa ay’abakristo arabizi, mu ndirimbo zabo usangamo amagambo agaragariza abantu ko Yesu ari we Gakiza ko ari we wo kwiringirwa kuko dukizwa na we. Ariko ugasanga mu nyigisho zabo hariho ayatagaragaza neza ukuntu umuntu akizwa akagera ku rugero rwo kwizera Kristo. Umwami Yesu, amadini yakunze kumwigisha nka harabaye, ntibamwigishije nk’Agakiza kugirango abakristo bamwakire abakize. Abandi bihimbiye ibindi byaremwe byo kubaserukira ku Mana kugirango bakizwe. Ibi ni ibinyoma byambaye ubusa. Hari n’abagize umuhango, umurimo wo kwakiriza Agakiza.

Kumenya Yesu ntugere ku rugero rwo gukizwa na we, ni akaga. Ni cyo gituma abantu benshi bitwa Abakristo bayobye kandi bazi



ko bari mu nzira ijyana mw'Ijuru. Nyamara tugendane ubwenge, dutege amatwi tumenye kandi dusome, kuko ubutumwa bwiza bw'Agakiza, bwaravuzwe buranandikwa, ntacyo tuzireguza nitwishinga kwiziba amatwi.

Muri Bibiliya Ntagatifu, mw'Ijambo ry'ibanze ry'ubutumwa bwa Yesu-Kristo uko twabugejejweho na Yohana, haranditse ko abazakira ubugingo bwa kristo **"bazarokorwa"** iteka ryose, nayo abazanga ko abagabira ubugingo bwe, **bazacibwa**.

Agakiza rero nk'uko Imana yo yonyine yabitwibwiriye mw'Ijambo ry'ibanze ati : "Agakiza si mode", koko Agakiza si ibigezweho, ahubwo Agakiza kahozeho kandi kazahoraho iteka ryose. Birababaje rero ku bwo kubona abantu benshi biyitirira izina Abakristo, nyamara bakumva ko amagambo, **Agakiza, gukizwa no kurokoka** ko ari amagambo y'inzaduka, ko abakizwa n'abarokore ari akateye, ko gukizwa no kurokoka ko ari iby'abatamutwe batagira ubwenge. Ndakomeza kubishimangira. Abakizwa n'Abarokore, ni yo mazina Imana yonyene yihereye abazahitamo Kristo bose bakamwakira bakamwizera, bakagendana na we bagahinduka bagasa na we. Uko dukizwa tugahinduka Abarokore muzabisanga mu Gitabo cya kabiri cy'Ubu butumwa bw'Agakiza nise ngo : " Dukizwa n'ubantu bw'Imana ".

Nyamara abiyobagiza, bagakomeza kwanga Ijambo ry'Imana, bakananirwa gukurikiza ibyo ryategetse kugirango bagendere mu nzira itugeza mw'Ijuru y'Agakiza, ahubwo bakishinga gukurikiza gusa imihango y'amadini n'ibyo babwirwa n'abantu batitaye ku byo Imana yatwiyigishirije mw'Ijambo ryayo baragowe. Bazireguza iki ? .

Imana yarivugiye no mu butumwa yadushikirije bwa 2013 ngo : "Hari abamushakira aho atazabonwa ". Tumenye rero ko nta handi wahurira n'Imana kugirango uyimenye atari mu Gakiza ariwe Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana".

Muri **Zaburi 125 : 5**, Imana yaravuze iti : "Abiyobagiza mu nzira zabo zigoranye, Uwiteka azabajyanana n'inkozi z'ibibi zose ".

Ijambo ry'Imana riri muri **Yohana 3:16-17**, ni ryo ribidusobanurira neza riti : "Kuko Imana yakunze abari mw'isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo, ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mw'isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we".



Umwami Yesu na we yaratwibwiriye neza uwariwe aratwihishurira muri rino Jambo yivugiye we ubwe muri **Yohana 14 : 6** ati : “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo : ntawujya kwa Data ntamujyanyeyo. Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye”.

Aya magambo y’Imana yose tumaze gusoma n’ibisobanuro bimaze gutangwa, biratugaragariza ko “Agakiza ko ari Yesu wenyene kandi ko Agakiza atari akateye. Agakiza kahozeho kandi kazahoraho iteka ryose”.

Agakiza si ibigezweho kuko Agakiza kahozeho iteka ryose. Ahubwo ikigezweho ni amadini menshi avuka buri munsu. Iyaba amadini ari yo yadukiza, twese tuba twarakijijwe.

Hano, biduha kugera ku gice kidusobanurira ko

II.3. AGAKIZA SI IDINI

Amakosa ari gukorwa agatuma n’abantu basa n’aho babuze iyo bajya n’yo bava, ni uko bitiranyaga Agakiza n’amadini. Ugasanga abantu bariruka hirya no hino mu madini bava harya bajya hariya bahiga Agakiza. Nyamara bakayoberwa ko Agakiza ko kagomba kuba muri bo, kandi ko Agakiza ko kari mw’Ijambo ry’Imana kandi ko Ijambo ry’Imana ko ariko Gakiza, ko ari we Yesu.

Umwami wacu Yesu-Kristo ni we wadukijije ingoyi za Satani twari twarashyizwemo n’icyaha cy’Inkomoko cyakozwe n’ababyeyi bacu ba mbere. Ku bw’icyo cyaha, umuntu yari yaravuye munsu y’Ubwami bw’Imana nk’uko twari twabivuze kare, yimukira munsu y’Ubwami bwa Satani, atandukana n’Imana kuko Imana itabana n’icyaha. Se cyaha ni Satani. Umuntu kuva acumura rero yafashe inzira ihabanye n’iy’Imana, inzira irangiriza mw’irimbukiro kwa Satani.

Ariko Imana ku bwo urukundo idufitiye nk’abana be yaremye mw’ishusho yayo, yatwoherereje Umwana we Yesu-Kristo, ngo yongere aduhuze n’Uwiteka Imana yacu, yongere aduhindurire kuba abana b’Imana nyakuri basa na Se nk’uko nakomeje kubisobanura. Yaje kutumenyesha Data uwariwe ko atari Satani udutwaza igitugu, akaduteza ubwoba n’ibyago, akadukoresha ibibi. Ahubwo ko Data ari Imana, Umuremyi wacu udushakira ibyiza akadukoresha ibyiza, akaduha amahoro n’umunezero.



Umwami Yesu yaje kutwereka inzira tugomba kunyuramo kugirango tugere ku muremyi wacu. Umwami Yesu yaje kutwambura umwenda wo gukiranirwa twambitswe na Satani, atwambika umwenda wo gukiranuka w'Imana ku bwo kutumenera amaraso ku musalaba. Tugomba lero kwiye gurira Yesu – Kristo, tukihana, tukemera kuyoborwa na we, tukamwizera kugirango dukizwe icyaha cy'inkomoko n'ibisigisi byacyo, noneho turokoke Satani n'imigambi ye yose mibi yatugambiriyeho.

Ni cyo gituma Ijambo ry'Imana riri muri **Yohana 1 : 12**, ritubwira riti : “Abamwemeye bose, bakizera Izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo, ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri cyangwa n'ubushake bw'umugabo, ahubwo, babyawe n'Imana ”.

Aha ndahashimikira cyane. Uwaduhaye ubushobozi bwo guhinduka abana b'Imana, ni Yesu- Kristo wenyine ari we Gakiza kacu, ari we Jambo ry'Imana. Ntabwo ari idini runaka, nta nubwo ari umumarayika runaka cyangwa umuntu runaka wapfuye yiswe umutagatifu n'idini. Iryo dini nyine riyemeje kwicara ku ntebe y'imanza y'Imana, rikemeza abera, na ryo rizabibazwa. Nyamara twese turabizi neza ko umucamanza w'abazima n'abapfuye ko ari Yesu-Kristo wenyine wahawe izo nshingano n'Imana Data. Kandi, igihe cye cyo kuducira urubanza ntikirakagera.

Twari dukwiye kurekeraho gukurikira amadini nk'impumyi, ahubwo tugakurikira Yesu-Kristo Agakiza kacu, tukaba ariwe twizera, tukaba ari we twemerera ko atuyoboza Ijambo rye. Twari dukwiye lero kwivangura n'amadini atatwigisha iby'Agakiza ngo dukizwe kuko ntacyo yaba atumariye. Kuba mw'idini udakijijwe, ni uguta umwanya kuko idini ritazakubuza kurimbuka. (Ibyo muzabisobanukirwa mu gitabo cya kabiri kizasobanura ku **“Gukizwa”**).

Ibyaribyo byose, ibyabaye mu Rwanda mu gihe cya Genocide n'amahano y'ubugome n'ubwicanyi bikorwa muri ino si, bigaragaza ko abakizwa nyakuri ari bake. Nyamara, urebye uburyo abantu buzura amasengero ku minsi yo gusenga, usanga igice kinini cy'abantu batuye muri ino si bafite amadini basengeramo. Nuko rero ko tutabasha kwirinda icyaha ngo dukiranyuke, dukundane



ahubwo tugashishikarira kwangana no kwicana, nta Gakiza tugira, turi abanyamadini gusa.

Kandi twibuke ko muri **Yakobo 1: 27**, Imana yaratumenyeshije idini yishimira iryariryo muri aya magambo : Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y’Imana Data wa twese ni iri : “Ni ugusura impfubyi n’abapfakazi mu mibabaro yabo no kwirinda kwanduzwa n’iby’isi.” Iri jambo riraturagarariza ko idini Imana yishimira ni iry’urukundo nk’uko na we ari urukundo. Kandi umuntu ufite urukundo ntiyanduzwa n’iby’isi mu kubishakira mu buhemu. Abishakira mu butungane kandi akabifashamo abandi.

Mu butumwa Imana yampaye ngo mbagezeho bwa 21, aho Imana iduhamagarira kugendana ubwenge, Imana iratubuza yo ubwayo kwizirika ku bakozi b’Imana n’amadini, ahubwo Imana iduhugurira kwizirika kw’Ijambo ryayo ryo ridushishikariza kugira urukundo rwo rudushushanya na yo kuko utagira urukundo, ntabwo ari umwana w’Imana.

Imana yo ubwayo yatugiriye inama muri aya magambo iti: “Birandambiye kubona abakizwa bubahiriza ibyo Pasteur runaka cyangwa undi runaka ababwiye ariko ntibubahirize Ijambo ryanjye. Ndashaka ko icyitegererezo cyabo ko kiba mw’itorero ryanjye no muri Bibiliya. Bwoko bw’Ubwenge buke, ntimubona ko byose bizakurwaho keretse Ijambo ryanjye rizahoraho iteka ryose. Lero ntumukizirike ku bizashira, ku magambo atagira umumaro mubwirwa n’abiyita abarokore. Ntimugakurikize imyizerere n’amahame y’Idini runaka, ahubwo, gerageza gukurikiza Ijambo ryanjye. Iryo Jambo ryanjye, rikubiye muri iri hame ko ku bw’Urukundo mbafitiye, naboherereje Umwana wanjye w’Ikinege.

None ku bw’ibyo, mbasabye gukundana, kuko Ijambo ryanje rikubiye mu murimo umwe wo Gukunda. Mwuzure urukundo ni rwo ruzabashoboza byose kuko muzababarira, muzagira impuhwe, mufasha abandi kandi muzabakorera mubatabare . Mu by’ukuri, mu Rukundo ni ho habonekera Ubwiza bwanjye n’Ubumana bwanjye bwuzuye.

Ntimukabeho mu buzima bwo kwizirika ku mahame yo muri ino si abakandamiza, hanyuma bigatuma mutekereza ko kubana nanjye bigoye kandi ko harimo imibabaro. Hamwe nanjye nta mibabaro iriho. Kuko ni



ubuzima (histoire) bw'urukundo hagati yawe nanjye. Niba wumva kuri wowe kunkurikira bikugoye, banza ufate umwanya wibaze niba uriho ukurikira njyewe cyagwa abantu mu myemerere yabo. Mube abaziranenge, cyane cyane mube abanyabwenge mu kwizera no mu byo mukora byose". **Yesaya 3 : 12** "Nyabuna bwoko bwanjye, abakuyobora barakuyobya, bakarimbura inzira zawe unyuramo"

Mu butumwa bwa 22, Imana irakomeza iti : "Abantu bagiye kuzira kubura ubwenge. Babwire bagarukire aho bageze. Nimureke gukomeza kurongotana nk'impumyi zitazi iyo zijya. Nanyuze mu bahanuzi, nanyuze mu bavugabutumwa, nanyuze mu baririmbyi ariko ntimwumva. Ariko uwanga kwumva, inkota y'Uwiteka iramubanguriye".

Amadini rero uko ameze uno muni, ntabwo azatugeza mw'i Juru kuko amenshi ata n'urukundo mu by'ukuri ruba muri yo. Kandi igihe cyose turavuga, kandi na bene amadini barabivuga nabo, kandi bakanabyemeza bati : "Nta Dini rizageza abantu mw'i Juru". Jye njya nibaza noneho umumaro wayo, niba atabasha kutugeza mw'i Juru. Ibyo ni byo ni ibya Yesu, ariko noneho, natwerekeze mu nzira ijyana mw' I juru, ariko Gakiza, ariwe Yesu, ariwe Jambo ry'Imana.

Ubwo, ni bwo buzaba bubaye uburyo bwayo bwo kutwerekeza mw'i Juru, ni zo nshingano Imana yayahaye. None ko ariyo afite umurimo wo kutumenyesha Imana no kurera imitima yacu, nyimba ntacyo adufasha mu byo kubona ubugingo buhoraho, murumva yaba atandukaniye hehe n'amashyaka cyangwa gukina Politique?.

Nyamara, amadini yarateshutse ku nshingano zayo zo kugeza abantu kuri Kristo we nzira itujyana kwa Data. Tugomba gutandukanya Agakiza n'idini, kuko Agakiza ni Yesu, ni Ijambo ry'Imana. Naho idini, ni ishyirahamwe ry'abantu bahuje amahame n'imigenzo aribyo twita imihango. Ni cyo gituma buri muntu agomba gusuzuma akareba niba koko ntabyo idini rimukoresha binyuranije n'Ijambo ry'Imana akabikosora we ubwe mu mibanire ye n'Imana.



Ubundi, idini ryose, ryari rikwiye gukurikiza ku kadomo n'akitso Ijambo ry'Imana, kandi rigahugurira buri muntu kwakira Agakiza no kwihana, gusoma Ijambo ry'Imana, kurikunda no kurigenderamo. Nta zindi nshingano idini ryose ryiyitirira Kristo ryari rikwiye kugira.

Mu by'ukuri, iyaba amadini yose yarahuriye kuri icyo nshingano imwe, yokoraniye hamwe, akubaka itorero rimwe rya Kristo. Kuko, Yesu ni we Torero, ni na we mutwe waryo. Kandi, Umwami Yesu, yakujeho amategako y'iby'imihango umubiri we, kugirango twese duhinduke umubiri umwe nawe, duhuzwe n'Imana ku bw'amaraso yatumeneye ku Musalaba. **Abefeso 2 : 11-22.**

Nuko rero niba turi Abakristo, twari dukwiye kuba umwe twiyitirira Umwami wacu wenyine ari we Kristo, tutemera gutandukanywa n'imihango. Tukirinda kwiyitirira amadini n'abayayobora. Ujya wumva ngo nyewe ndi umukatolika utavangiye. Uwundi ati ndi uwa ADEPR, uwundi ati ndi umu zayoni, uwundi ati ndi umurestauration..... Uwundi ati : Ndi uwo kwa Pasteur runaka. Ibi byose ni ibyerekana ubuyobe turimo. Nta muntu n'umwe ukwiye kwiyitirira idini runaka cyangwa umuyobozi w'idini runaka. Uwo dukwiye kwitirirwa ni umwe ni Yesu-Kristo kuko ni we Gakiza kacu kandi ni we uzatugeza kwa Se ari we Data. Iyo, ni yo nshingano yahawe n'Imana. Nta rindi zina mw'isi no mw'Ijuru tuzaboneramo Agakiza.

Yesu we ubwe, mw'isengesho yadusengeye mbere y'uko apfa, yadusabiye kwa Data ko abazamwizezwa n'Ijambo rye bose ko baba umwe. Yasenze avuga ati : "Ndasabira abazanyizezwa n'Ijambo ryabo ngo bose babe umwe nk'uko uri muri nyje, Data nanjye nkaba muri wowe, ngo nabo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye . Nanjye mbahaye ubwiza wampaye ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe. Nyjewe mbe muri bo, nawe ube muri nyje ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye ukabakunda nk'uko wankunze." **Yohana 17 : 20-23.**

Naho dusengera mu madini atandukanye, tugomba kuba umwe tugasenyerera ku mugenzi umwe kuko tutari ab'amadini, ahubwo turi bene mugabo umwe ariwe Yesu-Kristo. Umuntu ugitekereza ko ari umukristo w'idini runaka, cyangwa umuyoboze w'umukozzi



w’Imana runaka, wamubwira Gukizwa n’Agakiza akakurazukira, aracyari mu mwijima na bugingo n’ubu. Pawulo we yabwiye Abakorinto ati : Ubwo mukivuga ngo muri aba Pawulo, abandi ngo muri aba Apollo, muracyari aba Kamere kuko mukirangwamo amacakubiri.

Ibyaribyo byose, ndakomeza mparanire guhugurira buri wese kureka kugenda nk’impuyi. Murekeraho kwirukanga inyuma y’amadini nk’intama zitazi ubwenge, murekeraho kwirukanga inyuma y’abana b’abantu. Twige kugendana amakenga, kugirango tudakomeza kuba abana duteraganwa n’umuraba, tujyanwa hira no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize, n’uburiganya bw’abantu n’ubwenge bubu, n’uburyo bwinshi bwo kutuyobya, ahubwo tuvuge ukuri turi mu rukundo, dukurire muri we muri byose. Uwo ni we mutwe ari wo Kristo.

Abefeso 4, Abaroma 1 na 2

Ni dushakishe Yesu, tumwakire tubane nawe, ni we Gakiza kacu, ni we wadupfiriye nta wundi, nta n’udukunda nka we kuko ni we yatangiye atumenera amaraso ku musalaba. Imana yaduhaye ubwenge ngo tubukoreshe. Niturekeraho rero kugenda nk’injiji zitazi iyo zerekeza.

Muri **Yesaya 53 :5-6**, Ijambo ry’Imana riratubwira riti : “Nyamara, ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese, kugirango dukizwe, tutarimbuka, ahubwo tubone ubugingo buhora.”

Kandi, ni we mwungere mwiza, ubabaye intama ze **Yohana 10**. Nta wundi waturagira nka we, nta wundi utubabaye nk’uko atubabaye, we yadupfiriye ku musalaba. Atubabaye kurusha uko twibabaye, adukunda kurusha uko twikunda.

Yesu yaratwibwiriye ati : Ni jye mwungere mwiza, kandi menya izanjye, na zo zikamenya nk’uko Data amenya nanjye nkamumenya, kandi mpfira intama zanjye. Umwungere mwiza apfira intama ze, ariko uragirira ibihembo atari umwungere bwite kandi n’intama atari ize, iyo abonye isega rije, asiga intama agahunga, isega rikazifata rikazitanya. Kuko ari uw’ibihembo, arahunga ntitye ku ntama ze.

Yohana 10 : 11- 15 .



Ikibazo abantu benshi rero bafite, bari gukurikira abungere b'ibihembo atari abungeri nyakuri. Bari gukurikira abatababaye ubugingo bwabo ahubwo bafite ibindi bakurikirana muri ukwo kuyobora intama z'Imana. Mugire ubwenge mukanguke, mumenye Umwungere wanyu ko ari umwe, nta babiri bahari, ni "YESU KRISTO" wenyine

Umurimo w'Umukozi w'Imana uwariwe wese, ni uwo kugukundisha Yesu, akagukundisha Ijambo ry'Imana mu kugusobanurira umumaro waryo, ubundi, buri wese akwiye kwifatanya na Kristo akaba ariwe umwiyoborera. Fatana na Yesu – Kristo, reka gufatana n'abana b'abantu batazakubera igikuta ntarengwa kikubuza kwigererayo. Reka gufatana n'amadini, reka gufatana n'abayobozi bayo. Ikomereze muri Yesu-Kristo. Mubere umwigishwa mwiza azakugeza iwe mw'Ijuru. Ubundi Umwana w'umuntu yazakugeza hehe ko nta juru afite akwerekezamo ?

Ibi nabibayemo ni cyo gituma nabibahamo ubuhamya gatoya kugirango bibafashe, kandi mumenye ko igihe cyose hari umuntu mutambika hagati yanyu na Yesu ko atigera na rimwe akunezererwa, aragufuhira, ugatakaza ubusabane bwawe na we.

Ninjiye muri groupe y'amasengesho yarimo umuhanuzi, noneho Imana ikajya ikunda kutuvugisha imunyuzemo. Kuva ntarayinjiramo iyo groupe, na nyuma yaho, ntarafata uwo mugore nka bamenya wanjye, Imana yaramvugishaga, ikampa amayerekwa akomeye, ikansura mu buryo budasanzwe. Noneho kubera kuduhanurira, naratinze mugira nk'umupfumu wanjye, njya kubaza icyo Imana inshakaho, njya kubwira ngo ambarize Imana ibyo njya kwigisha, njya kubwira ngo nsengera, mfasha gusengera kirya na kiriya. Imana yamaze igihe koko kuko yabona ariko ndi kwizera gukorana nayo, yaremara ikabikora igahanurira muri uwo mudamu, icyo mbajije cyose ikakimbwira.

Ariko hageze igihe bimugaza mu bukristo bwanjye no mu mibanire yanjye n'Imana. Natakaje ubusabane bwanjye n'Imana, nkumva ngomba kuvuganira n'Imana muri uwo mugore. Kuva icyo gihe, ijwi ry'Imana rirakama muri njye, kuva icyo gihe, amayerekwa aragabanuka cyane, hafi gukama. Nsigara numva Imana indi



kure, kandi nkishyiramo ko idashobora kwumva amasengesho yanjye ntabwiye uwo mugore ngo ansengere. Ntangira gutakaza umunezero wo gusenga nnyenyine ntari kumwe nawe.

Uko iminsi ihita, nkumva ndi kuja kure y'Imana, ndatangira nibaza impamvu birananira. Noneho ntangira gusenga Imana ndayibaza nti kuki utakinyibwirira nk'uko wambwiraga kera ?. Ndamubwira nti : Ijwi ryawe rimvugishiriza mu mutima wanjye, ndarikumbuye, amayerekwa nagiraga ndayakumbuye. Ndamubaza nti, ese Data, turapfa iki ?

Sinarinzi ko Imana itishimira uburyo nafataga uwo mugore, kuko by'ukuri iyo bishishikara, yari agiye gusimbura Umwami wanjye mu buzima bwanjye. Kandi si we wanshakishaga, ni nje namushakishaga, ni jye wari waramuhinduye ikigirwamana cyanjye.

Umutware wanjye Yesu mutera gufuha, arandakarira ntabizi. Maze iminsi mubaza kubera iki asa n'utakinyitayeho, ni ho yampaye iyerekwa ryamenyesheje ukuri. Nari nsinziriye, nza mbona mu ndoto, wa mugore araje aransumiye aramboshe, noneho nkirana nawe, ndamubwira ngo naka we, ndekura nkore.

Nahise nkanguka, nibaza ibyaribyo biranyobera, nibaza uburyo ambuza gukora biranshobera. Kuko mu by'ukuri, ni mugenzi wanjye w'ukuri. Ndibaza nti ko mbona ibyo ambwira byose ko ari iby'ukuri, ni gute yambujije gukora ?. Mfata amasengesho yo gusobanura Imana. Ni ho yampishuriye byose uko bimeze. Mpita numva ko Imana yampfuriye , kuko uwo mubyeyi yari amaze kumera igikuta ntarengwa cyambuzaga gusabana n'Imana yanjye uko nari narahoze. Mu by'ukuri, nari narimuye Imana mu mutima wanjye, ndawimikamo uwo mugore, kuko umutima wanjye wahoraga umushakisha aho gushakisha Imana.

Kuva uwo munsu nafashe ingamba nshya zo gusubira ku rufatiro ruzima rwo kubana n'Imana ari we Yesu-Kristo. Noneho nsubira kubana n'Imana nnyenyine nta wundi turi kumwe. Gusenga nnyenyine, nkabaza Imana ibyo nkeneye, ngategereza ko ampa igisubizo nka kera, igihe ashakije no mu buryo yateguye we ubwe.



Si ukuvuga ko nahise mva muri iyo groupe, nakomezanije nayo, ariko tugasengana gusa mu gihe twagenye rimwe mu cyumweru, ubundi, ngakora amasengesho yanjye ku giti cyanjye. Kuko ubundi, nta minsi ibiri yashira ntamushatse.

Umutima wanjye wahoraga umushaka nk'uko nari maze kubivuga. Mu by'ukuri, sinari ngishaka Yesu, nashakaga uwo mugore amanywa n'ijoro. Umuntu nari nsigaye numva nkumbuye Yesu, nkajya kugwa mu nda uwo mugore ? Nkumva ibyiza aruko twagumana ibihe byose. Murumva ntari ngeze aharindimuka ?

Namaze gukura uwo mugore hagati yanjye na Kristo, Ijwi ry'Imana hashize iminsi mike riragaruka, amayerekwa aragaruka, haba hageze ko njya kubwiriza, akanyibwirira ibyo njya kuvuga cyangwa akanyerereka uko abo yanyoherejeho bameze, nkahita menya Ijambo bakeneye iryariryo.

Erega, naho ari byiza gusengeranira no gufatanya mu gusenga, ariko ibyo ntibigomba na none kutwibagiza ko nta muntu ugikeneye umutambira imbere y'Imana. Igitambaro cyari ahera Yesu amaze gutanga cyatabutsemo kabiri kuva hasi kugeza hejuru ngo buri wese ajye yigerera kwa Se.

N'Umwami Yesu yaratubwiye ko atari we adusabira, twisabira Data wa twese wo mw'Ijuru mw'Izina rya Yesu . **Muri Yohana 16:26-27** Umwami wacu yaratubwiye ati : "Uwo muni muzasaba mw'Izina ryanjye, kandi simbabwira ko nzabasabira kuri Data, kuko Data na we abakunda ubwe kuko mwankunze mukizera yuko navuye ku Mana."

Iryo ni isomo nawe ryakubera isomo niba ariko nawe uri kugendana n'Imana wibeshya. Kura imbere yawe abagutandukanya n'Imana bose n'ibigutandukanya n'Imana byose. Imana iratugira inama muri rino jambo ryayo riri muri **1 Abakorinto 7 : 23** iti : "Mwacungujwe igiciro, nuko rero ntumukabe imbata z'abantu. Bene Data, umuntu wese abane n'Imana ameze uko yari ameze agihamagarwa" . Nuko rero, Imana iradusaba gukomeza ubusabane bwacu na yo, kandi Imana irashaka ko tuba abanyabwenge, tukareka gukurikiza ibyo tubwirwa n'abana b'abantu nk'intama zitagira ubwenge. Dusabwe gukengurisha Ijambo ry'Imana, ubutumwa bwose twumva.



Yesu ni we wenyine utuzi. Aratugenzura muri byose, akagenzura n'ibitekerezo byacu. Azi uruhande rwawe rubi n'uruhande rwawe rwiza. Azi ibikunesha, azi n'ibyo unesha. Arakuzi kugeza ku mubare w'imisatsi yawe. Azi rero uburyo agufasha kunesha ibiguhiga n'ibikubata. Azi Ijambo rikubereye buri muni ari byo biryo bw'ubugingo bwawe. Azi Ijambo rigucyaha wateshutse, azi irigusubizamo imbaraga watentebutse, azi iriguhoza uri mu marira.

Umwami yesu abasha no kunyura mu mayerekwa kugirango agukosore amakosa wakoze, aguhe amasezerano, aguhe inshingano n'ibindi. Umwami Yesu, ashobora no kukwoherereza abakozi be b'abahanuzi kugirango aguhishurire ibyo agomba kuguhishurira, aguhe amasezerano, akubwire ibyo ugendamo nabi, akwihanishe ibyaha n'ibindi. Ariko uzategereze abo bahanuzi abiyohereze, ntuzajye kubashakisha ngo bahinduke nk'abapfumu bawe.

Nihereyeho, njya mbona uburyo iyo nakoze ikintu kitari cyiza, nkaba ntahise nsobanukirwa ko ari icyaha, nijoro Imana indaza mu myanda. Mpita menya ko Imana itanyishimiye, ko ndiho umugayo imbere yayo, ngafata amasengesho yo kwisuzuma, Umwuka Wera ugahita umpishurira ibyo nakoze bitari byiza nkihana. Ku basomye ka gatabo k'ubuhamya bwanjye na Yesu kitwa ngo "YESU YARANYIYERETSE", mwabonye uburyo Yesu yankoshoje iyerekwa kugirango mve mw'irari ry'ibiryo ryari ryarambase kuva mu buto bwanjye.

Inama rero nagira buri wese, n'uko atakwigera yirundurira mu bana b'abantu, cyangwa ngo yirundurire mw'idini, irundurire muri Kristo Yesu kuko ni we wenyine utuzi neza, akamenya ibyo tunyuramo, ibibi cyangwa ibyiza. Kandi reka kumwitiranya n'abana b'abantu cyangwa kumunganisha na bo. Hari abafata icyubahiro cy'Imana bakagiha abo twita abakozi b'Imana bakomeye. Ikimenyimenyi, harabo dusigaye twita ba "DATA", "PAPA" mu gifransa, "DADI" mu giswahili.

Mu by'ukuri, ni nko gusimbuza Yesu abana b'abantu. Yesu ubwe yarabitubujije muri **Matayo 23 :1-12**, aho yabwiye abariho bamutege amatwi n'abigishwa be ababuza kwitwara nk'abafarisayo



kuko bishyira hejuru kugirango abantu bose bababone kandi babubahe. Abantu bose babita “RABI”, ku bwo kubabonamo abantu bakomeye. Noneho Yesu arababwira ati : “Ariko mwebweho, ntumutwe “RABI” “kuko umwigisha wanyu ari umwe, namwe mwese muri abavandimwe. Kandi ntihakagire umuntu wo mw’isi mwita “DATA”, kuko So ari umwe, ari uwo mu Ijuru. Kandi ntumutwe “ABAKURU” kuko umukuru ari umwe ari “KRISTO”.

Nuko rero , ababyiyise n’abise abandi ayo mazina, mu bikosore vuba na bwangu naho ahandi ho muzabibazwa. Kirazira kikaziririzwa kwigereranya n’Imana, cyangwa ugaha abantu urwaho rwo kukugereranya n’Imana . Abandi bakigira injiji ku buryo bagereranya abantu n’Imana. Imana, ni yo yonyine yo gupfukamirwa muri ino si, ni we Gakiza kacu.

II. 4. AGAKIZA SI IMIRIMO MYIZA

Hari abantu benshi babaza ko bazakizwa n’imirimo myiza bakora. Ko ari yo izabinjiza mw’Ijuru. Ibyo, ni nko gutekereza ko Imana irya ruswa. Hari abantu bagitekereza nabi gutyo, ariko hariho n’amadini ariko abigisha. Ahugurira abayoboke babo gukora imirimo myiza y’ubutabazi, ariko akibagirwa kubanza kubahugurira gukizwa kugirango ibyo bakora byose babikorane ubukiranutsi bibashe kuzabaherekeza, bazabibonere ingororano.

Agakiza , nta n’umwe wagakoreye ngo abe yarakabonye kuko yari agakwiriye. Nta n’umwe wari agakwiriye. Ni iki twari kubasha gukorera Imana ngo ibashe kutwitura kuduha Umwana we Yesu-Kristo ngo adupfire ku musalaba ?. Agakiza, twakabonye ku bwo urukundo Imana idufitiye. Imana yakaduhereye ubuntu. Imana iraguha ntumugura. Ntabwo rero tugomba kwihangira gukiranuka. Ugukiranuka gutangwa na Kristo ku bamwizera bose.

Hari abumva badakeneye Agakiza kugirango bakizwe. Bo bumva bakijijwe, kuko bumva ntacyo bapfa n’Imana ku bwo kugerageza kuba ba ngeso nziza, bakagerageza kubana neza n’abandi, bagatabara abatagira kivurira. Barumva bakijijwe kuko bagaragara neza imbere y’abantu. Ariko, icyo bibagirwa, ni uko ibyaha byinshi



tubikorera mu bitekerezo byacu. Tubikorera ahatabonwa n'abana b'abantu, tubikorera mu mitima yacu. Ariko Imana yo irahareba, kandi ni yo yonyine ifite ububasha bwo guhindura ibitekerezo byacu ikabyeza. (Tuzabisobanukirwa neza uko bigenda mu gitabo kizakurikira kivuga ku Gukizwa) Kandi, Imana ihindura abiyeguriye Yesu-Kristo bakamwizera. Abo ni bo bafite Umwuka w'Imana ubabamo ukabasha kuvura imitima yabo, bagahinduka abana b'Imana, bakazahabwa ubugingo buhoraho. Umwami Yesu yaratubwiye ati : "Se akunda Umwana we, kandi yamweguriye byose. Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho. Ariko utumvira uwo Mwana, ntazabona ubugingo, ahubwo, umujinya w'Imana uguma kuri we."

Aha, ni nk'uko Imana yavuze iti : nta wankunda anyangiye Umwana. Hari abanga kwakira Agakiza, Imana ikabashakisha ariko bakinangira, hanyuma bagahozza mu kanywa kabo ibiganiro by'ukungene bakunda Imana. Ntibishoboka, ntiwakwanga Yesu ngo ubashe gukunda Imana. Ibyo ni uburyarya. Erega, n'urukundo dukunda Imana ni yo irutwihera ku bwo kwizera kwacu muri Yesu-kristo.

Mw' Ijambo ry'Imana riri mu **Bagalatiya 2 : 16 , 5 : 4**, Pawulo aratubwira ati : Tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegegetswe n'amategeko, ahubwo, atsindishirizwa no kwizera Yesu-Kristo. Dore ndetse natwe twizeye kristo Yesu kugirango dutsindishirizwe no kwizera bitavuye ku mirimo itegegetswe n'amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegegetswe n'amategeko. Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko mutandukanijwe na Kristo, kuko mwaguye muretse ubuntu bw'Imana. Naho twebwe ku bwo Umwuka, dutegereje kuzakirana, twiringiye ko tuzabiheshwa no gukiranuka. Muri Kristo Yesu, igifite icyo kimaze, ni ukwizera gukorera mu rukundo ".

Dushobora rero gutabara imfubyi, tugafasha abarwaye, Kandi tutababarira, twuzuye amacakuriri mu mitima yacu, duhora ducira imanza abandi mu mitima yacu, twanga bene Data, n'ibindi, n'ibindi. Naho twakora ibyiza bingana bite tutabikorana imitima yejeje, ntacyo bizatumarira kuko ntibizatubuza kujya i Gehenom. Ibyiza rero, ni uko twakora imirimo myiza dukijijwe, tukayikorera muri Yesu-Kristo, kandi tukayikora tuyoborwa na we.



Pawulo yabwiye Abaroma, kandi natwe uno munsu ni twe tubwirwa ati : “Bene Data, ibyo umutima wanjye wifuza n’ibyo nsabira Abisirayeli ku Mana, ni ukugirango bakizwe. Ndabahamya yuko bafite ishaka ry’Imana ariko ritava mu bwenge (kumenya Imana ni bwo bwenge), kuko ubwo bari batazi gukiranuka kw’Imana uko ari ko, bagerageje kwihangira gukiranuka kwabo ubwabo, bituma basuzugura gukiranuka kw’Imana, kuko Kristo ari we amategako asohoraho, kandi ni we uhisha abizera bese gukiranuka ”.

(Abaroma 10: 1- 4)

Rero, dushakishe gukiranuka guturuka ku Mana. Ntitugakomeze kwibeshya ngo harubwo kwaturuka mu mirimo dukoreshe n’amategako. Kuko dushobora kugerageza gukurikiza amategako kandi tudahinduka. Nanjye, ubwanjye nzi ko nagerageza gukurikiza ya mategeko 10 bari baratwigishije tukiri bato, nkagerageza kwirinda gusambana, kwiba, gusuzugura ababyeyi..., ariko, uburakari bwarandenze, naraboshywe n’urukundo rw’iby’isi, ngendana inzika mu mutima wanjye n’amacakubiri.... . Ariko ibi byose sinumve ko ari n’ibyaha. Numva ndi uw’Ijuru nta rubanza mfitaniye n’Imana. Imana, ni yo mu mbabazi zayo yampaye Agakiza. Ni ko kamurikiye, mbasha kubona ububi bwanjye ndihana.

Nukuri, abazakomeza gushishikazwa no gukora imirimo myiza gusa, ntibashishikazwe no kwizera, ntibazarokoka umujinya w’Imana. Pawulo yaduhereye urugero ku Banyisirayeli, atubwira ko batashohojwe gukiranuka kuko batashishikajwe no kwizera, ahubwo, bashishikajwe n’imirimo, basitara kuri rya buye risitaza ari we Yesu-kristo, ari we Jambo ry’Imana ihoraho. **Abaroma 9 : 30 -33.**

Mu Baroma 9 : 15-16, Imana yabwiye Mose iti : “Nzababarira uwo nzababarira, kandi nzagirira impuhwe uwo nzagirira impuhwe. Ni cyo gituma bitaba ku bushake bw’umuntu, cyangwa ku mwete abigirira. Ahubwo biva ku Mana ibabarira ”.

Mu Befeso 2 : 8, Pawulo yaratubwiye ati : “Mwajijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera. Ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y’Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira, kuko turi abo yaremye ituremye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugirango tuyigenderemo”.



Rero, biragaragara ko imirimo myiza atari yo iduhesha Agakiza, ahubwo Agakiza ni ko kaduhesha gukora imirimo Imana yaduteguriye kuva kera tutararemwa ngo tuyikorere muri Yesu-Kristo. Iyo dukorera hanze ya Yesu, hanze y'Agakiza, hanze y'Ijambo ry'Imana, nta mumaro. Ni ugukorera Ubwami bw'Imana kandi atari ubwacu tutazabutahamo.

Ibyo, n'Imana yo ubwayo yarabitubujije muri bwa butumwa Imana yampaye kubagezaho no 19. Aho yatubwiye ngo : “Ubaka Ubwami uzatahamo, ubwo utazatahamo ubwihorere.” Imana yarashishikaye iravuga iti : “Ntimukubake ubwami mutazi neza ko muzinjiramo kuko mwabuze ukwicisha bugufi, kuko mwabuze urukundo, kuko mwahanuye ibinyoma, kuko mwambuye abantu mw'izina ryanjye, kuko mwibye Ijambo ryanjye mukarikoresha mu nyungu zanyu, kuko mwacumuye ariko mugashishikara kubwira abandi uko bagomba kwitwara mutabasha kubishyira mu ngiro namwe ubwanyu. Kuko mwakurikiranye inyungu zanyu, ariko mukemeza abantu bose ko mukorera mu bushake bwanjye. Ibyo mukora byose, bigomba kuba bihujye n'ubushake bwanjye kugirango mube muzi neza ko ku muni w'urubanza ko muzaba muri i ruhande rwanjye ubuziraherezo. Muhore mubereye kwitirirwa izina ryanjye kandi mukwiriye urukundo rwanjye”.

Imana mu butumwa bwa 22 yampaye ngo mbagezeho buduhamagarira kuba maso, irongera iratubwira iti : “Kandi, wubake ubwami bwanjye ufite umutima wejejwe, uri umuziranenge kandi warikuyemo ubugome bwose. icyo gihe, icyubahiro kizaba kuri wewe kuko isi n'ijuru bizahamya imirimo yawe myiza”.

Hano, nakwanzura mvuga ko ku bw'Agakiza twaronse , ko tutagomba kwirata ku batarakabona, kandi ko tutagomba gusa naho dushira isoni imbere y'Imana nk'aho umenga twabaye ibitangaza. Agakiza twakaboneye ubuntu twagiriwe n'Imana, nta mafranga twakaguze, nta n'imirimo nsimbura byaha twakoreye Imana. Dusoze rero Agakiza twuzuye umubabaro w'abatarakizwa, tubingingira kugirango na bo Imana izabibuke ibakize. Ntacyo twakoze ngo Imana ibe yaratwibutse. Na bo umuni wagenwe, nabo Imana izabibuka. Ntitugacire urubanza abatarakizwa. Ahubwo, tubakunde tubafitiye impuhwe nyinshi kandi dukunde kubahugura uko Imana izabiduhera ububasha n'ubushobozi.



Ntitwirengagize ubugingo bw'abandi, kwaba ari ukwikunda bimwe birengeje. Imana yazabiduhora. Kandi ntitukibone imbere y'Imana, ngo twibagirwe ko ku bwo imyitwarire yacu mibi mu Gakiza, ko Yesu afite ububasha bwo gusubirana ubugingo yari yaraduhaye. None, ubwo yarimbuye ubwoko yari yaratoranije mu mahanga yose, ku bwo kwitwara nabi kwabo, azareka gute kurimbura abari abanyamahanga bigize akaraha kajya he ?.

Pawulo mu **Baroma 11 : 20 b-22**, yaratubwiye ati : "Ntukibone, ahubwo utinye, kuko ubwo Imana itababariye amashami ya kavukire, nawe ntizakubabarira. Nuko urebe kugira neza kw'Imana no kutabera kwayo. Ku baguye ni ukutabera, ariko kuri wowe ni ukugira neza nuguma, muri uko kugira neza kwayo, kuko nutagira utyo, nawe uzahwanyurwa".

Ntimukirate rero ku bwo Agakiza mwahawe, kuko Agakiza ari impano Imana yabahaye ku bwo kubatoranya. **Abaroma 11 : 17** Nta kiguzi na kimwe mwatanze cyatuma Imana ibagororera ubugingo buhoraho mutabukwiriye. Mwibuke ko atari igishyitsi kimeze kuri mwebwe, ahubwo ni mwebwe mumeze ku gishyitsi. Kutizera kwanyu no kutirinda kwanyu, kwabasha gutuma muhanyurwa ku gishyitsi ari we Yesu-Kristo. Nuko rero, dusoze Agakiza kacu dutinya duhinda umushyitsi. Ntitukagondoze Imana kandi ari yo yatugiriye ubuntu, ngo tuyiture inabi kandi yaratugiriye neza.

Umubwiriza ni we wayamaze aravuga ati : "Hariho ikitagira umumaro gikorerwa mw'isi, ni uko habaho abakiranutsi bababwaho n'ibikwiriye imirimo y'abakiranirwa, kandi habaho abanyabibi babarwaho n'ibikwiriye imirimo y'abakiranutsi. Ni ko kuvuga nti : Ibyo na byo ni ubusa». **Umubwiriza 8 : 14** Nuko rero, ari utizera ukora imirimo myiza, cyangwa uwitwa ko yizera ukora imirimo mibi, bose ntawuzabona Imana muri bo nibatisubiraho.

II.5. AGAKIZA SI AGAKINGIRIZO.

Hari abantu bakimeze nk'abayuda batarigera bamenya icyazanye Umwami wacu Yesu - Kristo. Abayuda bari bazi ko Yesu yaje ari Umwami uzabakiza ubucoloni bw'Abaroma. Ariko si cyo cyari cyaramuzanye, yari yazanywe no kubakiza ubukoloni bwa Satani. Ni cyo gituma babaye nk'abacika intege kuko uko bamwibazaga atariko bamusanze noneho icyakurikiyeho n'uko bamwihakanye



bakamwanga, bakanga kumwizera no kumukurikira. Noneho abamukurikiye bose bakabatoteza. N'ubu, bo baracyategereje mesiya. Kuri bo mesiya si Yesu babambye ku musalaba, ni uwundi uzaza.

Abayuda kandi benshi, ntibamukurikiraga kuko bari bamukunze, ahubwo bamukurikiraga ku bwo kwikunda kugirango Yesu abakemurire ibibazo byabo. Ahanini bamushakagamo ibitangaza byo gukira indwara n'abadayimoni. Abandi bakamukurikira kugirango abatuburire imikate babone ibyo barya. Yesu usoma no mu bitekerezo byacu yaratanze araburira arababwira ati : «Nukuri nukuri, ndababwira yuko ibimenyetso mwabonye atari byo bituma munshaka, ahubwo, ni ya mitsima mwariye mugahaga. Ntimukorere ibyokurya bishira, ahubwo mukorere ibyokurya bigumaho kugeza ku bugingo buhoraho, ibyo Umwana w'Umntu azabaha, kuko Se yamushyizeho ikimenyetso cyayo» **Yohana 6 : 26-27.**

N'uno munsu rero hari abantu bari kwizera Yesu ku bw'iby'ubu bugingo bwo muri ino si. Bakakira Yesu ataruko bamushakamo ubugingo buhoraho, ahubwo bamushakamo ibijyanye n'irari ryabo ry'Iby'isi n'iry'imibiri yabo. Baramwakira ku bw'inyungu zabo bwite. Baramwakira ataruko bamukunda, ahubwo aruko bikunda.

Baramwakira ngo abahe abagabo, abandi ngo abahe abagore beza. Abandi baramushakamo ubukire : Amazu, amamodoka, amafanga. Abandi baramushakamo gukira indwara. Abandi baramushakamo ibyubahiro. Abandi baramushakamo imirimo ibyara inyungu, n'ibindi byinshi byo guhaza ibyipfuzo byabo.

Abantu benshi ni ko tumeze kandi twitwa ngo twarakiriye Yesu twarakijijwe. Nyamara tukagumana rwa rukundo rw'urumamo, rwa rundi rw'uburyarya. No hagati yacu ugasanga ni ko bimeze. Umuntu agasura undi, akamusekera, ndetse akanamugirira neza kuko nawe azi ko hari icyo amukeneyeho mu minsi iri imbere. Iyo amaze kubona icyo yashakaga, imigenderanire igahita ihagarara uwo mwanya. Umuntu akibagirwa undi nk'aho ubanza atigeze no kumumenya. Urwo ni urukundo rw'akanya gato. Urukundo rumeze gutyo ntabwo ari urukundo rw'abana b'Imana ni urwo abapagani batazi Imana nk'uko Umwami wacu Yesu – Kristo yabivuze muri **Luka 6 : 32** ati: "Nimukunda ababakunda muzashimwa iki ? Abanyabyaha nabo ni ko bakora".



Urwo rukundo rwa mumpekuye dukundana hagati yacu ni rwo dushaka gukunda Yesu tumuryarya. Uko turyaryana ni ko dushaka kuryarya Yesu, ariko tumenye ko Yesu ntawamuryarya kuko abasha gusoma no mu mitima yacu akamenya ibyo twibwira n'ibyo dutekereza. Kugirango Yesu yemere kubana na we, agomba kubanza kureba impamvu yatumye umushakisha. Ese, ni k'ubw'urukundo nyakuri cyangwa ni ku bw'inyungu zawe zihariye ? Ni k'ubw'urukundo umukunda cyangwa ni ku bw'urukundo wikunda wowe ubwawe ?

Hari abagira Yesu nk'uko ya mbwebwe yagenjeje igikona kugirango ibone fromage igikona cyari gifite mu kanwa. Imbwebwe ngo yarunamutse ireba hejuru y'igiti ibona igikona gifite fromage mu kanywa. Imbwebwe ibonye iyo fromage irayishaka cyane, umururumba urayica, itangira kumira amate. Noneho yibaza uko yabigenza ngo ibone iyo fromage. Irareba isanga nisaba icyo gikona ntikiza kuyiha. Noneho iti reka ngihende ubwenge ndebe ko cyayikorora nkayirira.

Murazi uburyo igikona ari kibi kandi cyirabura cyane. Ariko imbwebwe yarakiryanye, ikibwira uburyo ari cyiza, uburyo giseka neza, uburyo kinezereye ijisho. Noneho kirishima kiratwarwa kirasama kiraseka fromage ikorokera hasi, imbwebwe iyisamira hejuru iriruka irayitwara irayirira yonyine irayimara.

Ubu twebwe abana b'abantu turashaka kugira Yesu nk'uko iyo mbwebwe yagize igikona ? Twagiye twitonda tukareka kwigira abanyabwenge ko tutazigera tuburusha Imana na ho byagenda gute ? Harabahindura Imana injiji. Mwagarukiyaho nonaha gukomeza kwendereza Imana.

Hari abantu nta kindi bakora atari ukwirirwa babembereza Imana basenga urudaca, bayibwira uburyo ari nziza, uburyo ari inyembaraga, uburyo bayikunda n'ibindi byinshi, kugirango bayikureho ibyo bashaka nibarangiza bigendere . Imana ntibemberezwa n'ibinyoma, izi byose, ni inyakuri, natwe irashaka ko tuba abanyakuri tukamukunda urukundo rw'ukuri.

Abantu nk'abo ntibarama mu by'Imana. Iyo Imana ibagiriye ubuntu igahaza ibyipfuzo byabo, bahita bava ku mana, bakamera nka ya



nka ngo : «abo tubyaranye bari abo ». Kandi n'iyi Imana itinze kubasubiza naho nyine barivumbura bakagenda. Abantu nk'abo, bahorana impamvu zo kubura umwanya wo kubana n'Imana. Barawubura kuko mu by'ukuri badakunda Imana. Wabura gute umwanya w'uwo ukunda ? .

Imana, ibyo twifuza byose irabifite kandi irashoboye kubiduha. Ariko, ntibigomba kuba impamvu yo kwakira Agakiza. Kandi tumenye ko ubikora, nta mwanya afite ku Mana, kuko Yesu adasezerana n'indiyariya zimubeshya. Yesu ntabeshywa kuko na we atigera abeshya. Ntabasha rero kubana n'abantu b'imitima ibiri.

Bigaragara rero ko hari abakira Yesu basa n'aho bamugerageza ngo barebe icyo yabamarira. Nyamara tumenye ko Umwami w'isi n'Ijuru ko atageragezwa. Abistraeli babasha kutubera akabarore. Abanyistraeli bose babatijwe mu gicu no mu nyanja itukura, bose bagasangira bya byokurya by'Umwuka na bya byokunywa by'Umwuka kuko banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga, kandi icyo gitare cyari Kristo.

Ariko abenshi Imana ntiyabishimiye, ni cyo cyatumye barimbukira mu Butayu. Kuko batigeze babona ko ibyo byose Imana yabibakoreraga ku bw'urukundo ibakunda ngo na bo bayishakire kuyikunda, ahubwo bahora bayishakira kuyisaba ibintu kandi bayitotombera. Ni cyo gituma Pawulo yatubwiye ati : Ntimukageregeze Umwami wacu, nk'uko bamwe bo muri bo (Abanyisraeli) bamugeregeje bakicwa n'inzoka **1 Abakorinto 10:1-11.**

Abameze batyo icyo nababwira cyo n'uko bashobora kuburiramo byose bakabura imbwa n'imbwebwe nk'uko umugani w'ikinyarwanda ubivuga. Bakabura iby'isi, bakabura n'ubugingo buhoraho.

Kuko gushaka ibyiza byo muri Yesu atariwe ubanje gushaka nta migisha uzabona. Njye mbona ari n'ubujiji. Umwami Yesu we ubwe atubuza kumwizera ku bw'iby'isi mw'Ijambo rye ry'Ibanze rya kino gitabo aho atwibwirira ati : "Ikimbabaza gikabije n'uko mumbeshyera ngo nazanwe no kubaha iby'isi kandi nazanwe no kubaha iby'ijuru. Ntabwo amamodoka, amazu, amadege aribyo nabasezeraniye, nabahaye ijuru. Ni ryo ryonyine ritegerezwa kubahaza. Ariko mwebwe, muhora mufite inzara y'iby'isi. Nta nzara y'ijuru mugira".



Nyamara, iyo ushatse Yesu, ukamushakamo ubucuti, ntacyo Imana itagukorerwa ngo ikunezeze. Ijambo ry’Imana riratubwira ngo : “Abatoni banjye, bazarya abandi bashonje, bazambara abandi bagenda bambaye ubusa....” Jye njya mbwira abantu nti : “Ntimukirushye muri byinshi, igikuru ni ugushakisha gutona ku Mana. Ahasigaye, ibyiza byose bizabazaho. Bizaza bibasanga mutabihangayikiye”. Amasezerano asesuye y’abakunzi b’Imana muyisomere muri Yesaya 60 no mu **Gutegeka 28 : 1- 14**.

Imana nuyizirikaho ukabana na yo akaramata, izagukorerwa n’ibyiza utigeze utekereza ko byagushyikira mu buzima bwawe nk’uko Imana ibyivugira muri **Zaburi 91 : 14-16** iti : “Kuko yankunze akaramata ni cyo nzamukiriza. Nzamushyira hejuru kuko yamenye izina ryanjye. Azanyambaza nanjye mwitabe. Nzabana nawe mu makuba no mu byago. Nzamukiza muhe icyubahiro. Nzamuhaza uburame. Kandi nzamwereka Agakiza kanjye”.

N’umwami Yesu yaratubwiye ati : “*Mushake Ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, ibisigaye ni inyongera*”. Dushake rero Agakiza nyakuri dukizwe tumaramaze, duhinduke tuve muri za Kamere zacu, ahasigaye dutegereze Imana twihanganye, izadukiza ibiturwanya byose kandi izahaza ibyipfuzo byacu byose, ntizadukoza isoni. Muri **Zaburi ya 119 : 6**, Dawidi yabwiye Imana ati : “Ubwo nzita ku byo wategetse byose, ni bwo ntazakorwa n’isoni”.

Mbese muri make, izatugirira neza. Uzi kugirirwa neza n’Imana ? Iyo Imana yakugiriye neza, irabigaragaza. Nk’uko yabitubwiye mu **Baheburayo 1 : 9** iti : “Kuko wakunze gukiranuka ukanga ubugome, ni cyo cyatumye Imana ari yo Mana yawe igusiga amavuta yo kwishima, ikakurutisha bagenzi bawe”.

Rero, dushake Imana, dukunde Imana urukundo rutaryarya, ni ho Imana izaduha umugisha twebwe n’abacu. None murumva atari ugutekereza nabi. Uwaduhaye Umwana we w’Ikinege ngo adupfire yatwima iki ku bw’urukundo ruhebuje yadukunze ?

N’Ijambo ry’Imana riri mu **Baroma 8 : 32** rirabitubwira neza riti : “Ubwo Imana itimanye Umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura gute kumuduhana n’ibindi byose ?”



Mu by'ukuri, abantu benshi bashaka Yesu ku bw'inda zabo atarukugirango bazamubone babane nawe. Twitaye ku bihaza inda zacu, ariko ntitwitaye ku bihaza ubugingo bwacu. Nyamara tutisubiyeho bigiye kudukomerera. Iki, kiri mu bituma hari abantu bikururiye umuvumo, bawukururira n'ababo, ndetse n'ibihugu dutuyemo.

Ijambo ry'Imana riri mu Bakorinto 15 : 19 rirabitubwira neza riti : "Niba muri ubu bugingo Kristo ari we twiringiye gusa, tuba duhindutse abo kugirirwa impuhwe kuruta abandi bantu bose." Urumva rero, kwiringira Kristo kwacu kugarukiye ku by'ubu bugingo bwa none bwo muri ino si, twaba tugowe kandi twaba dukorera mu gihombo. Ahubwo, ibyatubera byiza ni ukutamwizera namba hako kumubeshya.

None, umuntu yakwibaza ibi bintu aho bituruka ?

Iyi myizerere y'aba none bo mu bihe by'imperuka, ahanini iraterwa n'ubutumwa tubwirwa n'abakozi b'Imana banyuranye. Urukundo rw'amafaranga rwamazwe kunesha abakozi b'Imana batari bake. Ni cyo gituma aho kwamamaza Kristo bamamaza iby'isi, bakamamaza amafaranga. Bavuga ibihuje n'irari ryabo.

Petero intumwa ya Yesu mw'ibaruwa ye ya 2, mu gice cya 2 cyose, yavuze yeruye iby'abantu nk'abo ati : "Ariko, nk'uko hadutse abahanuzi b'ibinyoma mu bwoko bw'Abisraeli, ni ko no muri mwe hazabaho abigisha b'ibinyoma, bazazana rwihishwa inyigisho zirema ibice zitera kurimbuka, ndetse bazihakana Shebuja wabacunguye, bizanire kurimbuka gutebutse. Ingeso zabo z'isoni nke benshi bazazikurikiza batukishe inzira y'ukuri. Kandi irari ryabo rizabatera gushaka indamu kuri mwe bababwiye amagambo y'amahimbano, ariko, iteka baciriwe ho uhereye kera ntirizatinda, no kurimbuka kwabo ntiguhunikira.....

Umwami Imana, azi gukiza abamwubaha ibibagerageza no gutegereza abakiranirwa kugeza ku munsu w'amateka ngo bahanwe. Ariko cyane cyane abagenda bakurikiza kamere, bamazwe no kurarikira ibyonona bagasuzugura gutegekwa.Baretse inzira igorotse barayoba, bakurikiza inzira ya Balamu wakunze ibiguzi byo gukiranirwa, ariko ahanwa ubugome bwe, ubwo indogobe yavugaga ijwi ry'umuntu, ikabuza ibisazi by'uwo muhanuzi. Abo, ni amasoko akamye kandi ni ibihu bijyanwa n'inkubi y'umuyaga, bategereje umwijima w'icuraburindi kuko bavuga amagambo akakaye yo kwihimbaza,



bashukashuka abari mu ihunga ryo guhunga abagenda bayobye, babashukisha irari ry'imibiri n'imigenzo y'isoni nke.

Babasezeranya umudendezo nyamara ubwabo ari imbata z'ibiboze, kuko icyanesheje umuntu kiba kimuhinduye n'imbata yacyo. Niba kumenya neza Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza wacu kwarabateye guhunga, bakava mu by'isi byonona maze bakongera kubyivurugutamo bikabanesha, ibyanyuma byabo biba birushije ibya mbere kuba bibi. icyajyaga kubabera cyiza, iyaba batigeze kumenya inzira yo gukiranuka, biruta ko basubira inyuma bamaze kuyimena, bakareka itegeko ryera bahawe...."

Abigisha n'abavugabutumwa bameze batyo, bavuga ibinezereza abantu kugirango babayoboke noneho bababonemo indamu. Ni cyo gituma bamamaza Yesu nk'umugaba w'imitsima gusa, ntibamwamamaze nk'umukiza w'ubugingo bwacu. Abiyita abakozi b'Imana bamwe na bamwe, babereyeho gukongeza kamere y'irari isanzwe iri mu bantu, noneho abantu bakakira Yesu kuko babumvishije ko nibakira Agakiza, bazaba bakiriye ubukire, bazaba bakiriye gukira indwara, bazaba bakiriye visa zo kujya muri Amerika. Bakabumvisha ko nibakira Yesu, imibereho yabo irahinduka byanze bikunze. Ababuze abagabo barababona, ababuze urubyaro barahita babyara, ababuze akazi barahita bakabona, n'ibindi n'ibindi.

Ibikunda gushika rero ni uko bamara kubura ibyo bamwakiriye bamushakamo bakamuta nk'uko nari nabivuze kare. Ni ho wumva ngo umukizwa runaka yaraguye, yasubiye mu nzoga, yasubiye mu busambanyi, yasubiye mu bujura, no gusenga ntakija gusenga, ngo umukozi w'Imana runaka karabaye.

Nuko rero, ntitugomba kwiye gurira Kristo ku bw'iby'isi, kuko tubigenje gutyo, ni ko kwubakira ubuzima bwacu ku musenyi. Ubukene nibutera tuzagwa. Inzara nitera tuzagwa. Nitubura abagabo cyangwa abagore tuzagwa, nitubura urubyaro tuzagwa. Nidupfusha ho ntituzagwa gusa tuzarambarara. Niduhomba tuzava ku Mana n'ibindi n'ibindi. Nitubura visa tuzitotombera Imana. Nitubura imyambaro tuzatuka Imana, hari n'abahahamuka bagata imitwe bagasara, ndetse no kwiyahura hari n'abiyahura



kuko babuze ibyo bubakiyeho ubuzima bwabo, bakabona no kubaho ntacyo bikibamariye.

Abo bantu bameze gutyo, mu by'ukuri nta n'ubwo bigeze bakizwa, barigirishaga mu kwakira Yesu ngo barebe ko Yesu hari icyo yabamarira. Bamufashe nk'agakingirizo ko guhaza irari ryabo. Nyamara tumenye ko Yesu ntawumwigurishaho ngo bikunde. Twirinde tutabonekaho umugayo imbere y'Imana ngo duciribweho iteka.

Ijambo ry'Imana riri muri **1 Petero 2 : 8b** riraturwira ngo : «Basitara kw'Ijambo ry'Imana ntibaryumve». Bakumvira abakobanyi bo muri ino minsi y'imperuka bagenda bakurikiza kwipfuzwa kwabo kunyuranye n'Ijambo ry'Imana». **Yuda: 18.**

Tugendane ubwenge, tudatembanwa n'amagambo y'abakobanyi tukabivamo. Kuko turi kwishakira ibyiza bizanana na Kristo, tutamufite. Turi gushaka inyungu muri Kristo kandi twaramwanze. Tumeze nk'umuguzi ushaka inyongezo ataguze. Ubwo rero, iyo abantu bamaze kwemera guhendwa bakizera mu bitahari, iyo bamaze kubibura barihenura bagatangira kwitotombera Imana bakabivamo burundu nk'uko twari tumaze kubivuga.

No kwishushanya bikabananira , bakagwa burundu, bagasubira mu byaha ku mugaragaro. Noneho ababareba bati : Ntacyo bimaze gukizwa, kandi mu by'ukuri batigeze bakizwa. Uko ni ugutukisha Izina ry'Umwana w'Imana Yesu-Kristo. Aba ni ba bandi yavuga bamwiyitirira, bakamwiba identite (indangamuntu), kuko badahinduka ngo bitware nka we. Aba ni bo bisitaza Yesu yavuze. Banze kwinjira mu Gakiza, bahagarara mu muryango babuza n'abandi bashakira kwinjira. Ntitukigaragaze uko tutari ngo tugende twiyita abakizwa kandi tudakijijwe. Gukizwa ku rurimi gusa kw'abiyitirira Yesu-Kristo kuri gukerensa Agakiza muri ino si.

Pawulo Intumwa y'Imana yaraduhanuriye twebwe ab'ubu, mu nama yagiriye umwana we **Timoteyo** mw'ibaruwa rya kabiri yamwandikiye : **4 ; 2-5**, aramubwira ati : «Ubwirize abantu Ijambo ry'Imana, ugire umwete mu gihe kigukwiriye n'ikitagukwiriye, uhane, uteshe,



uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha, kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya bifuza kwumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo, kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba ngo bakurikize imigani y'ibinyoma. Ariko woweho, wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby'Imana».

Ibyaribyo byose, uko Pawulo yabivuze ni ko bimeze uno muni. Iyo ugiye ubwira abantu kwihana no kuva mu byaha, ubona abantu batishimye, abandi ukabona bari kugupingira mu mitima yabo. Ariko iyo ubahanuriye iby'imigisha, bakoma mu mashyi, ndetse n'impundu zikavuga.

Twebwe abavugabutumwa bw'Imana, n'abahanuzi, twihanure twisubireho tuvuge ibyo dutegekwa kuvuga. Umwami Yesu, nta bundi butumwa yadusigiye atari ubwo kubwira abantu kwihana no kubabarirwa ibyaha. **Muri Luka 24 : 45-47**, Umwami Yesu imbere yo kubambwa yabwiye abagishwa be abungura ubwenge ngo basobanukirwe n'ibyanditswe arababwira ati : «Ni ko byanditswe ko Kristo akwiye kubabazwa no kuzuka ku muni wa gatatu, kandi ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu. Ni mwe bagabo b'ibyo».

Umwami Yesu ubwe ndetse na Yohana wamubanjirije, nta bundi butumwa bavuze atari ukubwira abantu ngo «**Nibihane, Ubwami bw'Imana buri bugufi**».

Nyamara uno muni, ubutumwa buvugwa si ubwo gukizwa ngo abantu bihane bave mu byaha bazabone ubugingo buhoraho. Ahubwo, ni ubwo kubabwira ko nibakizwa, Yesu azabaha ibyo bifuza byose. Kandi ni byo umuntu atanga icyo afite. Nyamara bamenye ko nta kindi bari gukora atari ugukongeza irari mu bantu. Kandi irari, tuzi twese ko rimenagura umutima w'Imana kuko rimwimura, rigaha intebe Satani se w'irari akaba ari we wikubira imitima yacu. Umuntu w'irari nta kibi adakora ngo ahaze irari rye. Ubutumwa nk'ubwo rero ni ubwo gukomeza ibyaha muri ino si, ni ubwo gukomeza ingoma ya Satani . Ibi tuzabisobanura neza mu gitabo kizakurikira kizavuga ku «**GUKIZWA**».



Abavugabutumwa bo muri ino minsi, bari kubyara mu buryo bw'Umwuka inkodzi z'ibibi z'uburyo bwose. Irari dukongeze mu bantu, ni inkomoko y'ibyaha byose. Ku bwo kurarikira, abantu bahindutse abajura, abicanyi, ababeshyi, abasambanyi, abasinzi, ibisambo, n'ibindi. Mu magambo make, babyaye ba mpemuke-ndamuke nk'uko Imana umunsi umwe yabinyongoreye ngo : "Abantu ba none babaye ba mpemuke-ndamuke".

Bari kwanganisha Imana n'abantu ha kubahuza kandi ari wo wari umurimo wabo. Bari gukora ibinyuraniye n'ibyo bahamagariwe. Bari gukorera Satani aho gukorera Imana kandi basa na ho batabizi. Kuko, aho kugwiza abayoboze b'Imana bari kugwiza abayoboze ba Satani. Tugomba kumenya neza ko abakunzi b'iby'isi ko ari abanzi b'Imana nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira. Ha kwerekeza rero abantu mw'Ijuru, hari abari kuberekeza i kuzimu.

Nyamara twebwe abavugabutumwa bw'Imana, twari dukwiye kubwira abantu Ijambo rikiza imitima yabo kugirango tube abahesha b'ubugingo buhoraho. Bitabaye ibyo, twaba tubaye ibisitaza, kandi ibihembo by'abantu nk'abo murabizi. Nitutareba neza tuzajya mu mubare wa ba bandi Yesu azabwira ngo mva imbere mwa nkozi z'ibibi mwe, kandi twitwa ko twakoreye Imana.

Twisubireho amazi atararenga inkombe, tutazahinduka imperekeza kandi twari dukwiye kuba abageni b'imbere ku bwo gukorera Imana, tukaba turimo dukorera ubwami tutazatahamo. Imana rwoye yaratubujije gukorera ubwami tutazatahamo. Imana yaravuze ngo nta baterankunga ishaka mu murimo wayo. Imana irashaka ko tuyikorera tumaze guhinduka abana bayo. Naho ahandi ho, ni ugukorera muri Zero.

Imana yaratubwiye ngo : «Ndi kubarura, umugeni aratashye, kandi imperekeza zabaye nyinshi. Nimuvome mwuzuze. Abatashye babaye benshi kandi n'abarimbutse babaye benshi».

Twebwe abantu, tugomba kumenya ubwenge, kandi tukamenya ikiruta ikindi tugomba guharanira muri buno buzima. Nitumenya ko intego y'ubuzima bwacu ko atari ukurundanya ubutunzi,



ahubwo ko ari ukwitegurira ubuzima bw'Iteka ryose tuzabanamo na Yesu mu mahoro n'umunezero bidashira, nta kizadutandukanya n'umukunzi wacu watumeneye amaraso ku musalaba kugirango ntitube tugipfuye ahubwo duhabwe ubugingo buhoraho.

Ijambo ry'Imana mu **Baroma 8 : 35** riratubwira riti : «Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo ? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni ukurenganwa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga , cyangwa ni inkota ?. Oya, ahubwo muri ibyo byose, turushishwaho kunesha n'uwadukunze. Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu ”.

Rero, ntacyadutandukanya n'umukunzi wacu Yesu-Kristo niba twaramwemeye tukamukunda nta shingiro, niba twaramukunze kuko tumukunda gusa nk'uko yatugenje, tukamukunda kuko ari umuvandimwe wacu dusangiye Data umwe, tukamukunda kuko adukunda gusa kugirango tuzabane iteka ryose, ntacyabasha kudutesha ayo mahirwe. Yesu yaratubwiye ko hahirwa abo ibye bitazagusha.

Mu Byanditswe byera, hari abantu bashobora kutubera ibyitegererezo, bakunze Imana ataruko bayizeyemo amaramuko, ahubwo bayikunze urukundo nyakuri rutari urumamo.

Yobu, muzasome igitabocye cyose kizabafasha. Yobuyari umukiranutsi ukunda Imana cyane, kandi ngo Imana yari yaramuhaye ubukire bwinshi, imuha abana, imuha urugo rwiza, ntacyo yari yaramwimye. Imana yaje kumugerageza ngo irebe ko ayikunda by'ukuri cyangwa ko ari ukubera ibyo yamuhaye. Imana imwambura byose, amatungo ye yose n'abana be bose barapfa. Umubiri we uhinduka ibisebe, ndetse n'umugore we abonye bigenze gutyo amuvaho. Ariko Yobu ntiyigeze areka gukunda Imana ngo ayiveho.

Ibyo byago byose bikimara kumugeraho yasubije umugore we yaramaze kumubwira ngo inyuma y'ibibi byose Imana igukoreye,



uracyakomeje gukiranuka kwawe? Ngo wari ukwiye gutuka Imana ukipfira. Nawe aramubwira ati : “Mbese ye, twahabwa ibyiza mu kuboko kw’Imana tukanga guhabwa ibibi? Muri ibyo byose nta cyaha Yobu yacumurishije ururimi rwe.” **Yobu 2 : 10.**

Hari amwe mu yandi magambo yavuze atwereka uburyo yikomereje ku Mana, naho yari yababajwe by’indengakamere. Yaravuze ati : “Ndarahiye Imana ihoraho, ari yo yanyimye ibyari binkwiriye, n’Ishoborabyose yababazaga ubugingo bwanjye, ko kugezaho nzapfira, sinzikuraho ubunyangamugayo. Gukiranuka kwanjye ndagukomeje, ntabwo nzakurekura, nta bwo umutima wanjye uzagira icyo unshinja nkiriho”. **Yobu 27 : 2, 5b-6.**

Arongera aravuga ati : “Imana izi inzira nyuramo, nimara kungerageza nzavamo meze nk’inzahabu. Ikirenge cyanjye cyashikanye mu ntambwe zayo. Inzira yayo narayikomeje sinateshuka. Nta bwo nasubiye inyuma ngo mve mu mategeko yategetse, ndetse amagambo yo mu kanywa kayo yambereye ubutunzi, bundutira ibyokurya bikwiriye”. **Yobu 23:10-12.**

Daniyeli na bagenzi be banze kuramya igishushanyo cy’Umwami Nebukadinezari arabarakarira, afata umwanzuro wo kubajugunya mw’itanura ryaka umuriro yibaza ngo barisubiraho bave ku Mana. Ariko abo basore bikomereje ku Mana banga itegeko ry’Umwami. Babwiye Umwami bati : “Imana yacu dukorera ibasha kudukiza, ariko naho itadukiza, Nyagasani, umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy’izahabu wakoze”. **Daniyeli 3: 13-18.**

Aba bantu n’abandi tutarinze kuvugaho batubanjirije nka Joseph, intumwa za Yesu zemeye gupha urupfu rubi ku bw’Izina rye, n’abandi babayeho batigeze bava ku Mana ku bw’ibigeragezo, ni bo bazaducira urubanza ku munsu w’amateka nitutabasha kugira ukwizera mu Mana gushyiraye mu Rukundo. Ukwizera kudashingiye ku rukundo dukunda Imana, ahubwo kugashingira ku maronko n’ibindi bifatika turebesha amaso, kuzasenyuka vuba. Uko ni ko kuneshwa. Kuko tuzi ko abadafite ukwizera guhamye mu Mana ko batazinjira mu Bwami bw’Ijuru. Ukutizera kugaragariza Imana urukundo ruke umufitiye. Kandi ntazabana n’abantu batamufitiye urukundo nyakuri kandi rushyitse.

Nta rwitwazo na rumwe dufite rwo kudakunda Imana. Kuba byonyine yaraturemye turi abantu, ibyaremwe akunda cyane mu



byaremwe byose, akaturema mw'ishusho ye, akaduha Agakiza ari yo nzira yo kuvuka ubwa kabiri tugahinduka abana be, murumva mu by'ukuri icyadukura ku Mubyeyi wacu udukunda gutyo ari igiki ? Nta rwitwazo na rumwe dufite rwo gufata Agakiza nk'Agakingirizo.

II.6. Agakiza si igikinisho

Iri Jambo Imana yatubwiye, umuntu wese yaryibazaho, akibaza uburyo ashobora gukinisha Imana atarebesha amaso. Nyamara iyo umuntu abitekereje neza biranasobanutse. Ndetse n'abantu iryo jambo bakunda kurikoresha cyane cyane iyo umuntu yamubeshye, akamubwira ibitaribyoye, akamwemerera ibyoye atazakora. Akemera ubuki ateguka, ni ko umugani w'ikinyarwanda ubivuga.

Gukinisha Yesu rero duhereye kuri ubwo busobanuro, ni ukumusezeranya ibyoye tutazarangura. Ni ukumubwira ibyoye natwe tutemera. Tukamubwira ibinyuranije n'ibyoye dutekereza, noneho amasezerano twamusezeranije akatunanira gushyira mu bikorwa.

Hari ibyiciro 3 by'abantu bakinisha Agakiza :

a. Abatigera bahagarara ku ndahiro bahaye Yesu n'abava mu masezerano.

Hari abantu benshi bakira Agakiza, barangiza uwo bakiriye bagasa n'abamusize aho bamwakiriye. Barataha, bagasa n'aho wasanga ntacyo bigeze bakora, bagashishikara ubuzima bwabo uko bari basanzwe nk'aho wasanga ntacyabaye. Ugasanga ashishikaye kugendera muri za kamere ze yarasanganywe. Niba yari umusambanyi ashishikarira gusambana. Niba yari umujura ashishikarira kuba umujura. Niba yari umunyaburakari ntubone akantu na gato gahinduka kuri we, n'ibindi.

Abantu nk'abo, bakomeza no gusangira gahunda mbi n'abo bazisangiraga kera batarakira Yesu. Bashishikarira kwivanga n'abatarakizwa, bashishikarira gusangira inzoga, gusangira ibiganiro bibi. Bashishikarira gufatanya mu mirimo mibi y'ubugambanyi n'ubugizi bwa nabi. Mu by'ukuri, ntibigeze bimuka.



Ahubwo, bahisha abo bagendana ko hari n'icyo bigeze bakora. Bumva kwakira Agakiza n'aho babikoze bisa n'igisebo mu bandi. Umwami Yesu yabwiye abantu bameze gutyo ati : "Umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye muri iki gihe cy'ubusambanyi kandi kibi, Umwana w'Umuntu na we azagira isoni zo kumwemera ubwo azazana n'abamarayika bera afite ubwiza bwa Se". **Mariko 8:38.**

Yesu, ntashobora kukwemera ngo n'uko watuye gusa ya magambo yo kumwakira igihe cyose udakurikijeho kuyagenderamo ngo uyagire indahiro. Mu by'ukuri impamvu y'ibyo, n'uko uwo muntu aba yatuje akanwa gusa ariko ntiyizere mu mutima we.

Aba avuga ibyo atemera. Aba avuga ibitavuye mu mutima we. Ni babandi Yesu avuga ngo banshimisha iminwa, nyamara imitima yabo ikamba kure.

Abantu nk'abo inkurikizi ya mbere ibabaho, ni ukunanirwa gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana . Gusenga bibabera umutwaro kandi Ijambo ry'Imana ntiribaryohera. Barakira Yesu ariko ntihagire ikibanza na gito abona mu buzima bwabo. Abantu nk'abo ni bo Yesu abwira mw'Ijambo ry'Ibanze ati : "Ndarambiwe n'abantu banyakira ntibampe icyo kunywa, ntibamvugishe. Baragowe abantera umugongo bantesha umwanya hanyuma bakigendera".

Barakira Agakiza ariko ntibigere baha agaciro amagambo babwiye Yesu ko batandukanye na Satani. Barakira Yesu bakamuheza hanze y'imitima yabo. Mu by'ukuri, bamwima ibitekerezo byabo ntabashe kubayobora.

Ibi bifata abantu b'ubushake buke ari bo banebwe mu by'Imana, ibi kandi biba ku bantu bahora bakunda kwemerwa n'abantu, bagatinya kubonwa nabi n'incuti zabo, ndetse n'abo bari basanzwe basangiye idini. Aba ni abantu basitaye kw'Ijambo ry'Imana kandi ari bo ryagenewe.

Nyamara, abantu batabasha guhagarara ku magambo babwiye Yesu bafitaniye urubanza na we. Abazamusitaraho bazavunika, abo azagwira na bo, bazahinduka ifu.



Hari n'ikindi cyicyiro cy'abakira Yesu, bagashyuha mu minsi ya mbere, bagafata inzira y'Agakiza ariko ntibayikomeremo, bagasubira iyo bavuye. Mu minsi mike cyangwa myinshi bakagwa, bagasubira gukora ibyaha nk'ibyo bakoraga kera. Kamere y'icyaha igasubira ikabahagurukana. Umwanzi na we iyo akubonye wari waramuhunze, agukoresha incuro ijana ibyo wakoraga kera iyo umugarukiye. Umuntu waguye akava mu Gakiza, arusha ububi abatigeze bakizwa, noneho akangisha Agakiza ba bandi bari bagishidikanya, batari bwafate inzira y'Agakiza. Murumva rero ko gusubira inyuma ari ibintu bibi cyane, atari ku bwo ubugingo bwa wa wundi aguye gusa, ahubwo no ku bugingo bw'ababana nawe, ndetse n'abamureba bose.

Umwami Yesu yari yarabavuzeho abantu nk'abo muri **Luka 13 : 22-30**, aho bamubaza abakizwa uko bangana. Yesu arabasubiza ati : "Mugire umwete wo kunyura mu irembo rifunganye kuko benshi bazashaka kurinyuramo ntibabibashe." Inzira y'Agakiza ntabwo ari inzira yo kwinezeza, ni inzira yo kwiyangana, ni inzira yo kwihebera abandi, ni inzira yo kwigomwa, ni inzira yo kwibabariza abandi. Nkuko Yesu yabivuze ngo : "Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusalaba we ankurikire, kandi utita ku bugingo bwe ku bwanjye no ku bw'Ubutumwa bwiza azabukiza". **Mariko 8 : 34-35**. Uko ni ko bimeze, udasize byose, ntashobora gukurikira Kristo.

Kandi umusaraba wawe ni ukwakira abandi ibibaremerera. Ubwo rero ba bandi bakiriye Agakiza bibaza ko gukizwa ari ukubona uko badamarara muri ino si, hanyuma basanga atariko bimeze, bakabivamo. Ahubwo, Yesu agusaba gukunda abandi utanga no ku byo warufite. Mu **Bagalatiya 6 :2**, Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : "Mwakirane ibibaremerera kugirango abe ariko musohozza amateguko ya Kristo".

Abandi, kamere zigeraho zigasubira zikabahagurukana. Iyo Kamere yaguhagurukanye ntugire umwete wo kuyifatira amasengesho ngo wiwirize ubusa, usome Ijambo ry'Imana, imbaraga z'Imana zimanuke kugutabara, uko iminsi ihita, ni ko birushaho kuba bibi, ukazahita usubira kuba imbata y'ibyaha. Twirinde kandi tugire umwete wo kwiye gereza Imana. Kandi Yesu yarambwiye ngo mbabwire ko "Agendana n'abagenda, ngo ntabwo agendana n'abicyaye, kandi ntagendana n'abaguye hamwe n'abasinziriyeye".



Iyo mu Gakiza utagerageza guhora utera imbere mu mihindukire yawe ngo uharanire gukizwa buri munsu, usubira inyuma. N'abahanga basesenguye ibyo imigendekere y'umuntu muri ino si baravuze bati : "Udata aya imbere asubira inyuma". Mu gifaransa n'ukuvuga ngo . "Qui n'avance pas recule". Kandi n'ubundi ni ko bimeze. "Udakura arasaza". No mu buzima bw'Umwuka ni ko bimeze. Iyo udata uya imbere ngo ukure mu buryo bw'Umwuka, uradindira ugasaza, amaherezo ugapfa. Hari abantu bagenda ubona ari bazima ku mubiri, ariko ubungo bwabo bwarapfuye kera.

Imana rero, ntijya ishobora kubana n'abantu badahagarara ku masezerano ngo biyemeze biyemeje. Abantu bahora bavangavanga bataguma mu mwanya umwe, uwo Imana ibashakamo, Imana ntijya ibishimira. Muri **Hoseya 6:4**, Imana yabwiye Ifurayimu n'agahinda kenshi kuko Abefurayimu na bo ni ko bari bameze arababwira ati : "Yewe Efurayimu we, nkugenze nte ? Yewe Yuda we, nakugira nte ? Kuko ineza yanyu ari nk'igicu cyo mu ruturuturu gitamuruka kandi nk'ikime gitonyorotse hakiri kare. Ni cyo gituma nabahanishije abahanuzi".

Na twe uno munsu ni twe Imana ibwira. Abantu banze kuguma mu Gakiza. Ineza yacu ntimara igihe. Duhora tuvangatiranya. Nyamara uko ni ugusuzugura Imana, kandi abazakomeza gusuzugura Imana, nta kindi bategereje atari inkoni y'Uwiteka. Kandi mumenye ko inkoni y'Uwiteka ibabaza. Abazanga kugaruka ku neza bazagaruka ku nabi. Abazanga guhanwa na bo bazarimbuka.

Umwami wacu Yesu -Kristo we ubwe yaratubwiye abazaba hanze y'Ijuru ati : «Hanze hazaba imbwa, n'abarozi, n'abasambanyi, n'abajura, n'bicanyi, n'abasenga ibishushanyanyo, n'umuntu wese ukunda kubeshya akabikora» **Ibyahishuwe 22 : 15** Yesu, aba mbere yavuze bazajugunywa mu muriro, ni abantu b'imbwa. Hari abantu usanga bavuga ngo «Uriya, nta mugabo umurimo, ni imbwa». Umuntu abandi barinze bita imbwa, ni umuntu utagira Ijambo. Kandi, ntabwo ari abagabo gusa bashobora kwitwa imbwa, hari n'abagore b'imbwa.

Umuntu w'imbwa rero, ni umuntu uhindagurika mu byo avuga, ni umuntu uhora yihindukiza mw'Ijambo. Ni umuntu ahora asesagura ibigambo, akavuga ibyo atemera, agasezeranya abandi



ibyho azi neza ko atazakora. Ni umuntu w'umubeshyi. Ahora agambira ariko ntasoze. Ni umuntu utazi kwiyeemeza yiyemeje, ahubwo, ahora ahindagurika. Ni umuntu umeze nk'uruvu. Uruvu ni rwo ruhindura amabara yarwo rukurikije ibyatsi ruhagazemo kugirango rwiyoheranye bataruvumbura. N'umuntu nk'uwo ni ko ameza. Ahindurwa n'ibihe, agahindurwa n'abo bari kumwe, agahindurwa n'imibereho, agahindurwa n'ibigeragezo n'ibindi n'ibindi. Mw'Ijambo rimwe, ni umuntu w'indyarya.

Ibi, bidusobanurira ko abantu bazajugunywa hanze y'Ijuru, imbere y'abandi, ni Abakizwa banze gukizwa. Ni babandi bahaye indahiro Yesu yo kubana na we iteka ryose, bamwumvira, barangiza bakamuta, bakamuvaho, bakahukana na we, bagasubira kwiyinga na Satani. Ni bwo busambanyi bwo mu Mwuka. Imbwa rero ni abasambanyi bo mu Mwuka.

Uno munsu, Ijambo Imana iri gukomeza kutubwira, ni ukutubwira ngo «**GARUKIRAHU**» Nitugarukire aho twari tugejeje kuryarya Yesu, tugarukire aho twari tugejeje ducumura, duhagarike gukora ibibi, dukore ibyiza, twihane nonaha, dufate ingamba yo kuva mu byaha burundu. Naho ahandi ho, tugiye kubona ingaruka z'ibyho dukora. Gukina byarangiyeye. Imana ngo ntabwo igikina n'abana b'abantu. Uko tuyigenza ni ko igiye kutugenza.

Muri **Danieli 11 : 32** , Ijambo ry'Imana rirabwira ngo : «Abaza mu masezerano, azabayobesha kubashyeshyenga, ariko abantu bazi Imana yabo, bazakora iby'ubutwari». Nuko rero abashyeshyenga Imana na yo izabashyeshyenga. Mube abanyakuri Imana izababera Intwari.

Dawidi muri **Zaburi ye ya 25 : 3** nawe aravugaga ati : «Abaza mu isezzerano ari nta mpamvu, ni bo bazakorwa n'isoni». Iyo tunaniwe guhagarara kw'Ijambo twavuganye n'Imana, tuba turiho tuyikoze isoni, imbere y'abantu na Satani. Iyo tumaze kwakira Agakiza, Satani aba arekereje kugirango arebe uko twitwara nk'abakizwa noneho abone ibyho aturega ku Mana asa n'aho ayikora kw'itama . N'abantu nuko, iyo wakijijwe, abantu bose baba bakurikirana imbuto nziza wera. Iyo ntazo, batangira guca amazi Agakiza ngo ntacyo kamaze, ngo no gukizwa ni uguteka imitwe. Rero, twirinde



gukoza isoni Imana, nayo, ntizadukoza isoni. Naho ahandi ho, izatureka dukorwe n'isoni.

Icyaha cyangirije imibanire y'umuntu n'Imana. Icyaha cyatandukanije Imana n'umuntu. Imana yambwiye ngo mbabwire ko n'ubu, umuntu yari yaramenye Imana, akakira Agakiza, akiyegurira Imana Ihoraho, yarangiza agasubira mu byaha ko ari umusambanyi. Hano, Imana ntabwo ivuga umusambanyi wo mu mubiri, Imana iri kuvuga umusambanyi wo mu Mwuka nk'uko nari nabivuze hejuru . Kugirango musobanukirwe kurusha, mushobora kwisomera **Ezekiyeri , igice cya 16 cyose.**

Umusambanyi wo mu mwuka, ni umuntu uva mu masezerano yagiranye n'Imana. Ni umuntu wakiriye Agakiza nta gahato, yemera ko Yesu amubera umutware n'umuyobozi, yemera kubana no kugendana na we agendera mu mategeko y'Imana iteka ryose, arangije, abivamo, asubira iyo yavuye, asubira muri cya gihugu Imana yari yamukuyemo cy'umwijima wicyuraburindi. Ava ku Mana asubira kwa Satani.

Abantu nk'abo badatinye guhemuka nibatikosora bazahinduka ibivume. Ijambo ry'Imana riri muri **Ezekiyeli 17 : 18** riratubwira neza riti : «Yasuzuguye indahiro yica n'isezerano, ndetse yari yamanitse ukuboko kwe arahira ariko arengaho arabikora byose, ntabwo azarokoka». Umuntu utagira Ijambo imbere y'Imana ahora abeshya Imana atarebye neza azarimbuka kuko Imana ntikinishwa. Ni Imana ikomeye idahangarwa, ntibeshywa. Imana irongera iravuga ku **murongo wa 19** iti : «Ndirahiye, ni ukuri, indahiro yanjye yasuzuguye, n'isezerano ryanjye yishe, nzabigereka ku mutwe we».

Abantu rero batagira Ijambo bakarahirira Imana ubusa bafitaniye urubanza na Yesu. Yesu yaraturwiye muri **Matayo 12 : 36** ati : «Ndababwira yuko Ijambo ry'impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku muni w'amateka. Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha». Rero, aho kwakira Yesu-Kristo hanyuma bikakunanira kumukurikira, wafuma uba wararetse no kumwakira, ni byo byaba byarakubereye byiza kurusha. Naho ahandi ho, ni ukwikongerezaho uburakari bw'Imana.



Gusambana mu buryo bw'umwuka, ni ugutandukana n'Imana, ni ukwirukana Yesu mu mutima wawe ukinjiza Satani. Ni ukwirukana umutware wawe mu mutima wawe, ukawicazamo Satani. Igihe cyose dukoze icyaha Yesu arasohoka agahagarara ku muryango w'umutima wacu akomanga, ategereje ko twihana kugirango yongere yinjire tubane, dusangire. Imana ntabwo ivangatiranwa. Iyo uhisemo icyaha, uba umubwiye ngo tekera wigendere singushaka, sinshaka kubana nawe. Ni cyo gituma Ijambo ry'Imana ritubwira riti : «Ntibishoboka ko munywera ku gikombe cy'Umwami wacu, kandi ngo munywere ku gikombe cy'abadayimoni. Ntimushobora gusangira ibyo ku meza y'Umwami wacu n'ibyo ku meza y'abadayimoni. Mbese icyo mushaka ni ugutera Umwami ishyari? Ese tumurusha amaboko ? **1 Abakorinto 21-22.**

Abantu, duhora dukinisha Imana. Duhora twivuguruza imbere y'Imana. Duhora twivuruguta mu byaha, tugahora twihana ibyaha bimwe. Ibaze kwihangana kw'Imana uko kungana. Uno muni uti karibu, ejo uti mvira mu nzu, ukaguma muri urwo, murumva tudateza Umwuka Wera w'Imana agahinda ku bwo guhora ubunga utagira ikicaro gihanye mu mitima yacu ?. Abandi bagacumura bakanga kwihana, bakinangira imitima, bagaheza hanze Yesu-Kristo. Nyamara, nk'uko Imana ikomeza kubivuga, ngo ntabwo igikina n'abanyabyaha, kandi ngo Agakiza si igikinisho. Ntabwo ari umupira dutera umugeri. Hari abantu uno muni bari gutera umugeri Yesu nk'aho wagirango ni umupira batera. Nk'uko Adamu na Eva bateye akageri Imana bakigendera. Nyamara twisubireho amazi atararenga inkombe kugirango dusubire twiyunge n'Imana niba twarateshutse, tutazatungurirwa mu byaha.

Icyo tugomba kumenya ni kimwe, ni uko tugomba gukomeza gukiranuka kwacu kugeza ku mperuka cyangwa ku muni wacu wo kwitaba Imana. Tugomba guhora twirinda ibibi, tugahorana kwihangana mu bigeragezo. Tugahora twiyeza amanywa n'ijoro, imitima yacu duhore tuyishikamishije ku Mana. (ni ko kuba maso mu buryo bw'Umwuka) Kuko Imana izaducira urubanza ikurikije uko izaba idusanze tumeze mu gihe cyacu cyo gupfa cyangwa ku muni Yesu azatwariraho Itorero rye. Hari abasigaye bavuga ngo nzaba nihana ku munota wa nyuma ngiye gupfa. Uzi gute ko uzabona n'umunota umwe wo kwihana ? Ubu se utunguwe



n'impanuka, ikakurabya mu kanya gato ? Ntiwazakwicuza ntako ukibigira ? Ugahora uvuga ngo iyaba !!! **«Iyaba»** ntacyo izakumarira, kuko itazasubiza ibihe byawe inyuma ngo ikuzure ugaruke kwihana. Ihane ugihumeka, umwanya wawe ni uwu. Ntihakagire n'abakubeshya ngo niwapfana ibyaha bazagusabira Imana ikubabarire. Ntibibaho. Iyo upfuye, urubanza rwawe ruba rurangiye, nta kujurira kw'abapfuye kubaho. Imana ibabarira abazima baba bakibasha kwisabira imbabazi no kwisubiraho.

Ijambo ry'Imana rirabitubwira muri **Ezekiyeri 33 : 12 -20** : «Umukiranutsi nahindukira, akareka gukiranuka kwe agakora ibibi azapfa ari byo azize. Ariko umunyabyaha nahindukira akareka ibyaha bye, agakora ibyo gukiranuka bihwanye n'amategeko azabeshwaho na byo». (Iyo mirongo muyisome yose mubone gusobanukirwa).

Urumva rero n'iyi waba warakiranutse bingana iki, warangiza ukagwa, Imana ikagusanga mwisayo, ni ukuri, Imana ntizibuka gukiranuka kwawe, izaguhana kuko igusanze mu byaha. Ariko niba waraguye, Imana igasanga warabyutse warihanye, ntabwo izibuka gukiranirwa kwawe, izakugororera ibihuye n'ibyo izaba igusanzemo.

Yesu yaratugiriye inama ati : «Muhore mukenyeye kandi amatabaza yanyu yake, mumere nk'abantu bategereje shebuja kugirango nava mu bukwe bamukingurire. Hahirwa abagaragu shebuja azaza agasanga bari maso». **Luka 12 : 35-36**. Yesu adusaba guhora dukenyeye ukuri ariko kuzirika Ijambo rye mu mitima yacu kugirango riturinde guteshuka no kujarajara mw'isi. Dusabwe guhora duhamye mu Mana, dusabwe kutazigera duteshuka ku masezerano twahaye Umwami wacu Yesu-Kristo, tutazacibwaho iteka ku munsu w'amateka.

b. ***Hari abakinisha Agakiza ku bwo kubeshya Yesu ngo baramukorera kandi bari kwikorera. Abandi bakamusezeranya kumukorera bakabyiyobagiza.***

Hari abantu basezeranya Yesu kumukorera ariko ntibamukorere. Akenshi iyo tugeze mu bibazo dusa naho duteshaguzwa kugirango Imana idutabare tugatangira kuyemerera ibitangaza. Bamwe bati : "Mana, nunkura muri aka kaga ndimo, nzagukorera". Uwundi ati : "Mana, numpa akazi, nzaguturira umushahara wanjye wa mbere



“..... Imana iyo imaze kudasubiza, ni bake basoz a amasezerano bayisezeraniye. None se, hari ugukinisha Imana kuruta uko ? Mwibaza ko kubeshya Imana ari icyaha gito tutazahanirwa ? No mw’isi tuzagihanirwa kugezaho tuzibwiriza tugahigura imihigo twahigiye Imana.

Ijambo ry’Imana rirabitubwira neza ngo : «Ariko abiyobagiza mu nzira zabo zigoramy e, Uwiteka azabajyanana n’inkozi z’ibibi». **Zaburi 125:5**

Hari abandi bahaguruka gukorera Imana, bakiyita abakozi b’Imana kandi mu by’ukuri atari Imana bagamiye gukorera, ahubwo biftiye izindi nyungu zabo bakurikirana. Ibyubahiro n’amaronko, ni byo abantu benshi bagamiye mu gukorera Imana. Nyamara tumenye ko Imana itabeshywa kuko isoma no mu mitima yacu ikamenya impamvu za buri kintu dukora. Imana ntabwo yitaho cyane cyane ibyo tugeraho, yitaho mbere na mbere umutima dukorana niba ari umutima umukunze, cyangwa ari umutima wo kwikunda. Abantu barashaka gukorera inyungu zabo. Nyamara, ni zo bazatahira. Abakorera Ijuru bonyine ni bo bazaribona, na yo abandi bo bazahemberwa mw’isi.

Muri **Yohana 6 :27**, Umwami wacu Yesu-Kristo yaratubwiye ati : «Ntimukore ibyokurya bishira, ahuwo mukore ibyokurya bigumaho kugeza ku bugingo buhoraho. Ibyo Umwana w’Umuntu azabaha, kuko Se ari we Mana yamushyizeho ikimenyetso cyayo. «Kandi, ntimukayobe, Imana ntinegurizwa izuru kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. Ubibira umubiri we, muri uwo mubiri, azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka, muri uwo Mwuka, azasaruramo ubugingo buhoraho» **Abagalatiya 6 :7.**

Twirinde rero tutabonekaho umugayo nk’abakozi b’Imana. Tutagaragara imbere y’Imana nka ba bungeri b’ibihembo Yesu yavuze muri **Yohana 10 : 11-16**. Yaravuze ati : «Ni jye Mwungeri mwiza. Umwungeri mwiza apfira intama ze, ariko uragirira ibihembo, utari umwungeri bwite kandi n’intama atari ize, iyo abonye isega rije, asiga intama agahunga, isega rikazifata rikazitanya». Ibi ntibisiba kutugaragarira aho abakozi b’Imana bapfa amafranga barangiza bakicamo ibice, intama z’Imana zigatatana zikabura iyo zerekeza. None se, ugirango abakozi b’Imana bapfa amafranga atari uko ari yo bararikiye ?



Umwami Yesu yigeze ambwira ngo «Izina ryanjye ryabaye igicuruzwa cyungukacyane». Nyamara nidushaka tugarukire aho tugeze ducuruza Izina n'Ijambo by'Umwami wacu Yesu-kristo watubambiwe. Nyamara hari umunsi tuzashyirwa ku mugaragaro. Abakorera Imana n'abatayikorera isi n'ijuru bizatwitegereza bimenye abo turi bo. N'ukuri, hari abazakorwa n'isoni kandi bari abanyacyubahiro bakomeye muri ino si. Abakorera Imana bayubaha n'abayikorera bayisuzugura, na bo nyine bazagaragazwa.

Umwami Yesu yaratuburiye muri aya magambo ati : «Umuntu wese umbwira ngo Mwami Mwami si we uzinjira mu Bwami bwo mw'Ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mw'Ijuru ashaka. Benshi bazambaza bati : Mwami Mwami ntitwahanuraga mw'Izina ryawe, ntitwirukana abadayimoni mw'Izina rwawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mw'Izina ryawe ? . Ni bwo nzababwira nti : Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe». **Matayo7 : 21-23.**

Nukuri abakorera Imana batarabyarwa ubwa kabiri ngo bahinduke abana b'Imana, bagakorera Imana bakiri muri kamere y'imibiri yabo yo kwikunda, bagakorera Imana badakunda Imana n'Itorero ryayo ahubwo bakayikorera ku bwo kwikunda, bagakorera Imana babeshya, bakayikorera batarabatuka ku cyaha, abo , Yesu ntazatinya kubajugunya hanze y'Ubwami bwe.

Umwami wacu Yesu-Kristo yabitubwiye muri aya magambo ati : Nimuguma mw'Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri ni ko kuzababatura. Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko umuntu wese ukora ibyaha ni imbata y'ibyaha. Imbata, ntiba mu rugo iteka, ahubwo mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka. Nuko, Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri. **Matayo 8 : 31-36.**

Hano Yesu rwose yaratweruriye atubwiza ukuri aratubwira ati : Mu Bwami bwa Data, hazaguma ababatutse ku cyaha bagahinduka abana b'Imana. Bakaba bene nyir'Ubwami bwo mw'Ijuru ari we Data. Ntabwo imirimo dukorera Imana ari yo iduhindura abana b'Imana, duhindurwa no kuba mw'Ijambo ry'Imana, tukarifata nk'ukuri, rigahindura ibitekerezo byacu, tukarigenderamo. Ntabwo rero tuzakizwa n'imirimo dukora, tuzakizwa no gukiranukira Imana ku bwo Agakiza twahawe n'Imana. Imirimo tuzakorera muri Yesu ari we kuri, ni iyo kudukomeza. Ni imyambaro tuzarimbana dutashye i wacu mw'Ijiuru. Naho Imirimo yose twakoreye hanze



ya Yesu, tukayikorera hanze y'ukuri, tutihannye, ni yo izahinduka umuriro wo kudutwika.

Nakwanzurira kino gice kuri rino Jambo ry'Imana riri muri **Yuda 14-21** ritubwira riti : «Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be, kugirango agirire bose ibihura n'amateka baciriwe ho, no kwemeza abatubaha Imana bose ukuri kw'imirimo yose yo kutubaha Imana bakoze batubaha Imana, n'amagambo yose akomeye abanyabyaha batubaha Imana bayitutse. Abo ni abitotomba n'ababubura bagenda bakurikiza irari ryabo, akanwa kabo kavuga amagambo atumbyemo agasuzuguro, bubahira abantu kubakuramo indamu. Ariko mwebweho bakundwa, mwibuke amagambo yavuzwe kera n'intumwa z'Umwami wacu Yesu-Kristo uko zababwiye ziti : «Mu gihe cy'imperuka, hazabaho abakobanyi bagenda bakurikiza kwifuza kwabo kunyuranye n'iby'Imana . Abo ni bo bazana kwirema ibice, ni abantu buntu ntibafite Umwuka Wera. Ariko mwebweho bakundwa, mwiubake ku byo kwizera byera cyane, musengere mu Mwuka Wera, mwikomereze mu rukundo rw'Imana, mutegereze imbabazi z'Umwami wacu Yesu-Kristo zisohozza ku bugingo buhoraho ».

Nuko rero, abakorera Imana bakiri muri Kamere y'irari ry'imibiri yabo bita ku by'umubiri. Bakorera Imana bayishakamo iby'umubiri batayishakamo ubugingo, ndetse batanabwifuriza abo bakorera. Ni ba bandi nta kindi bigisha atari ubutumwa bw'inda. Bakristo tugendane ubwenge, ibishashagira byose si izahabu. Iri ni Ijambo Umwami wanjye yambwiye igihe anyaha arambwira ngo : Gendana ubwenge, nutagira ubwenge nzaguta jyewe singendana n'injiji. Nukuri, ari ababeshya babeshya Imana n'abantu, ari abagenda nk'abatagira ubwenge bakemera amagambo y'ibinyoma babwirwa n'abiyita abakozi b'Imana kandi ari abakozi b'inda zabo, bose, urubanza ni rumwe. Imana yaduhaye ubwenge, iduha n'Ijambo ryayo ngo rituyobore. None, icyo dufite tuzireguza ni igiki ? .

c. Hari abakinisha Agakiza mu kwinangira imitima.

Hari abanga kwakira Agakiza kandi Imana idasiba kubahamagara ariko bagakomeza bagasuzugura ijwi ry'Imana. Abantu bari kwishakira impamvu zatuma batinjira mu Gakiza, bigatuma biyobagiza ibyo bazi. Kandi ahanini, barareba bagasanga batazabasha



kubatuka ku byababase. Bakavuga bati : Sinareka inzoga n'yo byagenda gute ? Sinareka iriya ndaya naharitse umugore wanjye, n'ibindi n'ibindi. Abandi bati, ko mbeshwaho n'icyaha, nkaba mbeshwaho no kwiba, ubusambanyi n'ibindi n'ibindi, nimbivaho, nzabaho nte ? Nyamara abantu nk'abo bazatinda bamere nka Falawo. Ni we wakomeje umutima asuzugura Imana yanga gukora ibyo Imana yamutegekaga ngo arekure ubwoko bwe bugende. Uko byamugendekeye twese turabizi. Uwaba atabisobanukiwe neza abyisomere mu gitabo cyo "KUVA".

Mu by'ukuri, nta muntu n'umwe Imana idakeneye gukiza. Twese idukunda cyo kimwe, nta n'umwe rero Imana idaha ibimenyetso bimwereka ko Imana ishaka kumuha Agakiza. Ubutumwa bw'Agakiza buravugirwa mw'isi yose. Buravugigwa ku maradiyo, kuri za televisions, kuri internet, mu masengeru, mu masoko, mu mayira, mu bubari. Imana yaravuze ko igiye gusuka Agakiza mw'isi na ho hari abagiye kwinangira imitima. Nyamara, abazakomeza kwinangira imitima yabo, hari igihe Imana izabarambirwa. icyo, gihe, bazayishaka batakiyibonye nk'uko mu butumwa yampaye hari ahantu Imana ivuga iti: "Bazanshaka batakimbona akaga kabagezeho, nanjye ntakibitayeho".

Ni ukuri, abadamaraye, abanze kwigishwa, abazinutswe Ijambo ry'Imana n'abiyobabagiza, aba bose bazacibwa, umutima w'Imana uzabikuburaho. Mwirinde kandi muve mu bushake buke. Uzi kubona umutima w'Imana ukuvaho, Imana ikarinda ivuga ngo ntako ntamugize. Ni Akaga. Umuriro w'inkazi uzatwika abatemeye Ubutumwa bwa Kristo n'abatumviye Imana. Bazahanwa igihano kibakwiriyeye ubwo Yesu azazanwa no gushimirwa abera be no gutangarirwa ku bwo abamwizeye bese.

Muzisomere mu ndirimbo za Salomo mu gice cya 5, aho umukwe yatashye aje gusanga umugeni we agasanga yasinziye, akomanze ngo amukingurire akamubwira ku murongo wa 3 ngo : Nakuyemo umwambaro wanjye, nawambara nte ?, nojeje ibirenge byanjye, nabyanduza nte ? Urumva icyo gisubizo, ngo namaze kwirya miri, niyuhagiye ibirenge, singiye gusubira kwambara imyenda no kwanduza ibirenge byanjye ngo ndagukingurira. Ni ko abantu



benshi uno munsu bameze. Bari kuzana impamvu imbere y’Imana banga kuva mu byaha, abandi banga kwitaba Imana ibahamagara buri munsu bakanga kwakira Agakiza. Nyamara, hari igihe wazapfa udakijijwe ku bwo kwirangira umutima, ukazarira ubuziraherezo wicuza ntako ukibigira. “Ngo intabwirwa ibwirwa n’uko amaso atukuye”.

Umukwe, ku bwo urukundo yarafitiye umugeni we, yagerageje kunyuzwa ukuboko mu muryango ngo yifungurire biramunanira. Umukwe ngo yari yaje akonje, n’ikime cyamutonde mu musatsi. Abonye byanze ko yikingurira, asubira inyuma arigendera. Umugeni aho azashakira arikurura, arabyuka ngo agiye kumukingurira aramubura, yirukanka kumushaka aramubura. Muzisomere mwirebere akaga yahuye na ko atakigira umutware wo kumurengera. Uko ni ko abanga gukingurira Yesu, bakamuheza hanze y’imitima yabo, bazamererwa.

Rero, bene Data, mu **Byahishuwe 3 : 19**, Umwami Yesu we ubwe aratwibwirira ati : “Dore mpagaze ku rugu ndakomanga. Umuntu nyumva ijwi ryanjye agakingura urugu nzinjira iwe dusangire”. Umwami wacu Yesu-Kristo ahora agenderera imitima yacu atwinginga ngo tumwakire twihane aduhe ubugingo buhoraho. Nyamara abantu benshi bakomeza kwica amatwi kandi ahanini, amadini ni yo yabazibye amatwi. Bumva ko ikinyuranije n’idini ryabo ko ari ubuyobe. Nyamara twari dukwiye guca ubwenge kuko tuzasanga twarayobeye inyuma y’amadini turi kugendera hirya y’Ijambo ry’Imana. Tukiringira mu byo twabwirwa n’abana b’abantu hako dusanga Yesu ngo atwiyigishirize atwiyoborere. Abenshi ni abigishwa b’amadini, ntabwo ari abigishwa ba Kristo. Nyamara, inshingano Yesu yahaye intumwa ze, ni uguhindura abari mw’isi bese abigishwa be. Ni ukuvuga, abantu bigishwa n’Ijambo ry’Imana ari we Kristo.

Umwami Yesu mu gihe cyeye yerekanye uburyo amadini yari yarahumye amaso abantu kandi basoma ibyanditswe. Arababwira ati : “Ntimwigeze kwumva ijwi rya Data, ndetse ntimufite n’ Ijambo rye riguma muri mwe kuko uwo yatumye mutamwizeye. Murondora mu byanditswe kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi aribyo bimpamya. Nyamara, mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo buhoraho”. **Yohana 5 : 37-40.**



Nyamara icyo twari dukwiye kumenya ni uko Ijambo ry’Imana rihishurirwa abiyeguriye Yesu bakamwizera. Abemeye kugendana na we ni bo bahishurirwa ubwiru bw’Ijambo ry’Imana rikabasha kubamurikira, kubayobora no kubahindura. Naho abandi, baryumvira mu migani. None Se Yesu we akiriho ntabwo rubanda yarubwiriraga mu migani, yarangiza akiherererana n’intumwa ze zari zaremeye kumukurikira akazisobanurira. N’ubu ni ko bimeze, ukiri rubanda, utaremera kwiye gurira Yesu by’ukuri ngo umukurikire, naho uzaba uri umunyedini, uzakomeza uhishwe ibihishwe by’Imana. Abantu nk’abo rero naho basoma Ijambo ry’Imana, ntibumva uburyohe bwaryo, kuko batabasha kurisobanukirwa neza. None Ijambo ry’Imana utagira Umwuka w’Imana muri wowe ngo urigusobanurire warimenya ute ?. Kandi, nta Mwuka w’Imana uhabwa abatagira Kristo.

Mu **Byahishuwe 14 : 1-5** Ijambo ry’Imana riratubwira neza ko abazahagararana na Yesu ku musozi wa Siyoni, igihe azagaruka gutora Itoreri rye ko ari abantu batandujwe n’amadini ari bo Bibiliya yita abagore, ahubwo ko ari abantu bakurikiye Yesu muri byose. Tubibwirwa muri aya magambo ngo : “ Nuko ngiye kubona mbona Umwana w’Intama ahagaze ku musozi wa Siyoni, ahagararanye n’abantu agahumbi n’inzovu enye n’ibihumbi bine , bafite izina rye n’izina rya Se yanditswe mu ruhanga rwabo. Abo ni bo batandujwe n’abagore kuko ari abari. Abo ni bo bakurikira Umwana w’Intama aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu kugirango babe umuganura ku Mana no ku Mwana w’Intama. Mu kanwa kabo nti habonetsemo ibinyoma, kuko ari abaziranenge ”.

Nuko rero, abazizirika ku madini bakanga gusanga Yesu ngo bamwiyegurire bamukurikire, nta bugingo bazabona kuko ni we Imana yahaye ububasha bwo gutanga ubugingo. Nta wundi numwe Agakiza kabonerwamo muni y’Ijuru atari we nk’uko nabivuze kare, n’ubu ndabishimangira.

Umwami Yesu yakirije ijwi aravuga cyane ati : “Naje mu isi ndi umucyo kugirango unyizera wese ataguma mu mwijima. Ariko umuntu niyumva amagambo yanjye ntayitondere, si jye umuciriyeho iteka, kuko ntazanywe no guciraho abari mu isi ho iteka, ahubwo naje kubakiza. Unyanga ntiyemere amagambo yanjye, afite umuciraho iteka, Ijambo navuze ni ryo rizamuciraho iteka ku muni w’imperuka”.

Yohana 12: 46-48.



Iryo ni ryo Jambo rikomeye Yesu yatuzaniye ko : “Uzamwizera wese ntazarimbuka, ahubwo azabona ubugingo buhoraho”.

Ntitujijwe rero. Nitwumva Ijwi ry’Imana riduhamagarira gukizwa, ntidugakomeze kwinangira imitima ngo turi kwikomereza ku madini, mu by’isi no mu b’isi. Mu by’ukuri, uno munsu aho ibihe bigeze, ikintu cyose kitaguhesha ubugingo buhoraho, nta mumaro kiba gifite. Ejo n’undi munsu kandi iby’ejo bibara ab’ejo. Ntukavuge ngo “Nzaba nkizwa”, ngo “Nzaba mwakira”. Abantu benshi baheze muri “NZABA”, bagateba bagapfa aribyo bakivuga. Abantu bari kurimbuka kubera guhera muri “Reka- Mbanze”.

Reka mbanze ndangize amashuri, reka mbanze nshakire abana banjye ibizabatunga, abandi bati nzakizwa aruko umugore wanjye cyangwa umugabo wanjye akijijwe. Ni byinshi abantu bitwaza bakabigira impamvu zo gukomeza kwica amatwi.

Umwami Yesu iyo aguhamagaye, ashaka ko uhita ubaduka ukamusanga, ukamwitaba vuba na bwangu. Nta mpamvu ashaka ko umuzana imbere. Igihe kimwe, Umwami Yesu arigutoranya intumwa ze, hari abo ngo yabwiye ati : Nkurikira. Umwe aramusubiza ati : **Reka mbanze** ngende mpambe Data. Yesu ntiyamwemerereye, yaramubwiye ati : “Niba koko ushaka kuba intumwa yanjye, wowe nkurikira, abapfu bagende bahambe abapfu babo, ariko wowe, ngw’ino ngutume, ubwirize ubutumwa bwiza bw’Ubwami”.

Uwundi aramubwira ati : Ndi bugukurikire Databuja ariko, **reka-mbanze** mare gusezera ku b’iwanjye. Yesu icyo yasubije, yaramubwiye ati : “Nta muntu ufashe isuka ureba inyuma, ukwiriye ubwami bw’Imana”. **Luka 9 : 59-62**. Yesu arashaka ko umukurikira nta bindi urangariye bigutwara umutima.

Kizwa nonaha turi mu minsi y’inyongezo tutazi igihe izarangirira. Ubu se yakurangirana utarakizwa wishinga kwanjanywa no kwigira ntibindeba wagira ute ? Wakwicuza ubuziraherezo ntacyo ugihindura na kimwe nk’uko nakomeje kubivuga. Nahugurira buri wese ko mu buzima bwe ko yagendera muri iri hame ngo : “Ntugashyire ejo icyo wagomba gukora uno munsu”, kuko utazi niba ejo uzaba ukiriho.



Abandi binangizwa imitima no gushaka gushyira iby’Imana mu bwenge bwabo. Barashaka kubisobanuzwa ubwenge bwabo. Iby’Imana ntibisobanurwa n’ubwenge bw’abantu. Mu by’Imana harimo ibihishwe byinshi bisobanurwa n’Imana yo ubwayo. Ntimukigire ba ndabizi, ba ndabimenyereye, ngo mwange kwumva no kwumvira Ijambo ry’Imana.

Twari dukwiye kwita kw’iherezo ryacu kurusha ibindi byose bidushishikaza muri ino si. Ibintu byose bizashira, Imana n’Ijambo ryayo ni bo bazahoraho iteka ryose. Niba tuzi ubwenge tukamenya ikiruta ikindi icyaricyo, dukwiye kwizirika ku Mana, ntidukwiye kwizirika ku kintu na kimwe cyangwa umuntu n’umwe, ndetse, ntidukwiye no kwizirika kw’idini runaka. Mw’Ijuru, nta madini azaba ariyo. Nidukomeza kwizirika kubishira tuzashirana na byo. Nidukomeza kwizirika ku bihirima, nibihirima tuzahirimana na byo.

N’uko rero, ibi byiciro byose tumaze kuvugaho by’abantu bakinisha Agakiza, ni abantu basuzugura Imana kuko ibyo basezeranije Imana ataribyo bakora. Nyamara tumenye ko Ijambo ryose tuvugira imbere y’Imana ko ari ryo rizaducira urubanza nidupfa kuvuga ibyo tutabasha guhagararaho cyangwa nituvuga ibinyuranije n’ibyo dutekereza.

Imbere y’Imana ntitugomba kuhavugira amagambo menshi nk’abatamutwe, kandi ntitugomba gufunga amatwi yacu ngo tutumva Imana ivuga. Tugomba kubwira Imana amagambo make ya ngombwa kandi twatekerejeho, ayo tuzabasha gushyira mu bikorwa. Tugomba kandi kuvugisha Imana n’amagambo y’icyubahiro kandi tukavugana n’Imana duciye bugufi. Hari abavugisha Imana bashibaguzwa, abandi bakavugisha Imana bayituka, abandi bayicurira, abandi bayitotombera, abandi bayibeshya, abandi bayibeshyera. Ayo magambo yose tuvuga dusuzugura Imana, tuzayabazwa. Ni yo atwerekana abo turi bo imbere y’Imana.

Imana yaravuze ngo : Abana banjye baranyubaha kandi bakantinya. Ibicyiro twavuze by’abantu bakinisha Agakiza, ni n’abantu badaha Imana agaciro. Nyamara tumenye ko Imana ari Umwami usumba abami bo mw’isi bose kuko ni we muremyi wa byose na bose.



Ni na we wimika abami akanabimura. Nyamara njya ntangazwa n'uburyo twubaha abami batuyobora muri ino si kurusha uko twubaha Imana. Uzi ko n'umukuru w'umudugudu ko tumwubaha kurusha uko twubaha Imana ? Birababaje.

Salomo mu gitabo cye **cy'Umubwiriza 5 : 1- 6**, aratugira Inama atubwira uburyo Iby'Imana bikwiye kwitonderwa. Yaradukebuye aratubwira ati : "Ntukihutire kubumbura akanwa kawe, kandi, ntugakundire umutima wawe kugira ishyushyu ryo kugira icyo uvugira imbere y'Imana, kuko Imana iri mw'ijuru na we ukaba mw'isi. Nuko rero amagambo yawe ajye aba make. Inzozo zizanywa n'imiraho myinshi, kandi ijwi ry'umupfapfa rimenyekanira ku magambo menshi. Nuhigira Imana umuhigo, ntugatinde kuwuhigura kuko itanezererwa abapfapfa. Ujye uhigura icyo wahize. Guhiga umuhigo ntuwuhigire birutwa n'ukutawuhiga. Ntugakundire akanwa kawe gucumuza umubiri wawe. Ntukavugire imbere ya Marayika uti narafuditse. Kuko Imana yarakarira ijwi ryawe , ikarimbura umurimo w'amaboko yawe. Nk'uko mu nzozo nyinshi harimo ibitagira umumaro byinshi, no mu magambo menshi ni ko bimeze, ariko wowe ujye wubaha Uwiteka ".

Iby'Imana rero ni ibyo kwubahwa kuko n'Imana ni Nyakwubahwa. Gukina n'Imana ni nko gukina n'umuriro. Niba koko twarasezeranije Imana kuyiyoboka no kuyikorera twiyegurira Yesu, tube abana bamwumvira naho ahandi ho tuziboneraho : Yesu yaratubwiye ati : "Kandi ba banzi banjye batakunze ko mbategeka, ni mubazane hano mubicire imbere yanjye". **Luka 19 : 27** Kwanga gutegekwa na Yesu kandi ari we nyir' isi n'ijuru, ukananirwa no gusoza ibyo wowe wamusezeranije nta gahato, ni ukwigerezaho.

Mu by'ukuri, umuntu yakwanzura avuga ati :

"Ha kwakira Agakiza ntukagumemo, birutwa n'uko utaba warakakiriye, ahubwo birutwa no kuba utanakamenye."

"Ha kwakira Agakiza warangiza ukagatera umugeri, birutwa n'uko utaba waravutse".

"Ha gusezeranya Imana ibyo utazayikorera, birutwa n'uko ntacyo waba warayisezeranije"

"Ha gukorera Imana uyibesha ari wowe wikorera, birutwa no kubyihorera.

Igicye cya III

AGAKIZA KAZANYWE N'IMANA MW'ISI



Agakiza kazanywe n'Imana mw'isi kandi Agakiza gatangwa n'Imana. Agakiza, ntabwo kazanywe n'abaprotestants bitandukanyije na abagatolika nk'uko bamwe babivuga, ahubwo kasanze n'Imana. Abavuga gutyo, ni abadasobanukiwe, ni abatazi ko Agakiza ari Yesu, kandi ko Agakiza ari aka bose. Ni abatumva neza ko idini ryose ryitwa ko riri gufasha abantu guhura n'Imana no kumenya Imana, kugirango bagendere mu nzira zayo, ko inshingano yayo ko ari ukubamenyesha Agakiza, n'inzira y'Agakiza.

Kuko tuzi ko Agakiza ariwe Yesu-Kristo, ariwe Jambo ry'Imana ko ari we wenyine azatugeza mw'Ijuru, nk'uko yabyivugiye ati : "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo : ntawujya kwa Data ntamujanyeyo. Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye". **Yohana 14:6.**

Nta Dini rizatuma abayoboke baryo bakizwa bakajya mw'I Juru, k'ubw'imihango babakoresha cyangwa kubera ibyo baziririza, bazakizwa n'uko ribafasha kumenya Agakiza ariwe Yesu, ariwe Jambo ry'Imana, bakabafasha guhinduka abigishwa ba Yesu-kristo, n'ukuvuga abigishwa n'Ijambo ry'Imana, bakarimenya, bakaryemera ko ari ryo Jambo ry'ukuri, bakemera no kurigenderamo, bagakora ibyaryo.



Iyo, ni yo nshingano Yesu yahaye intumwa ze nk'uko nari nabivuze kare. Niba rero dukorera mu madini nk'intumwa z'Imana ni yo nshingano ya twebe twese twitwa ngo twigisha iby'Imana . Inshingano yacu rero, ntabwo ari iyo kwigisha amahame y'amadini kugirango duhindure abantu abayoboze bacu n'abigishwa bacu. Yesu yaduhaye inshingano muri aya magambo igihe yohereza abigishwa be mu mahanga yose ati : "Nahawe ubutware bwose mw'isi no mw'I Juru. Nuko, mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabwiriza mw'izina rya Data wa twese, n'Umwana, n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwirye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi".

Izi ni zo nshingano z'Idini, zo kwigisha ibyo Umwami Yesu yatubwirye byose, ari ryo Jambo ry'Imana. Ariko noneho ikibazo kihari, n'uko abantu bihimbiye andi mahame n'indi mihango binyuranije n'Ijambo ry'Imana, bigatuma abantu bayoba, bakagendera mu nzira itari iy'Agakiza, kandi bitwa ngo barasenga kandi ngo bakorera Imana. Abantu rero, tugomba kugendana ubwenge nk'uko nakomeje kubivuga, tugashakisha ukuri kubonerwa mw'Ijambo ry'Imana honyine tukakumenya, tukaba ariko tugenderamo, ntidukomeze kugendera ku bana b'abantu nkatwe. Ibyo tubwirwa byose, tubikengurisha Ijambo ry'Imana. Twige kuba abanyamakenga, dushakishe ukuri tugushikire.

Agakiza rero kazanywe n'Imana, Imana yo ubwayo, yarakatumenyesheje kugirango tukakire dukizwe. Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 43 : 11-12** rirabitubwira neza riti: "Jyewe, jye ubwanjye, ni jyewe Uwiteka, ni jye wabwirije iby'Agakiza kandi ndakiza, ndabigaragaza, kandi muri mwe, nta yindi Mana yahabaye ".

Muri **Yesaya 52 : 10**, Ijambo ry'Imana rikongera rikatubwira riti: "Uwiteka ahina umwambaro wo ku kuboko kwe kwera imbere y'amahanga yose, impera z'isi zose zizabona Agakiza k'Imana yacu.

Agakiza ni Yesu nk'uko twakomeje kubivuga, kandi yoherejwe na Se mw'isi kugirango adukize, nta wundi wamutumye mw'isi, nta n'undi warubifitiye ubwo bubasha. Ni nde se washoboraga gutegeka Umwana w'Imana atari Imana yo ubwayo ?.



Muri **Yesaya 49:6**, Uwiteka Imana yacu avuga neza iby’Umwana we yari agiye kuza mw’isi ati “ Kuba umugaragu wanjye, ugakungura imiriyango ya Yakobo, ukagarura Abany’Israeli bacicse kw’ icumu, ibyo ntibihagije, nzaguha kuba umucyo wo kuvira amahanga ngo Agakiza kanjye kagere mu mpera z’isi. “ Amen

Kandi Imana yo ubwayo, ni yo iduhugurira gukizwa. Turabibona muri **Yesaya 45 : 22-23** , aho Imana yo ubwayo itwibwirira iti: “Nimumpugukire mukizwe mwa bari ku mpera z’isi mwese mwe , kuko ari jye Mana nta yindi ibaho . Ndirahiye, Ijambo rivuye mu kanywa kanjye ni ryo Jambo rikiranuka ritazavuguruzwa, yuko amavi yose azampfukamira, indimi zose zikaba ariye zirahira”. Rero, si idini cyangwa umuntu runaka ahamagarira abantu gukizwa, ni Imana yonyine ubwayo. Ndabahuguriye kwisomera ano magambo haba muri Bibiliya Yera cyangwa Bibiliya Ntagatifu.

Kandi tumenye neza ko Yesu kuba yarabaye Agakiza k’abari mw’isi bese, ni Imana Data yamutoranije. Ntabwo ari we wabyihaye, yabihawe na Se ariwe Data wa twese wo mw’Ijuru. Imana yo ubwayo yabihamishije Ijwi ryayo aho yavugaga n’ijwi rirenga ari mw’Ijuru abwira intumwa za Yesu bari kumwe ati : “Nguyu Umwana wanjye natoranije, mumwumvire” Yatoranijwe n’Imana kugirango aze guhamya ukuri, kandi abazumvira ukwo kuri ni bo bazakizwa na ko. **Luka 9 : 34.**

No mu **Baheburayo** mu gice cyaho cya **5 : 5**, Ijambo ry’Imana riratubwira ko Yesu yatoranijwe n’Imana kugirango atubere umutambyi mukuru imbere yayo noneho tubashe kubababarirwa ibyaha byacu dukizwe. Ijambo rigakomeza rikatubwira iby’Agakiza kacu riti : “Nyamara, nubwo ari Umwana w’Imana, yigishijwe kwumvira ku bw’imibabaro yihanganiye, kandi amaze gutunganywa rwose abera abamwumvira bese umuhesha w’Agakiza kadashira, Imana ubwayo imwise Umutambyi Mukuru wo mu buryo bwa Melikisedeki”. **Abaheburayo 5 : 8-10.**

Agakiza kandi gatangwa n’Imana. Ntawukiha mu mbaraga ze, kandi ntawagaha undi mu bushake bwe. Ni na cyo gituma mu butumwa Imana yampaye kubagezaho Imana ivuga iti : “*Ntimugahatire abantu kunyakira.*” Ntawugomba guhata undi kandi ntanuwabasha kubyihatira we ubwe ngo bishoboke. icyo



tugomba gukora twebwe, ni ukubwizanya ubutumwa bwiza, hanyuma tugasengeranira kugirango dukizwe.

Mu **Baroma 1 : 16**, ijambo ry’Imana ritubwira riti : “Ubutumwa bwiza ni imbaraga y’Imana ihesha uwizera wese gukizwa”.

Tugomba kumenya ko Imana ari yo yonyine izi igihe cyacu cyo gukizwa, n’inzira izanyuramo kugirango twemere gusezerana n’Umwana we Yesu-Kristo. Imana ni yo ituresha, ikaturambagiriza Umwana we Yesu-Kristo kugirango twemere kumubera abageni. Umwami Yesu yarabitwibwiriye we ubwe ati : “Nta wubasha kuza aho ndi keretse arehejwe na Data wantumye, nanjye nkazamuzura ku muni w’imperuka. Byaditswe mu byahanuwe ngo bese bazigishwa n’Imana. Umuntu wese wumva ibya Data akabyiga aza aho ndi”. **Yohana 6 : 44-46**.

Muri **1 Abakorinto 1 : 26-31**, Ijambo ry’Imana rirongera rikatubwira riti : “Muzirikane guhamagarwa kwanyu bene Data, yuko ab’ubwenge bw’abantu bahamagawe atari benshi, n’abakomeye bahamagawe atari benshi, n’imfura zahamagawe atari nyinshi. Ahubwo, Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyanteye nke byo mw’isi ngo ikoze isoni ibikomeye, kandi n’ibyorohere byo mu isi n’ibihinyurwa n’ibitariho, Imana yarabitoranije ngo ihindure ubusa ibiriho, kugirango hatagira umuntu wirata imbere y’Imana. Ni yo ibaha kuba muri Kristo – Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka, no kwezwa, no gucungurwa, kugirango bibe nk’uko byanditswe ngo ” Uwirata yirate Uwiteka.”

Imana ni yo idutoranya ikaduhamagara, ikaduha kuba muri Kristo-Yesu. Kandi dutoranywa mu bihe bitandukanye, igikuru ni ukubimenya ukitaba uwagukunze kugeza aho agupfira ku musaraba.

Nuko rero ntitugakomeze kujijwa. Agakiza ni Yesu we wenyine, kandi nta wundi wamuduhaye atari Data ku bwo urukundo rwinshi adufitiye nk’uko rino Jambo ry’Imana tugiye kurangirizaho kino gice ribitubwira riti : “Kuko Imana yakunze abari mw’isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mw’isi guciraho abari mw’isi ho iteka ahubwo yabikoreye kugirango abari mw’isi bakizwe na we. **Yohana 3 : 16-17**.

Igicye cya IV

AGAKIZA KAJE KUTWUNGA N'IMANA.



Umntu wese iyo amaze kumenya ukuza kwa Yesu mw'isi, atangira kwibaza impamvu yamuzanye mw'isi iyariyo. Kuko n'uburyo yajemo muri ino si buratangaje. Ntabwo yaje mw'ishusho y'Umwami, yaje mw'ishusho y'umugaragu. Yaje mw'ishusho y'umuntu usanzwe. Avukira mu muryango usanzwe w'ababaji, abana n'aboroheje kandi yari Umwana w'Imana. Imbere yo kuvuka yakuriye mu nda y'umugore amezi icyenda nka twe twese. Ibi byose bitwereka ko hari impamvu ikomeye yatumye Imana yohereza umwana we w'ikinege mw'ishusho y'umuntu. Yamwambitse umubiri nk'uwacu. Umubiri uruha, umubiri usonza, umubiri urwara, umubiri ubora. Ngo nta n'ubwo yamuremanye uburanga bwiza cyane.

Imana yabikoreye kugirango yereke abantu agaciro bafite imbere yayo, noneho babashe kumenya urukundo ibafitiye biyunge na yo.

Buriya, hiyunga abari baratandukanye, kandi hatandukana abari barabaye incuti. Mu by'ukuri, Imana yari yariyunze natwe ikiturema. Yari yaturemye idukunze turi abana bayo ku bwo kuturema mw'ishusho yayo.

Mw'Itangiriro 1 : 26a, 27 , Imana iravuga iti : "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe. Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho yayo ni ko yamuremye. Umugabo n'umugore ni ko yabaremye".



Imana imaze kurema umuntu mu mukungugu, imuhumekeramo Umwuka we Wera, yakira ubumana muri we, ku bwo kwakira Umwuka w'Ubugingo, na we ahinduka ubugingo buzima. Imana, nk'uko umubyeyi wese aharanira gutegurira umwana we ubuzima bwiza, yamuremye yaramaze kumutegurira aho azatura n'ibizamutunga byose kugirango abeho anezerewe kandi amerewe neza ntacyo akenye.

Bibiliya itubwira **mw'Itangiriro 2 : 8 , 15** iti : "Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw' iburasirazuba, iyishiramo umuntu yaremye. Uwiteka Imana imezamo igitari cyose cy'igikundiye cyera imbuto ziribwa, imeza n'igitari cy'ubugingo hagati muri icyo ngobyi. Imeza n'igitari cy'ubwenge bumenyeshya icyiza n'ikibi. Uwiteka Imana ijyana wa muntu imushyira muri icyo ngobyi yo muri Edeni ngo ahingire ibirimo, ayirinde".

Imana irangije imugira umufasha we (Il a fait de lui son partenaire). Ndetse yamugize n'ukuboko kwe kw'iburyo. Yamuhaye umugisha, imuha ububasha bwo gutanga na we ubuzima kugirango abantu bororoke bagwire buzura isi.

Imana irangije imuha ku bwenge bwe, kugirango abashe gusobanukirwa isi, ayitware n'ibiyirimo byose, kandi akomeze kuyibyaza umusaruro ayirinda icyayangiriza cyose.

Mw'Itangiriro 1: 26 b, Imana iravugaga iti : «Abantu naremye, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose. Imana ibaha umugisha, irababwira iti : Mwororoke, mugwire mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo..... Kandi irongera irababwira iti : Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose, n'igitari cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizababonye byanyu»....

Ibyiza Imana yakoreye umuntu ntibyagarukiye aho gusa. Yamugize incuti ye, imugira umwizerwa we, ku bwo guhora aza kumusura bakaganira imbona nkubone. Ngo buri mugoroba Imana yaza kuruhukira mu bana be, ikishima cyane ikabanezererwa. Kuri yo, byari byo bihe byiza by'umunsi.

Mu **Migani 8 : 31**, Yesu yarivugiyeho ati : «Nishimira mw'isi Imana yaremye, kandi ibinezeza byanyu kwari ukubana n'abantu».



Umwanzi w'Imana n'abantu, ari we rwanga biyago, ntiyatinze kugaragaza urwango afitiye Imana n'abo yaremye. Satani arangwa n'urwango, ni cyo gituma ababazwa no kubona abakundana. Yababajwe cyane no kubona Imana ifite abana bayo bakundana, babanye mu mahoro n'umunezero, noneho agambira kubatandukanya akoresheje uburyarya bwo gusebya Imana imbere y'abantu amwita umubeshyi. Yanumvishije abantu ko Imana ibakunda urukundo rw'agahemo kuko yababujije kurya ku giti cyari kubakuza na bo bagahindurwa bakamera nk'Imana.

Abantu bagiye na rwo, bemera ibyo Satani ababwiye. N'uko batakaje ukwizera mu Mana, batakaza n'urukundo bari bafitiye Imana, bakora ibyo Imana yababujije. Ku bwo kwumvira Satani, baba bakoze icyaha, biyambura ubwiza bw'Imana na Kamere yayo, bambara ububi bwa Satani na kamere ye. Umuntu aba yitandukanije gutyo n'Imana yiyunga na Satani.

Nuko Umwana w'umuntu yatakaje ishusho y'Imana irangwa n'urukundo, ukuvugisha ukuri, ukwicisha bugufi no kwumvira, afata ishusho ya Satani irangwa no kwikunda, uburiganya, ukwishyira hejuru no kutumvira ariko kwigenga.

Asigara ku bwo kwikunda, akora ibyifuzwa n'umubiri we, atitaye ku bushake bw'Imana. Umuntu yiyambura atyo umwitero wo gukiranuka yari yarambitswe n'Imana, yambara umwitero wo gukiranirwa wa Satani ku bwo kwemera ko amuyobora. Aba avuye muni y'ubwami bw'Imana, yimukira muni y'ubwami bwa Satani.

Icyaha inkurikizi yacyo yabaye mbi cyane kuko cyatumye tuva mu buntu bw'Imana, dutakaza ubudahangarwa ku bwo kuva mu mbaraga z'Imana. Icyaha cyirukanye Umwuka Wera w'Imana mu bugingo bw'Umwana w'umuntu. Urupfu rw'umubiri n'urw'ubugingo, uburuhe, indwara, ubusaza n'imibabaro y'uburyo bw'inshi biba bitinyutse umuntu. Nuko yatakaje ubugingo buhoraho.

Ku bwo kwitesha agaciro, umuntu yatakaje ubutware Imana yari yaramuhaye ku buntu byose. Isi irigaragambya itangira kumeramo ibitovu n'urwiri bituma imyaka itera, ibikoko bitangira



kurya umuntu yahoraga abitegeka. Ndetse n'umubiri we, ntiyaba agishobora kuwutegeka, ururimi, inda n'ibitsina bisigara biganza umuntu ku bwo kurarikira bikamukoresha ibyaha.

Izo ngaruka z'icyaha twese abantu dukomoka kuri Adamu na Eva zatugezeho. Byongeye, ku bwo gukomoka kuri Adamu na Eva, ababyeyi bacu ba mbere mu buryo bw'umubiri, ntituvukana ukwizera mu Mana, nta n'ubwo tuvuka dukunda Imana. Tuvuka imitima yacu yarangirijwe n'icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda gituma tutabasha kuba incuti z'Imana kuko Imana ari urukundo. Tuvukana bya bitekerezo bibi Adamu na Eva bari bafite ku Mana, ko Imana ari umubeshyi kandi ko ari ingome. Tuvuka rero tutazi Imana, si no kutayimenya gusa, ahubwo ikibazo kinini kihari, tuvuka tuyizi nabi.

Buriya, ntawukundana nuw'atazi, kandi, ntawiyunga n'uwo atazi atigeze abona ngo aganire na we. Ni cyo gituma Imana ubwayo yagerageje mu buryo bushoboka bwose kwimenyekanisha kugirango isubire yunge ubumwe n'abana b'abantu.

Kuva Imana ikirema umuntu, yamugaragarije Kamere ye ikora ibishoboka byose ngo abantu bayimenye.

Imana ntiyigeze inyegeza umuntu uko iteye n'uko itekereza. Byonyine, Adamu na Eva bataracumura, Imana yarabasuraga buri muni muri ya ngobyi yari yarabashyizemo bakaganira imbonankubone nk'uko twari twabivuze kare. Ndetse n'inyuma yo kwitandukanya n'Imana ku bwo kutayumvira, Imana yo ntiyigeze ihinduka, yakomeje kugaragariza abantu kwera no gukiranuka kwayo. Ariko ntibigeze bayimenya, ntibigeze bayisobanukirwa, ntibigeze bamenya urukundo Imana ibafitiye uko rungana. Ni cyo gituma habayeho kuyishidikanyaho no kwemera amabwire ya Satani, bagwa mu mutego w'umubi. Nyamara Imana uko yari, ni ko ikimeze, kandi ni ko izakomeza kumerako iteka ryose.

Ni byiza rero ko tugerageza kugaragaza uburyo Imana yagiye itwihishurira kugirango tuyisobanukirwe, tumenye kamere ye irangwa n' URUKUNDO, UKURI, UKWICISHA BUGUFI no KWUMVIRA, kugirango tubashe kwiyunga na yo.



Imana yatugaragarije urukundo idufitiye.

Urukundo Imana ikunda umwana w'umuntu, yarumugaragarije byonyine mu buryo butangaje yamuremyemo. Dawidi umugaragu w'Imana yarabyitegereje arangije abwira Imana ati : «Iyo nitegereje ijuru, umurimo w'intoke zawe, n'ukwezi n'inyenyeri ibyo waremye, umuntu ni iki ko umwibuka ? Cyangwa umwana w'umuntu ko umugenderera ?. Wenze kumugira nk'Imana uburaho gato, umwambika ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba. Wamuhaye gutegeka ibyo waremesheje intoki zawe, wamweguriye ibintu byose ubishyira muni yibirenge bye. Uwiteka Mwami wacu. Erega izina ryawe ni ryiza mu isi yose !". **Zaburi 8 : 4- 10.**

Irumugaragariza mu murage yamuhaye nk'uko twavuvuze kare, mu mpano yamuremanye, ikamurema mw'ishusho yayo, ikamurutisha ibindi biremwa byose. Yamuremanye ubwenge, imuha ububasha n'ubushobozi byo kumenya ikibi n'icyiza, ngo ahitemo icyo agomba kuba cyo muri buno buzima bwo mw'isi, ndetse n'inyuma y'ubu buzima. Imana yaduhaye uburenganzira busesuye bwo kwitoranyiriza Umwami tugomba gukorera no kubana nawe muri ino si n'inyuma y'ubu buzima. Abami ni babiri nk'uko tubizi. Umuntu rero ni we wihitiramo Imana cyangwa Satani.

Adamu na Eva bamaze kugomera Imana, yo ntiyabanze, yakomeje kubakunda no gushakisha uburyo yabiyegereza. Buriya, ntawanga icyamuvuyemo. Twavuye mu bitekerezo by'Imana, ni cyo gituma Imana idashobora kutwanga. Ni yo twananiranye iraduhana ariko ntabwo iba itwanze. Ngo yanga icyaha ntiyanga ugikora.

Buriya, hari ibintu 4 Imana yakoreye abantu, igihe Satani yari amaze kubacumuza, bitugaragariza ko Imana itigeze na rimwe itwanga, nta n'ubwo yigeze yihanganira kudutakaza. Ahubwo yakoze ibishoboka byose ngo itugaragarize urukundo rudashira n'impuhwe idufitiye kugirango natwe tuyigarukire turananirana.

.Yadodeye imyenda Adamu na Eva arayibambika asanze bambaye ubusa bagije kwinyegeza.

Nta n'ubwo Imana iyo myenda yayibatereye ibatukagura, yo ubwayo, yarayidoze, irangije irabegera irabiyambikira. **Itangiriro**



3:21 «Uwiteka Imana iremera Adamu n’umugore we imyambaro y’impu irayibambika». Ni nka kwa kundi umugani w’ikinyarwanda n’uw’ikirundi uvuga ngo : «Ibyaye ikiboze irakirigata». Umwanzi w’Imana n’abantu ari we Satani amaze kubambika ubusa abatandukanije n’Imana yarisekeye ati : Ndabahamije. Ariko, Imana yo yishwe n’agahinda ko gutandukana n’abana bayo, ikomeza kubitaho, kugirango izatinde ibigarurire. Nawe tekereza umwana wawe wibyariye akwanze, akaguta ntuzasubire kumubona kandi ariho, atapfuye uko wamererwa. Nubishyira mu bitekerezo byawe, ni ho wabasha kumva neza agahinda Imana ifitiye abana bayo batarayihindukirira.

. Yabirukanye muri Edeni, ibarinda kuzahava barya ku giti cy’Ubugingo batazaramira mu mubiri bavukanye iteka ryose.

Imana aha, ni ho yategekeye urupfu rw’umubiri w’umuntu kugirango ibashe kumusubirana, izamwambike umubiri udashira, azabane na we iteka ryose. Iyo barya ku giti cy’ubugingo bakiri munsu y’ubwami bwa Satani, bari kuramira mu mubiri bari bambaye iteka ryose, bakabana na Satani mu mibabaro iteka ryose.

Itangiriro 3 : 22- 24 «Uwiteka Imana iravuga iti : Dore uyu muntu ahindutse nk’imwe yo muri twe ku bwo kumenya icyiza n’ikibi, noneho atarambura ukuboko agasoroma no ku giti cy’ubugingo, akarya, akarama iteka ryose. Ni cyo cyatumye yirukana uwo muntu muri ya ngobyi. Noneho iruhande rw’iyo ngobyi yo muri Edeni rwerekeye i Burasirazuba, ashiraho Abakerubi n’inkota yaka umuriro izangurutse impande zompi ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy’ubugingo».

Kwirukana umuntu muri ya ngobyi, ntabwo kwari ukubera kubanga, kwari ukugirango ikize ubugingo bwabo. Urupfu rero ntabwo tugomba kurubona nk’ikintu giteye ubwoba, cyangwa ngo turubone nk’igihano cy’Imana, ni umwango tugomba kunyuramo kugirango tujye mu bundi buzima bw’iteka ryose. Igikuru, ni ukubimenya.

. Yatumye icyaha kizanana n’imibabaro.

Mw’Itangiriro 3 : 16 -19 Imana yabwiye Eva iti : «Kugwiza nzagwiza cyane umubabaro wawe ufite inda , Uzajya ubyara abana ubabara, ukwipfuzwa kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara ». Na Adamu Imana



iramubwira iti : “ Ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yo kubaho kwawe, uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira, buzajya bukuumereramo imikeri n’ibitovu, nawe uzajya urya imboga zo mu murima. Gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko ariho wakuwe : uri umukungugu mu mukungugu, ni mo uzasubira».

Urumva rero, ubuzima bwo mw’isi, kubera icyaha, bwajemo ingorane nyinshi n’imibabaro itagira uko ingana. Tuzajya turya ibyo twaruhiye, tuzajya turya ibyo twabiriye icyuya.

Kuba icyaha kigira ingaruka mbi ku buzima bwacu, ni mu nyungu zacu. Iyaba twakora ibyaha bikaduhesha amahoro n’umunezero ese twabivuyemo dute ? Urugero, iyaba twiba ntidufatwe ngo dufungwe, tugashishikarira kwumva ko umugabo ari urya ibye n’iby’abandi nk’uko umugani w’ikinyarwanda ubitubwira, urumva twatinya kwiba dute?. Iyaba ubusambanyi butadutera SIDA, n’izindi ndwara zo mu myanya y’ibitsina, cyangwa ngo abakobwa basame amada y’ibinyendaro bakorwe n’isoni, urumva ibyo bintu twabyirinda dute ?.

Buriya Imana kuba yarashyizeho ikintu kigenga imibereho y’abantu, kivuga ko umuntu wese azasarura ibyo yabibye, kandi ko umuntu wese azabona ingaruka z’ibyo akora, bituma umuntu agira icyo atinya, akirinda.

Kandi ikindi, iyo imibabaro yo muri ino si yaturembeje, tugakubita hirya no hino dushakisha ubutabazi tukabubura, ni ho twibuka gutabaza Imana. Abenshi ni ho bahera bahungira kuri Yesu bakamwakira kugirango abatabare.

Buriya Yesu aducira wa mugani w’umwana w’ikirara, ni byo yariho atwigisha ko icyaha kibyara imibabaro kandi ko imibabaro yabayeho kugirango idushyiremo umwete wo gushakisha Imana. None se, iyo wa mwana w’ikirara adahura n’inzara ngo abure icyo arya yari kugaruka kwa Se? Reka da, yagaruwe n’imibabaro yo kubura imibereho. **Luka 15 :11-24 .**

Mu butumwa Imana yampaye kubagezaho, haraho imana itubwira umumaro w’imibabaro kuko abenshi muri twe turashaka ubuzima



bworoshye, ubuzima butarimo kwiheba no kwibabaza, ubuzima butarimo imibabaro. Imana rero yaravuze iti : «Murashaka urukundo rutarimo kwitanga. Murashaka ubuzima butarimo imibabaro. Kandi ari mu mibabaro mwigiramo, kandi ari mu mibabaro ndeberamo uguhitamo kwanyu. Kandi mu mibabaro, ni ho menyera abana banjye».

Ijambo riri mu Baroma 8 : 28, riratubwira neza riti : «Ku bakunda Imana, byose bifatanyiriza hamwe kubazanira ibyiza». Imibabaro si iyo kutwica, kandi si iyo gutuma twanga Imana ngo tuyite umugome, dutangire tuyituke tuyitotombere, ni iyo kutwegereza Imana kugirango idutabare, noneho tuyimenye, tumenye ubwiza n'imbaraga byayo, ahubwo turusheho kuyikunda no kuyizera.

Urugero rw'umugabo wacitse urutoke na mugenzi we.

Ni inkuru y'abagabo babiri bakorana mu ruganda rumwe. Abo bagabo bari incuti, noneho umwe muri bo aza gukomeretswa n'icyuma, urutoke ruracika. Mugenzi we aramubwira ati : "Humura, ku bakunda Imana, byose bifatanyiriza hamwe kubazanira ibyiza". Uwundi ababazwa cyane n'amagambo mugenzi we amubwiye, aramubaza ati : Urabona icyiza cyaba mu gucika urutoki ari ikihe?.

Hashize igihe, baja mu buruhuko, noneho basezerana kujyana gutembera mu kindi gihugu. Baragiye, bariho batembera bagera ahantu mu Butayu hatagira amazi bagira inyota nyinshi. Noneho, sinzi ukuntu bavumbuye iriba ry'amazi ryari ricukuye hasi mu kuzimu . Noneho, abantu barivomaho, bari barahasize ikiziriko ariko ata kivomesho kihari. Kugirango babashe kunywa, bumvikana ko bagiye gufashanya, umwe akaza akomeza undi akamumanurira muri rya riba akoresheje cya kiziriko akanywa, yarangiza akamufasha kuzamuka, noneho uwa kabiri na we akamanuka mw'iriba akanywa.

Habanje kumanuka mw'iriba kunywa amazi wa wundi yari yaracitse urutoki. Arangije kunywa, mugenzi we aramuzamura. Noneho uwa kabiri aramanuka ajya kunywa amazi, arangije mugenzi we, ari we wa wundi yacitse urutoki aramubwira ati : Ubu rero, ntabwo nkuzamura, na we ugume muri iryo riba, ni ho na we wamenya ko " ku Bakunda Imana, byose bifatanyiriza hamwe kubazanira ibyiza ".



Arangije arigendera amusiga muri rya riba. Ageze i mbere gato, ahura n'abantu barya abandi bantu, noneho bamwirukangaho baramufata. Bagiye kumubaga ngo bamurye, basanga afite urutoki rucitse bahita baramurekura, baramubwira bati: "Ugize Imana kuko tutarya abantu bafite inenge". Uwo, yakijijwe na rwa rutoki rwacitse, mugenzi we na we akizwa no kuba yari yagumye muri rya riba ry'amazi. Iyaba yari yajyanye na mugenzi we, we ntiyari kurokoka. Nuko rero abo bicanyi bamaze kumurekura, ni ho yasubiye inyuma ajya kubwira mugenzi we ibyamubayeho noneho, amuvanamo, barahoberana, bishimira rya Jambo ry'Imana kuko bose ryabatabaye.

Turetse no gushingira kuri ino nkuru gusa, tugafata ingero ku batubanjirije, muribuka ko Yozefu kugirango abe mukuru mu Gihugu cya Egiputa, abe na mukuru muri bene se yari muto, Imana yabanje kumunyuzamo mu bigeragezo bikomeye. Murabizi ko yanzwe na bene se kugezaho bagambira kumwica Imana igakinga ukuboko, ha kumwica bakamugurisha n'Ababyegiputa, bakamutwara i wabo, bakajya kumugira umuja. Uburyo yazamutse kugezaho yabaye igisonga cy'Umwami, yarangiza akaba ari we ukiza umuryango we inzara, agahinduka mukuru n'umunyacyubahiro muri bene se, ibyo byose mubyisomere mw'**Itangiriro 37 -49**.

Mu gitabo cya Danieli, musome inkuru za Danieli na bagenzi be, murebe ibigeragezo banyuzemo uko byanganaga, n'uburyo babaye bakuru mu gihugu cya Babiloni aho bari barajyanywe ari iminyago. Ingero ni nyinshi.

Izi ngero zose, ni izo kutwereka urukundo rw'Imana. Imana ntabwo ari ingome yo kutubabariza ubusa, ni umubyeyi ntabwo anezerezwa no kutubabaza, ahubwo, imibabaro yose tunyuzwamo iyo tuyitwayemo neza, ni inzira iduhesha amahirwe menshi. Abageragejwe bikomeye, ni bo babaye abantu bakomeye mu gihe cyabo.

Ikindi kandi twamenya, Imana ntitugerageresha ibyo tutabasha kwihanganira. Ahubwo, no mu byo tugeragezwa byose Imana iba iri kumwe natwe kugirango igende iducira akanzu itworohereze.

Imana nayigereranya n'umubyeyi urimo umena ikibyimba cy'Umwana we. Umubyeyi urwaje umwana we ikibyimba akagomba



kuba ari we ukimena, akimena ashinze iryinyo ku rindi. Akimena yumva ababaye, kuko ababaza umwana we. Ariko, arakimena naho umwana we arimo aboroga kugirango amukize. Atakimennye, ntabwo umwana yakira. Agomba rero kwemera kumubabaza no kwibabaza we ubwe kugirango umwana we akire. icyo umubyeyi aharanira ni uko Umwana we akira. Ntamubabariza kumubabaza gusa, cyangwa ngo amubabaze ku bwo urwango amufitiye, ahubwo amubabaza ku bwo kumuvura kugirango akire.

Noneho, kugirango agabanye ububabare bw'umwana we, agenda ahuha abwira umwana we ngo mpore mwana wanjye. Ndetse akanamwemerera n'akantu karyoshye ahita amuha ko kurya nyihangana. N'Imana ni ko ibigenza.

Ijambo ry'Imana riri muri **1 Abakorinto 10 : 13**, ni ryo ridusobanurira neza impungenge z'Imana nk'umubyeyi n'impuhwe ze mu kutunyuzamo mu mibabaro. "Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu. Kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza, izabacira akanzu (ni nka wa mubyeyi uhuha), kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira".

Imana ku bwo urukundo idukunda, ntabwo ikaza ibigeragezo ku buryo bitwica, ahubwo, igenda inyuzamo idohora kugirango bitadutembana. Mu kigeragezo cy'inzara, Imana igenda ikugaburira intica ntikize, kugirango udapfa ariko na none urangize ishuri urimo wihanganye. Erega ibigeragezo ni ryo shuli ry'Imana. Kandi ibigeregazo iyo tubinyuzemo twizera bidusunikira ku Mana nk'uko twari twabivuze kare.

Hano, twafata na none urugero ku b'Ishraeli. Bamaze gusuhukira muri Egiputa kubera inzara, Yosefu ngo yabashize i Gosheni, abyemerewe na Falawo. Falawo abwira Yosefu ati : "So na bene so baje iwawe, igihugu cya Egiputa kiri imbere yawe, ngo utuze So na bene So aharuta ahandi ubwiza, bature mu gihugu cy'i Gosheni". **Itangiriro 47:5-6** .

Aho i Gosheni, ngo hari ahantu heza hamera, hari n'urwuri rwiza. Bararya barahaga bibagirwa iguhugu cyabo Imana yari yarabahayeho gakondo, bibagirwa Imana yabo, batangira gusenga Imana z'Inyamahanga.



Ariko noneho, hageze igihe muri Egipta hima Umwami atabanye na Yosefu yanga Abanyisarayeli, arabakandamiza, abakoresha imirimo ikomeye, abakoresha imirimo y'ubucakara. Bamaze gukubitika, ni ho bibutse ko bafite Imana ya ba Sekuruza yabazanye, yabasha no kubatabara, batangira kuyitakira.

Imana, yumvise gutaka kwabo, ni ko kwohereza Mose ngo abakure muri Egipta abajyane mu gihugu cya gakondo yabo, bakoreye Imana. Bemeye kuva muri Egipta bishimye. Ariko iyaba bari baguwe neza muri Egipta, ntabwo bari kubona impamvu n'imbaraga byo kuhava ngo bakurikire Imana ibasubize mu gihugu cy'amasezerano.

Imibabaro rero, ni yo idusunikira ku Mana. Tugatangira kumenya umumaro w'Imana. Ubundi, iyo tuguwe neza, abantu, dukunda kwibagirwa Imana. Akenshi, abantu bibuka Imana iyo bafite ibibazo bibagoye bashaka ko ibakemurira, bamara gusubizwa bagasubira bakibagirwa, bakirara"

Imana rero, ku bw'icyaha, itunyuza mu mibabaro kugirango tuzinukwe kwa Satani noneho duhugukire gukizwa. Iyo ibibazo bikitugeraho biratubabaza, ariko tubishimira Imana iyo tumaze guhungira kuri Yesu, tugahura na we akaturuhura, akaduha amahoro n'umunezero, ni ho dusobanukirwa neza ko Imana itishimira kutubabariza ubusa, ahubwo n'ukugira ngo ikize ubungingo bwacu.

Ibyo Imana yibwira kutugirira ni byiza si bibi. Mu bigeragezo byose duhura nabyo, Imana iba ishaka kubitwigishirizamo kugirango dukizwe kandi tuneshe icyaha.

Ijambo ry'Imana riri mu **Baheburayo 12 : 5- 11**, rirabitubwira neza riti : "Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, kandi ntugwe isari nagucaha. Kuko uwo Uwiteka akunda ariwe ahana. Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be. Nimwihanganira ibihano, muba mugaragaje ko muri abana b'Imana. Mbese ni Mwana ki udahanwa na Se ? Ariko niba mudahanwa nk'abandi bose, noneho muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri. Ko dufite ba Data batubyaye ku mubiri bakaduhana, natwe tukabubaha, ntidukwiriye kurushaho kugandukira Se w'imyuka tugahoraho ? Kuko ba bandi baduhanaga iminsi mike nk'uko byari bibabereye byiza, naho



uwo, aduhanira kugirango bitubere byiza dusangire kwera kwe. Nta gihano kinezeza ukigihanwa, ahubwo kimutera umubabaro, ariko rero hanyuma cyera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe nacyo “.

Nuko rero Imibabaro si iyo kutwica ahubwo ni iyo kudukomeza kugirango twizere Imana, kandi nitumara gutabarwa urukundo dukunda Imana rukomeze kwiyoungera muri twe. Uko ni ko ibigeragezo biduhesha ubugingo buhora kuko abatizera n’abadakunda Imana kuruta byose ntibazabasha kubana na yo.

Adamu na Eva bakimara gucumura bagatandukana n’Imana, bakunga ubumwe na Satani, Imana yaciye ako kanya yerekana umugambi we wo kwigarurira abana be, mu kubanganisha na Satani akoresheje Umwana we Yesu-Kristo.

Aho, ni ho Imana igaragaza umugambi we wo kuduha Agakiza. Mu mbaraga zacu no mu bubashake bwacu, ntitwari dushoboye ubwacu kwitandukanya n’umwanzi. Kuko igihe cyose tudafite Agakiza, Satani, aba akituboheye mu bwami bwe. Aba akidufiteho ubutware, aratuyobora akadukoresha. Aturusha imbaraga akadukoresha uko ashaka kuko tudafite muri twe imbaraga z’Imana ziturwanirira. Inzoka ikimara gucumuza Adamu na Eva, Imana yarayibwiye iti : “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino.” (Itangiriro 3 : 15).

Birumvikana rero ko twaje mu ntambara kurwana na Satani. Iyi ntambara, izaneshwa n’abakijijwe bakemera Yesu, bakamwizera, akarwanana nabo. Nayo, abazashaka kwiroha muri iyo ntambara bari bonyine, biringiye imbaraga zabo n’ubwenge bwabo, bazaneshwa.

Tugomba kumenya umwanzi turwana nawe uwari we. Umwanzi turwana na we, arakomeye, ntitukibeshye ngo twirare. Satani yashoboye kwigarurira icya gatatu cy’abamarayika b’Imana kikamukurikira mu mafuti ye akoresheje uburyarya, twibaza ko twe ubwacu tutari kumwe na Yesu ngo aturwanirire, adufashe gutahura uburiganya bwe ko twamunesha ? Mu butumwa bw’ubuhanuzi bw’Imana yampaye kubagezaho, Imana yaravuze ngo “Urugamba ruragabwe, ariko ni njye wo kururwana, ariko nzarwanirira abazaba bari kumwe nanjye”.



Pawulo intumwa y’Imana, mu **Befeso 6 : 10-20**, aratubwira ati: “Ibisigaye, mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z’ubushobozi bwe bwinshi. Mwambare intwari zose z’Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n’uburiganya bwa Satani. Kuko tudakirana n’abafite amaraso n’umubiri, ahubwo dukirana n’abatware n’abafite ubushobozi, n’abatega iyi si y’umwiji, n’imyuka mibi y’ahantu ho mw’ijuru. Nuko rero, mutware intwari zose z’Imana kugirango mubashe gukomera ku munsu mubi, kandi murangije byose mubashe guhagarara mudatsinzwe.”

Satani ni umwuka, ntabwo ari umubiri turwanisha impunda, amakofe n’imigiri, aneshwa n’abuzuye Ijambo n’Umwuka Wera w’Imana kuko ari bo bonyine babasha gutahura uburiganya bwe bakamwirukana. Abarwanira na we mu mubiri bazaneshwa, hazaneshwa abarwanira na we mu Mwuka.

Umwami Yesu, ni we uzaturwanirira akatuneshereza. Ariko, azarwanirira abamwemeye bakamwizera, bakamwakira bakamurekurira ubugingo bwabo, nk’uko Ijambo ry’ibanze muri Bibiliya Ntagatifu yashizwe ahagaragara n’idini rya Gatolika, risobanura Inkuru Nziza ya Yesu-Kristo nk’uko twayigejeje weho na Yohana riti: “Ububasha bw’umwiji n’urupfu buzagerageza kuburizamo umurimo wa Yesu, ariko buzatsindwa. N’abantu bazanga ko abagabira ubuzima, bazacibwa; abazabwakira bo bazarokorwa iteka ryose.”

N’uko, aya magambo yose atugaragariza ko Yesu ari we Gakiza, kuko ariwe ubasha kudutabara ingoyi za Satani z’ibyaha. Ni na rwo rugamba yajeho. Tumwisunge rero, tumwemerere ko atubera Umwami n’Umutware by’ukuri, azatuyobora inzira itugeza iwe mw’ijuru kuko ni we wenyine uyizi, ntutuzayoba ngo tuneshwe.

Ijambo ry’Imana riri mu **Baroma 8 : 29**, riratubwira riti : “Kuko abo yamenye kera yarabatoranije kera gushushanywa n’ishusho y’Umwana wayo, kugirango abe imfura muri bene Se benshi. Abo yatoranije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n’abo yatsindishirije, yabahaye ubwiza ”.

Rero, Yesu ni we uturwanirira akatuneshereza, ntabwo twabwira mu mbaraga zacu twabasha kwineshereza umwanzi w’Imana n’abantu.



Imana lero idufitiye urukundo n'imbabazi bidashyira, ni cyo gituma yakoze ibishoboka byose nk'uko tumaze kubivuga kugirango adutabare adukize imbaraga z'umwijima, atwiyegereze, ku bwo kutwoherereza Umwana we Yesu-Kristo waje kuducungura.

Imana mu bihe byose, byaba ibya kera, byaba iby'ubu, yakomeje kutugaragariza urukundo, impungenge n'umubabaro agira wo kubona abantu barimbuka. Mwibuke ko mu bihe bya Nowa, Imana yaburiye abantu imyaka mirongo ine yose Nowa yamaze abaza inkuge ye izamuhisha we n'abo mu nzu ye. Muri iyo myaka mirongo ine, Nowa ntiyaretse kubwiriza, abwira abantu ngo nibihane bave mu byaha batarimbura n'imvura. Nyamara, nta witayeho ibyo avuga, kugeza umunsi yinjiye mu nkuge n'umuryango we wose, Imana ikohereza imvura yo kubarimbura. Imvura yaraguye isi n'ibiyiraho birarerengerwa birapfa. Hasigara abari mu nkunge n'ibikoko binjiranyeyo.

Mwibuke i Sodoma na Gomora uko byagenze. Imana hari icyo itakoze ngo ibaburire bihane. Imana ntiyashatse n'umukiranutsi n'umwe yahagarara mu cyuho ngo ibakize ikamubura ikabarimbura. Na Loti n'umuryango we yabakijije ku bwa Aburahamu incuti ye, yari Se wabo wa Loti.

Imana nta na rimwe yigeze igira icyo ikora itaburiye abantu ku bwo urukundo ibafitiye. Mwibuke ko i Niniwe ko hakijijwe n'uko bumviye imburo y'Imana hasigaye iminsi mirongo ine gusa ngo harimbuka. Barihanye, Imana irabababarira.

N'ubu, Imana iri kutuburira itubwira iti : *" Nimwihane mwiyeze Umwami Yesu araje, ariko wagirango ivuga ubusa kuko dukomezanya umwete kuba babi "*. Imana ntihutiraho, Imana igira ukwihangana kwinshi kugirango irebe ko twakizwa ntiturimbuka. **Petero** intumwa ya Yesu-Kristo ni we mw'Ibaruwa **rye rya 2;3: 9** yavuze ati: "Umwami Imana ntizinza amasezerano yayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iyatinza. Ahubwo, itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana".

N'ubu, hari abavuga ngo aho yavugiye, ngo ubanza nta n'imperuka izabaho, ubanza na Yesu atazagaruka. Ibyaribyo byose, tumenye ko



Ijambo ryose ryavuzwe n'Umwami Imana, ritebe ritebuke, rizasoza. Byose bizashira, ariko Ijambo ryavuye mu kanywa k'Imana yacu ntirizashira na hato. Turekereaho rero kwiyobagiza.

Nakwanzura hano mvuga ko ikimenyetso cya mbere kiranga Imana, ni URUKUNDO. Ni cyo gituma natwe Imana idusaba kugira urukundo no kuba abanyembabazi. N'itegeko rye rya mbere ni ugukunda Imana kuruta byose, irya kabiri, ni ugukunda abandi nk'uko twikunda twebwe nyeni. Kandi, umuntu utagira urukundo, si umwana w'Imana. Ni uw'umubi. Ijambo ry'Imana muri **1 Yohana 4 : 7** riraturwira neza riti : “Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo. Iki ni cyo cyerekana urukundo rw'Imana muri twe : “ Ni uko Imana yatumye Umwana wayo mw'isi kugirango tubone uko tubeshwaho na we. Bakundwa, ubwo Imana yadukunze ityo, natwe dukwiye gukundana. Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we. Ibyo, ni byo bimaze gutunganya rwose urukundo muri twe, kugira ngo tuzatinyuke ku muni w'amateka, kuko uko ariko turi muri iyi si ”.

Rero, k'ubwo kuba turi abana b'Imana twambaye ishusho y'Imana, tugomba kwuzura urukundo, rukaba arirwo ruturanga muri byose. Abafite urukundo ni bo bana b'Imana bonyine, ni bo bazabana nayo iteka ryose. Abatarufite, bazarimbuka, nk'uko Ijambo ry'Imana riri muri **1 Yohana 3 : 14** ribivuga riti “Udakunda aguma mu rupfu. Umuntu wese wanga mwene Se ni umwicanyi, kandi muzi ko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we”.

Muri **Matayo 25 : 31 -46**, ni ho Umwami Yesu atubwira yeruye ko abo yise intama n'abo yise ihene. Ku muni w'urubanza, intama azazishyira iburyo bwe, abo ni bo bazabona Ubwami bw'Imana. Ihene, azazishyira ibumoso, abo nibo bazajunywa mu muriro utazima. Umwami azabwira abari iburyo ati : “Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha muragwe Ubwami bwabatunganyirijwe uherye ku kuremwa kw'isi, kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo kunywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba.Kuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje, bari hanyuma y'abandi ari njye mwabikoreye.



Azabwira abari ibumoso bwe ati : “Nimuve aho ndi mwa bivume mwe, mujye mu muriro w’iteka watunganyirijwe umwanzi n’abamarayika be, kuko nari nshonje ntimumfungurire. , nari mfite inyota ntimwampa icyo kunywa, nari umushyitsi ntimwancumbikira, nari nambaye ubusa ntimwanyambika, nari umurwayi no munzu y’imbohe ntimwansura kuko ubwo mutabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y’abandi, nanjye mutabinkoreye. Abo bazajya mw’ihaniro ry’iteka na yo abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho.

Imana yatugaragarije ko ari inyakuri

Nta binyoma byigeze biva mu kanwa k’Imana. Ijambo ryose rituruka mu kanwa ke, ni ukuri. Iyo usomye Ijambo ry’Imana ukarihera mw’Itangiriro, ukareba uko Imana yagendanye n’abatubanjirije, ugakurikirana amasezerano yose yagiye ibaha uburyo yashoje, uhita ubona ko nta jambo ry’Impfagusa Imana ijya ivuga. Icyo Imana ivuze cyose kiraba.

Murebe n’uburyo Imana yaremye isi n’ibiyirimo byose, Imana yabiremesheje Ijambo. Imana icyo itegetse cyose kiraba. Ibyo Imana yabwiye Adamu na Eva ko bizababaho ku bw’icyaha, byose byarabaye ata na kimwe kivuyemo.

Ibyo yabwiye Nowa byose byarashoje, kandi byashoje uko yabimubwiye. **Itangiriro 6** Aburahamu yamusezeranije kumurwiza, umugore we akiri ingumba, arabikora ku buryo ari we wakomotsweho ubwoko bwa Istraeli bwose.

Imana yari yarabwiye kandi Aburahamu ko ku bwo kurangara inyoni zikona ibitambo yari yamutegetse kumutambira, ko abazamukomokaho ko bazaba abashyitsi mu gihugu kitari icyabo. Kandi ko abaho bazabababaza imyaka Magana ane yose, kugeza aho Imana izaciraho iteka icyo gihugu kizabagirira nabi ikabagaruza ukuboko kwe gukomeye mu gihugu cy’I Kanani, icyo Imana yari yarimuriyemo Aburahamu, ikamurahira ko izakigira gakondo ke, we n’abazamukomokaho bose. **Itangiriro 15.**

Uko Imana yabivuze ni ko byagenze. Ab’Israeli baje guhungira muri Egiputa inzara yarateye, bagaruwe n’Imana inyuma y’imyaka 400 baragizwe imbata z’Abanyegiputa. (Kuva kw’Itangiriro 37 n’igitabo cyose cyo kuva, Imana iradusobanurira uko byagenze).



Tekereza kandi ukuri kw'Imana ukuntu gutangaje. Yaduhaye amasezerano yo kutwoherereza umukiza, kera cyane, Adamu na Eva bagicumura. Arongera amuhanurira mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya imyaka myinshi imbere y'uko Yesu avuka, ariko yaraje mu gihe gikwiriye. Ibyanditswe byera byose bitugaragariza ukuri kw'Imana, kuko nta na kimwe yandikishije gishobora guhinyurwa n'abana b'abantu.

Imana rero ntiyigeze kandi ntizigera ivuga ibitari ukuri. Ukuri kwe, guturuka mu bwenge bwe butangaje. Izi ibyabaye byose, izi ibiriho biba, ndetse izi n'ibizaba kugeza ku mperuka, kandi ibyo, ni kuri buri muntu wese yaremeye, ndetse no kuri buri cyaremwe cyose. Imana ntijya ibeshya, kandi ntiyigeze yibeshya. Imana ntiyigera itungurwa, nta kintu na kimwe kiba itakizi, kandi ntakiba itakirekuye ngo kibe. Imana izi byose kandi ishoboye byose. Ni cyo gituma Ijambo ry'Imana ari ukuri. Ni ukuri kuko ni we ufite mu biganza bye amahanga yose na kazoza ka buri muntu na buri kintu cyose.

Ibyo ivuga lero iba izi uko izabigenza n'uko bizagenda. Ibiri mw'isi byose ni ibye ibikoresha uko ishaka kandi ibigenza uko ishaka. N'abari mw'isi bese ni abe, ibakoresha uko ishaka, kandi ibagenza uko ishaka. Ni we muremyi wa bese na byose. Twabwemo icyo dufite gukora ni ukwemera Ijambo rye ko ari ukuri no kwizera mu bushobozi bwe.

Uko Imana yagambiriye gukora ni ko ikora, ntivuguruzwa ngo yisubireho nk'umwana w'umuntu. Ntinanirwa kandi nticogora. Ntinahinduka nk'abana b'abantu, uko yariri ni ko ikiri kandi ni ko izahora iteka ryose. Ni cyo gituma itabasha kubeshya kuko ntihindagurika kandi ntiyigera yibeshya. Imana yo ubwayo irivugira iti : "Kandi koko uhereye aho umucyo wabereyeho ndi we, nta wabasha gutesha ukuboko kwanjye. Ubwo nzakora umurimo ni nde azankoma mu nkokora ? **Yesaya 43:13.**

Imana ntijya ihubuka mu byo ivuga no mu byo ikora. Byose byagambiriwe kuva kera n'isi itararemwa. Ni cyo gituma itajya yivuguruzwa. Ibyo yavuze bishobora gutinda ariko ntibishobora guhera. Byose bikorerwa mu gihe cyabyo.



Icyakora, abantu bateshuka, bagatangira kwita Imana umubeshyi ku bwo kutabasha gutegereza Imana ngo ibasoreze amasezerano, n'ukuri, bazategereza amaso ahere mu nzira kuko Imana idasoza amasezerano y'abatagira kwizera birirwa bitotombera Imana. None se, mwibaza ko ari kubera iki Abanyisraeli bese batageze i Kanani, ahubwo hakagera yo babiri gusa (Yosuwu na Kalebu) mu bahagurutse bava muri Egiputa, abandi bakarimbukira mu butayu ? Nta kindi cyabateye kutagera ku masezerano y'Imana, ni uko nta kwizera bari bafite mu Mana.

Ibyo, ni byo rero bigera ku batizera Imana kuko bavuye mu masezerano yabo yo kubana na Yesu no kumwizera iteka ryose. Ijambo ry'Imana riri muri **Daniyeli 11 : 32**, rirabitubwira neza riti : “Abaca mu isezerano nta mpamvu, izabayobesha kubasheshenga. Ariko abantu bazi Imana yabo bazakora iby'ubutwari” Ni ukuri, nitumenya Imana tukayizera tukayubaha Imana iziyerekanira muri twe idukoreshe iby'ubutwari, kandi ituruhure mu mibabaro yacu yose idusoreze amasezerano, nk'uko yabikoreye abatubanjirije. Musome inkuru za Daniyeli mu gitabo cya Daniyeli. Musome n'inkuru za Yozefu mw'itangiriro mu gice cya 37 kugeza ku cya 49.

Imana irivugira yo ubwayo ko byose bizashira, ko byose bizakurwaho kiretse amasezeno ye, yo azahoraho iteka ryose. “Imisozi izavaho, n'udusozi tuzakurwaho, ariko imbabazi zanjye ntizakurwaho, kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezeranije ntitakurwaho. Ni ko Uwiteka avuga “ **Yesaya 54:10**. Twebwe, ni twe tugondoza Imana tugatuma amasezerano yacu agatinda.

Amagambo y'Imana ntazahera kandi ntazigera ahinduka. N'ubu, ibyo Imana ivuga iduhanurira, ntabwo byigera bijya hanze y'Ijambo rye. Ni cyo gituma Imana itubuza kandi itwihanangiriza ko kizira kikaziririzwa kugira icyo umuntu ahindura mu gitabo cy'ibyanditswe byera.

Mu Byahishuwe 22 : 18-19, Imana iratubwira iti : “ Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ndamuhamiriza nti : “Nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri kino gitabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo ”.



Amadini yiha guhindagura Ibyanditswe byera, akizanira indi mihango n'amahame binyuranije n'Ijambo ry'Imana, ndetse bagafata ibyerekezo ntaho bihuriye n'Ijambo ry'Imana, bene yo bazabona ishyano. Ndetse n'abayoboka amadini nk'impumyi zitazi iyo zijya, hari igihe bazasanga barayobye. Duhamagariwe kumenya ibyanditswe byera kuko ni ko **"KURI"** konyine, tukaba aribyo tugenderamo tukava mu binyoma. Nta muntu n'umwe uzagira icyo yireguza kuba atamenye Ijambo ry'Imana ritumenyesha amategeko y'Imana tugomba kugenderamo. N'amategeko ayobora ibihugu yashizweho n'abana b'abantu, nta wurekuriwe kutayamenya. (Nul n'est censé ignorer la loi) .

Mu Butumwa bw'ubuhanuzi bw'Imana yampaye kubagezaho, haraho Imana ivuga ngo ikiyibabaje cyane, ni uko abantu bemera ibyo babwirwa n'abana b'abantu kurusha uko bemera Ijambo ry'Uwiteka. Nyamara, dukwiye kugendana ubwenge.

Kandi Imana yanga ububeshyi cyane. Muri bwa Butumwa Imana yampaye buduhamagarira kuva mu Buryarya, Imana yaraturubwiye iti : "Ndi Imana yera kandi nta bwo nkorana n'ababeshyi. Umuntu ubeshya, yanabeshye, azanabeshya, niyihane ubu nyine imbere y'uko uburakari bwanjye bukara."

N'amadini abeshya akabeshyera Imana, ntabwo ikorana na yo. Rero, hari igihe mwasanga mushakira Imana mu madini Imana itabamo mukazapfa mutayibonye. Mugendane ubushishozi. Imana ibonerwa mw'Ijambo ryayo gusa, ari we Gakiza, ari we Yesu-Kristo. Hanze ya Yesu nta Mana ihari. Uwemeye Yesu aba yemeye Imana Data na Mwuka Wera. Uwanze Yesu aba yanze Imana Data na Mwuka Wera. Uwihakanye Yesu aba yihakanye Imana Data na Mwuka Wera . Uwakiriye Yesu aba yakiriye Imana Data na Mwuka Wera. Ntibasigana, bagize ubutatu butagatifu.

Imana rero ntabwo ari umunyakuri gusa, ahubwo ni we **"KURI"**

Imana yatweretse kwicisha bugufi kwayo.

Ukwicisha bugufi kw'Imana, yo ubwayo yabitugaragariye mu kubona hari ibyaremwe yaremye mw'ishusho ye ari bo twebwe abantu. (Itangiriro 1:26) Yarangiza ikadutera iteka ryo



kudukoreramo ndetse no gukorana na twe. Ibyo bijya bintangaza bikanasiga ubwenge bwanjye kuko Imana ni nkuru cyane ntiyari ikeneye kurema abasa na yo.

Kuba yararemye isi n'ijuru yonyine, ntawuyifashije, ikarema ibiriho turebesha amaso n'ibyo tutabona ntawuyigiriye inama, ibyo yaremye ikabitunganya mu buryo butangaje, nyuma mu bushake bwayo, ikaba itura mu mitima yacu ikabana na twe, ikatuvugisha, ikatwiyereka, igakorera mu bantu kandi ikorana nabo, ikatugira intumwa zayo n'abahanuzi bahanura iby'Imana, murumva atari ukwicisha bugufi kurengeje ?. Imana ntabwo yari ikeneye abantu kugirango isohoze imigambi yayo muri ino si, ni agateka Imana yateye Umwana w'Umuntu.

Muri **Yeremiya 31 : 28**, Imana iraducira bugufi ku buryo ivuga ko itegereje icyo twakora kugirango isenye Ubwami bwa Satani noneho Ubwami bwe bwubakike muri ino si muri ano magambo : “Nuko, uko nabahanzeho amaso, kugirango ndandure, nsenye, nubike, ndimbure, mbabaze, ni ko nzabahangaho amaso kugira ngo nubike kandi ntere”.

Nabaha hano n'urugero rw'iyerekwa Imana yampaye. Umunsi umwe narabyuze njya gusenga noneho mbwira Imana nti n'ukuri dukureho Satani araturembeje. Nti kandi nzi neza ko atakurusha imbaraga, ubishatse wamwirukana muri ino si. Iryo Sengesho nararisenze nkomeje kandi numva mbabaye. Noneho, nararangije nsubira kuryama. Agatotsi kamaze kumfata, ni ho najye mbona mfite mu kuboko kw'iburyo igifunguzo kinini cyane kandi kirekire nka bimwe bafunguza amasengero kera. Kwari ukumbwira ko ububasha n'ubushobozi byo kwirukana Satani muri, ino si , ni twe tubufite, yarabuduhaye. Ni twe rero dufite urufunguzo. Nyimba ntacyo turi gukora ngo Ubwami bw'Imana buganze kuri ino si, ntitugate ishavu ku Mana. Ikibazo ni twebwetudakora ibyo tugomba gukora ngo dukorane n'Imana uko bikwiriye, kuko Imana idakora yonyine.

Imana, hari ikintu yakoreye Adamu na Eva bakimara gucumura cyantangaje. Nari namaze kukivuga nerekanako urukundo Imana idufitiye, ariko na hano ndagisubiramo kuko kigaragaza uguca bugufi gutangaje kw'Imana. Ni uko Adamu na Eva bakimara gucumura



ngo basanze bari gusa bahunga Imana. Imana ntiyabakurikije umuvumo cyangwa ngo ibakurikize ibitutsi. Ngo byamuteye isoni n'umubabaro ngo abadodera utwenda mu mpu z'inyamaswa, hama yo ubwayo iragenda irabambika. Ntabwo yayibatereye, yarabasanze irabambika kuko Imana ari umubyeyi wacu.

Mu bihe byose, Imana yagiye itugaragariza ukwicisha bugufi kwayo, ariko noneho kuba yaratwoherereje Umwana we Yesu-Kristo ngo abe ari we uza kuducungura atubambirwe, byo birenze ukwemera. Ni nk'aho ari we wiyiziye, kandi ni ko bimeze, kuko Yesu yiswe Imanuel, risobanura ngo Imana iri kumwe na mwe. Imana yari gushobora kutwoherereza umugaragu we umwe mu bo afite benshi mw'Ijuru ari bo bamarayika. Ariko, si ko yabikoze ni we waje gucungura abo yiremeye.

Imana yaduhaye ubugingo bwayo ngo tuzabane nayo iteka ryse. **Mw'Itangiriro 2 : 7**, "Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera umwuka w'Ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buhoraho".

Imana yaduhaye ubugingo bwe ngo tuzabane na we iteka ryose. Mu by'ukuri, nta bwo twari tubikwiriye, ariko ku bwo kwicisha bugufi kwe n'urukundo Imana idufitiye yarabikoze. N'uko rero uzemera gusubira kwiyunga n'Imana yizera izina ry'Umwana we watubambiwe, azabana n'Imana iteka ryose, kuko Yesu ni we waje kudusubiza ubugingo twari twaratakaje ku bw'icyaha.

Kubona Imana yaremeye kuvugana na twe mu buryo bw'amasengesho, ikaba Imana yaraduhaye uburyo bwo kubasha gusaba imbabazi tukababarirwa igihe cyose ducumuye noneho tukabasha kuyegera dukiranuka, ni igitangaza cy'Imana ibasha kuducira bugufi. Ijambo ry'Imana muri **Malaki 3 : 16** riraturwira riti : "Abubahaga Uwiteka baraganiraga, Uwiteka agatega amatwi akumva, nuko, igitabo kikandikirwa imbere ye cy'urwibutso rw'abubahaga Uwiteka bakita ku izina rye. ..."

Mu by'ukuri, izo ni ingero nke cyane ntanze zerekana ukwicisha bugufi kw'Imana. Uzita kw'Ijambo rye wese, azatangazwa n'uburyo Imana itishyira hejuru.



Imana yatugaragariye uburyo yumvira abantu

Adamu na Eva bakimara kubona ko bambaye ubusa, bagize isoni barihisha. Ntabwo babwiye Imana ko bambaye ubusa bizeye ko hari icyo yabakorera, oya, babiyibwiye kuko ata kundi bari kubigira. Nyamara Imana ibyo ntiyabyitayeho, yabonye ko ari yo yonyine yabasha kubakura mu kangaratete irabumvira mu bibazo byabo irabatabara.

Imana ni Imana yumvira abana b'abantu. Ikamenya imibabaro yabo ikabatabara. Imana ihora iduteze amatwi yumva ibyo tuyibwira. Imana ihora itwitaho amanywa n'ijoro iturinda umwanzi. Itaturinze twese twaba twarapfuye. Imana ihora igenzura imitima yacu kugirango imenye ibyifuzo byacu ibisubize. Imana ikorera mu bitekerezo byacu.

Imana iza kwiyereka Aburahamu, ngo Aburahamu yahora ashaka kumenya Imana nyakuri iyariyo. Kuko ngo yararebaga agasanga imana zasengwa iwabo zitari imana nyakuri. Akazireba akazigaya. Akavuga ati : Izi mana zitavuga, zitigenza, twanika tukanura, tutazanuye zikanyagirirwa hanze ni mana ki ? Imana yumvise icyipfuzo cyiza Aburahamu yarafite iramubonekera, imutandukanya n'ab'iwabo kugirango abashe kuyisobanukirwa neza no kuyikorera.

Uwiteka ajya gutuma Mose gukura Abisiraeli muri Egipta yaramubwiye ati : “Ni ukuri, mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egipta, numvise gutaka batakwishwa n'ababakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo . Kandi manuwe no kubakiza mbakure mu maboko y'abanyegiputa, mbakure muri icyo gihugu mbajyane mu gihugu cyiza cy'amata n'ubuki” **Kuva 3 : 7-8.**

Imana iri mw'Ijuru, yumvise imibabaro y'Abanyisiraeli bayitabazaga, irahaguruka yo ubwayo iratabara, ibakura mu gihugu cy'amahanga, ibasubiza i wabo i Kanani mu gihugu cy'amata n'ubuki, icyo yari yaremereye ba Sekuruza babo ko azakibaha ho gakondo.

Uwiteka Imana yacu we ubwe aduhugurira kumutabaza kugirango adutabare. Muri **Yeremiya 33: 2** Uwiteka aravuga ati : “Ntabaza nzagutabara, nkwereke ibikomeye biruhuje utamenya”.



Ni amagambo menshi Imana yatubwiye atwereka ko Imana itwumva kandi itwumvira.

Muri Zaburi 32 : 8, Ijambo ry’Imana riratubwira riti : “Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira Inama, ijisho ryanjye rizakugumaho.” Kandi, Ijisho ry’Uwiteka riri ku bamwubaha, riri ku bategereza imbabazi ze, ngo akize ubugingo bwabo urupfu, abarinde inzara badapfa. **Zaburi 33:18.**

Imana iri kumwe natwe kugirango iturengere, kandi ihora iduteze amatwi kugirango idusubize ku bibazo tuyibaza, itwiyigishirize kandi itugire n’ inama.

Kandi, ni ibintu byinshi Imana yadukoreye bitwereka ko Imana idutegeye amatwikandi itwitayeho. Kandi, Imana, ikintu cyose twifuza, kandi Imana ibonako ari icyo kutugiriraneza, iyotugisabanye ukwizera Imana irakiduha.

Imana iyo wayinejeje, ifite no kukwitaho mu buryo butangaje kandi uko utabaje Imana ikakwitaho. Ngo amatwi n’amaso by’Imana bihora ku bakiranutsi be.

Muri Yesaya 58 : 6-9 Imana iratubwira iti : “Ni wihotorera abakane, ukagaburira abashonje, ukambika abambaye ubusa, ukazana abameneshejwe ukabacumbikira, umucyo wawe uzaheraho utambike nk’umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba, gukiranuka kwawe kuzakujya imbere, kandi icyubahiro cy’Uwiteka kizaba kigushoreye. Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati : Humura ndi hano”.

Nukuri, uko uzagenza Imana ni ko izakugenza kuko iguhanze amaso, kandi ugutwi kwe guhora ku byo uvuga, ndetse n’Umwuka we Wera uhora ugenzura ibyo wibwira n’ibyo utekereza kugirango Imana igire icyo ibikoraho.

Icyakora, ikibabaje Imana n’abakunzi bayo, n’uko ibi byose tumaze kuvuga uburyo Imana yatweretse urukundo, uburyo Imana yatubereye inyakuri, ikaducira bugufi ikatwiyegereza, ikaduhozaho amaso ye igahora itwumvira, bitatumye abantu muri rusange bamenya Imana ngo bemere gusubirana ishusho yari yabaremanye base na we nk’uko yari yarabikoze ikibarema.

Twibukiranye ko abantu bakomeje kwigira abanzi b’Imana, kugeza aho mu gihe cya Nowa Imana yicujije kuba yararemye abantu mw’isi



kuko bari babi batera Imana umubabaro. **Mw'Itangiriro 6 : 5 -22**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : "Kandi Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi , kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose. Uwiteka yicuza yuko yaremeye abantu mu isi, bimutera agahinda mu mutima. Uwiteka aravuga ati:" Nzarimbura abantu naremeye n'ibihumeka byose keretse Nowa n'umuryango we kuko ari we wakiranukira Imana wenyine".

Nawe ibaze kubona mu bantu bose bari mw'isi icyo gihe Imana ibona umuntu umwe gusa wayimenye ukayubaha? N'ubu, n'aho duhora mu masengero dusenga, amadini akaba yarabaye menshi, abazi Imana by'ukuri bakayubaha ni bake. Abenshi ni ingwiza murongo. Iyaba twari tuzi Imana kandi tuyubaha, ubugome buri muri ino si bugaragarira mu bwicanyi, ubujura n'ubusambanyi birangwa mu bihugu byose, ntibyobayeho. Tuba twirinda ibyaha, tukabana mu rukundo no mu mahoro.

Abantu bakomotse kuri Nowa bamaze gusubira kugwira, ntabwo ibyabaye ku bababanjirije hari icyo byabigishije ngo bitume bamenya Imana bayumvire, bakomeje gusenga ibigirwamana banga Imana rurema, bakomeza kwonona ingeso zabo.

Byageze aho Imana igerageza kwimenyekanisha inyuze mu bwoko bw'Abisiraeli, ibutoranya mu mahanga yose ngo bumubere ubwoko. Yabukuye muri Egiputa aho bwari bwaragizwe imbata, ibukuzayo ukuboko kwayo gukomeye, ibunyuzwa mu butayu mu gihe kingana n'Imyaka mirongo ine, Imana irabiyoborera, ibajya imbere mu nkingi y'umuriro, ibaha Mose ngo abe ari we ababera umuhuza. Imana iha amategeko n'amateka ye Mose ngo ayigishe Abisiraeli kugirango bayagenderemo, Imana, yivugira imbere yabo ko ari Uwiteka, Imana irabihishurira , ibereka imiterere ye, ibakorera ibitangaza byinshi kugirango bamenye imbaraga n'ubushobozi bye bayizere, ariko banga kumenya Imana, banga n'amategeko ye. Imana yakoresheje Abahanuzi benshi n'abatambyi benshi kugirango abantu babashe kumenya Imana, bayigarukire barananirana. Byabaye ngombwa ko yohereza Umwana we w'Ikinege akunda cyane ari we Yesu-Kristo ngo atumenyeshe Imana tubashe kwiyunga na yo.

Muri 1 Timoteyo 2 : 5, Ijambo ry'Imana ritubwira riti : "Hariho Imana imwe , kandi hariho umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu-Kristo witangiye kuba incungu ya bose."



KUGIRANGO YESU-KRISTO AGERE KURI IYO NTEGO YO KUTWUNGA N'IMANA YAKORESHEJE UBURYO BUTATU

- *Yatumenyesheje Imana*
- *Yatwogejeho ibyaha byacu byose atwunga n'Imana ku bwo kutumenera amaraso ye ku musaraba.*
- *Yatubatuye ku cyaha adusubiza kamere y'Imana*

IV. 1. YESU YATUMENYESHEJE IMANA

Inyuma y'ibyo twari turangije kuvuga ko Imana yisobanuriye abantu bikananirana ko bayimenya, icyari gisigaye, kwari ukwohereza Umwana wayo w'Ikinege ari we Yesu-Kristo. Mu by'ukuri, ni we yarabashije gukora uwo murimo kurusha abahanuzi n'intumwa zose Imana yari yaratumye, kuko ni we wari uzi Se neza kuko yakomotse kuri yo kandi yabana na yo. Ndetse na we yari Imana. Byongeye, kubayaraje mw'ishusho y'umwana w'umuntu, byatumye abasha kubana natwe, atubwira ibyo Imana idushakaho, akorera we ubwe ibitangaro n'ibitangaza imbere yacu kugirango tumenye Imana, tuyizere kandi tuyikunde.

Byongeye, Ishusho y'Imana , Yesu yayihishuje imyitwarire ye, imivugire ye ndetse n'imikorere ye. Kugirango abigereho, Umwami Yesu, ubuzima yabayeho muri ino si ntiyigeze abwiyitirira. Bwabaye ubwo guhamya Imana Data kugirango tuyimenye tudakomeza kuyirebera mu bitekerezo Satani yashyize mu bantu. Yakomeje buri gihe kutwumvisha ko yaje ku bwa Se wamutumye kandi ko ibyavuga byose ko abibwirizwa na Se, kandi ko ibyo akora byose ko abikorera mu mbaraga za Se wamutumye.

Umwana asa na Se nk'uko we ubwe yabyivugiye ati : Umbonye aba abonye Data. Data ari muri njye, nanjye nkaba muri we. **Yohana 14:7-10a.** Umenye aba amenye Data (Yohana 8 :19) . Kandi nunyemeye si njye aba yemeye aba yemeye uwantumye **Matayo 10:40).** Amagambo mbabwira sinyavuga ku bwanjye, ahubwo Data uguma muri jye ni we ukora imirimo ye. **Yohana 14 : 10 b.** Umwami Yesu yaranavuze ati : Si njye wishakira icyubahiro, uwo ngishakira arahari, ni Data.



Umwami Yesu yaje yambaye ishusho ya Se, aza yuzuye imbaraga z'Isumbabyose, aza yuzuye Ijambo ry'Imana ihoraho, ni cyo gituma yiswe Emanweli risobanura ngo : "Imana iri kumwe natwe, nk'uko nari nabivuze haruguru" **Matayo 1:23**. Mu by'ukuri, Yesu ni Imana yiyambitse umubiri iza kubana natwe kugirango itwiyereke tuyimenye, tuyikunde tuzahabwe ubugingo buhoraho.

Iyo shusho y'Imana Satani yari yarayihumanije mu kuvuga Imana uko itari, yitirira Imana imiterere ye mibi, Umwami Yesu ni we waje gusubiza Se agaciro n'icyubahiro imbere y'abantu mu kutugaragariza kamere nyakuri y'Imana irangwa n'urukundo, ukuri, ukwicisha bugufi no kwumvira.

IV.1.1. YESU YATUGARAGARIJE KO IMANA ARI "URUKUNDO"

Umwami Yesu yahamije urukundo Imana ifitiye abantu mu kubakorera ibitangaro n'ibitangaza byinshi. (yakijije abarwaye, yazuye abapfuye, yahumuye impumyi, yirukanye abadayimoni, yatubuye ibiribwa, yagaburiye abashonje n'ibindi). Urukundo kandi rw'Imana Yesu yarugaragaje mu kubababarira ibyaha by'abantu no mu kubiyegereza abacira bugufi. Igihe cyose yavugana n'abababaye yababwira ngo " Mwana wanjye ".

Urugero twatanga ni igihe yavugisha wa Mugore yari amaze imyaka cumi n'ibiri ari mu mugongo. Uyu mugore yakoze ku nshunda z'umwenda we yizeye gukira. Umwami Yesu amubonye aramubwira ati : "Mwana wanjye komera. Kwizera kwawe kuragukijije". Umugore akira uwo mwanya. **Matayo 9:22**.

Igihe cyose kandi Yesu yagaragaza ko ibyakora atari ku bwe ahubwo ko ari mu mbaraga z'Imana zimukoreramo, kugirango Abantu bamenye kandi bizere mu mbaraga z'Imana no mu rukundo Imana ibafitiye, bibaviremo kwubaha no gutinya Imana, ndetse binabaheshe kwizera no gukunda Imana.

Dushobora hano gufata ingero nkeya:

Mbere yo kuzura Lazaro, Umwami Yesu yarararamye areba mw'Ijuru atakambira Se ngo amuhe ubwo bushobozi bwo kuzura uwaramaze iminsi 4 apfuye. Yabwiye se ati : "Ubwanjye nari nzi yuko



unyumva iteka, ariko mbivugiye ku bw'abantu bangose ngo bizere yuko ari wowe wantumye". **Yohana 11 : 41-42.**

Muri **Yohana 9 : 1** Umwami Yesu yabonye impumyi yavutse ariko imeze baramubaza bati : Ni kubera iki ariko ameze ? Ni we cyagwa ni ababyeyi be bakoze icyaha? Uwundi arababwira ati : "Nta n'umwe muri bo wakoze icyaha, ahubwo ni ukugirango imirimo y'Imana yerekaniye muri we". Arongera ati: "Nkwiye gukora imirimo y'uwantumye hakiri ku manywa". Amaze kuvuga atyo aramuhumura."

Igihe cyose yagaragaza ko atari we ukora ahubwo ko ari Imana ikora kugirango ubushobozi bw'Imana n'urukundo Imana ifitiye abantu bigaragarire bose.

Muri **Yohana 5 : 19-23**, Umwami Yesu arongera aravugaga ati: "Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko ari nta cyo Umwana abasha gukora ubwe atabonye Se agikora, kuko ibyo Se akora byose n'Umwana ari byo akora, kuko Se akunda umwana akamwerekaga ibyo akora byose , ndetse azamwerekaga n'imirimo iruta iyi kugirango mutangare. Nk'uko Se azura abapfuye akabaha ubugingo, ni ko n'Umwana aha ubugingo abo ashakaga".

Ikindi kintu gitangaje kandi cy'ikirenga Yesu yakoze kugirango atwereke urukundo, impuhwe n'imbabazi Imana idufitiye, ni ukwemera kudupfira ku musalaba kugirango ducungurwe, nk'uko Se yari yabimusabye.

Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza muri **Yohana 3:16-17** riti "Kuko Imana yakunze abari mw'isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikineze kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mw'isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mw'isi bakizwe na we".

Ibi ni ibintu bitangaje kandi ni cyo kimenyetso kirusha ibindi bimenyetso byose kutugaragariza urukundo Imana idufitiye. Ibaze kubona Imana, mu bushake bwe, ntawubiyisabye, yohereza Umwana we Yesu-Kristo ikunda cyane, kugirango ababazwe mu kibanza cyacu, akorwe n'isoni mu kibanza cyacu, yikorere ibyaha byacu abibambanywe ku musalaba mu kibanza cyacu. Noneho twebwetse tubeho ntacyo twishisha, tubeho mu mudendezo tubohotse, tubeho mu mahoro iteka ryose.



Muri **Yesaya 53 : 3 -12**, Ijambo ry’Imana ritubwira neza uburyo Yesu yababaye ku bwacu, kugirango twebwe tubeho tunezerewe. “Yarasuzugurwaga akangwa n’abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwa nk’umuntu abandi bima amaso natwe ntatumwubahe. Ni ukuri, intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho, twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana agacumitwa na yo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara, ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe., yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk’intama zizimiye, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese. Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanywa ke amera nk’umwana w’intama bajyana kubaga.....Guhemurwa no gucibwaho iteka ni byo byamukujeho. Mu b’igihe cy’e, ni nde witayeho ko yakuwe mw’isi y’abazima akaba yarakubitiwe ibicumuro by’ubwoko bwe ?Uwiteka yashimye kumushenjagura, yaramubabajije. Ubwo ubugingo bwe buzitamba ho igitambo cyo gukuraho ibyaha, azabona urubyaro, azarama, ibyo Uwiteka ashaka bizasohozwa neza n’ukuboko kwe.....”

Imana yashoboraga kwohereza umwe mu bamarayika be nk’uko nari nabivuze kare, akaba ariwe uza kuducungura, ariko ku bwo urukundo rwinshi adufitiye, yaduhaye uwo akunda kurusha bese na byose, Umwana we w’Ikinege Yesu-Kristo. N’ubundi uwo ukunda ntumuha ibyo wanga cyangwa ibitagira agaciro imbere yawe, umuha ibyo uha agaciro na we ubwawe. Imana rero yaducunguje amaraso y’Umwana we kuko turi inkoramutima ze, kandi kuko turi ab’agaciro imbere ye. Ntitugakomeze rero gukerensa ubuntu bw’Imana tubaho nk’aho wamenga ntitwacunguwe, cyangwa nk’aho wagirango twebwe Yesu ntiyaje ku bwacu.

Umwami Yesu yaratwibwiriye we ubwe ati : “Nta wufite urukundo ruruta urwo umuntu upfira incuti ze”. **Yohana 15 : 14** Nukuri, ntawufitiye urukundo abantu nk’Imana n’Umwana wayo.

IV.1.2. YESU YATUGARAGARIJE KO IMANA ARI INYAKURI

Umwami Yesu mu byamuzanye muri ino si, yaje guhamya ko Imana ari inyakuri. Yaravuze muri **Yohana 8 : 26b** ati : “Uwantumye ni uwukuri, nanjye ibyo namwumvanye ni byo mbwira abari mw’isi”.

Umwami Yesu ariwe Jambo ry’Imana yaratinze arivuga ati : “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo” Muri **Yohana 17:17**, Umwami Yesu asengera



abigishwa be n'abandi bose bazamwizera yabwiye Se ati : "Ubereshe ukuri, Ijambo ryawe ni ryo "Kuri".

Kandi igihe cyose Umwami Yesu yashakaga kuvuga ibintu bikomeye abantu bakwiye kwemera, yatangira avuga ngo : Ni "UKURI ni UKURI"
Yohana 16 : 23, Yohana 13 : 21.

Norbert Hagedé wanditse igitabo cyitwa ngo le "Christ oublié" (Yesu yaribagiranye) aravuga ati : "Yesu ni umunyakuri ku buryo iyo ushaka ko agusubiza ku byo wamusabye, umufatira kw'Ijambo yavuze". Kandi ibyo ni byo. Iyo usenze wibutsa Yesu ibyo yivugiye, yihutira vuba na bwangu kugusubiza kuko mu bintu atinya, ni ukugaragara nk'umubeshyi. Ntabwo ajya abeshya.

Nanjye mbifitiye gihamya. Igihe kimwe nari nkeneye amafranga cyane, amabanki yose nkorana nayo nari nyafitiye amadeni nta hantu na hamwe mbona nakura ayo mafranga. Ubwo narabyutse nijoro ngiye gusenga, icya mbere nabwiye Imana nayisabye kunshakira amafranga. Nshakisha impamvu naha Imana kugirango ihagurukire kumfasha, noneho nibuka Ijambo riri mu **Migani 19 : 17** rivuga ngo : "Ubabariye umukene aba agurije Uwiteka, na we azamwishurira ineza ye".

Noneho mbwira Imana nti : Mana, wowe, uko ni ko wavuze, kandi nzi ko uri umunyakuri, n'Ijambo ryawe ni ukuri. None, nanjye nigeze kukuguriza. Wibuke umukene naba narahaye akenda na ho naba nari narakambaye. Wibuke uwo naba narahaye agakweto, na ho naba nari narakambaye, noneho unyishyure kuko umfiteye ideni. Ndongera ndayibwira nti : kandi umpane n'inyungu kuko numpa amafranga angana n'ibyo natanze, rwose ni make ntacyo aza kumarira, kandi uzi neza ubukene bwanjye uko bungana. Ubwo nararangije gusenga nisubirira kuryama nituriye, mbwira Imana nti jyewe ndumva ndushye none nsubiye kuryama, na we Data sigara witaho ikibazo cyanjye. Nzi neza kandi nizeye ko butaza gucya ntacyo urambonera. Mpita ndiyorosa ndisinzirira. Bwarakeye, nkangurwa na telephone y'umuntu umwe mu bapanze mu nzu yanjye . Arambwira ati : Amakuru ki ? Nti ni meza, ati uzi n'ibindi, ati igitumye ngutelefona kare, ndashaka kuguha amafranga.



Ndamubaza nti : Bigenze bite ko hataragera ko muriha ?. Ubwo hari italiki 24 z'ukwezi kwa gatanu bagombaga kuriha mu ntango z'ukwezi kwa karindwi kuko bariha buri mezi atatu. Arangije arambwira ati ndabizi ariko twabonye amafanga, nta mpamvu yo gutegereza mu kwa karindwi. Wowe, kora facture ubu nyine uyizane, ndagiye mu biro, ndahava ari uko maze kugusignira cheque kuko ndafite inama muri kino gitondo.

Nahise mbyuka nihuta nkora facture vuba na bwangu ndayitwara. Ngezeyo, nabanje nyine kuyinyuza kwa comptable nk'uko bisanzwe, noneho arambaza ngo mada, nti karame, ngo rino joro, waraye usenze angana iki ? Ndamubwira nti n'ayasanze. Ati oya ntasanze, ati uzi ko boss yaje kare, akambwira ngo nuhagera ntegure cheque yawe ako kanya, ngo ntajya mu nama atamaze kuyisinye. Nuko byagenze yarayiteguye, arayimpa ati yijyanire agusinyire, aheraho arayisinye, amafanga naraye nsabye Imana mba ndayabonye.

Kandi Yesu arongera aravugaga ati : "Ni ukuri, ijuru n'isi bizashira ariko amagambo yanjye ntazashira na hato". **Luka 21 : 33.** Ni ukuri, ukuri ntikwigera gushira. N'abanyarwanda barayamaze baravugaga ngo : "Ukuri guca mu ziko ntigushya".

Twatangiye tuvugaga ko Umwana asa na Se. Ni cyo gituma ukuvugisha ukuri kwa Yesu kwagaragajwe ko Imana Data ari "UMUNYAKURI".

Umwami Yesu ntiyarya umunwa, yabwiza abantu ukuri kugirango bihane. Ntabwo yari ntirumveho kuko adashakisha gushimwa n'abana b'abantu. icyari cyaramuzanye, kwari ugukirisha abantu Ijambo ry'ukuri. Ukuri rero buri gihe kuraryana kandi abatakurimo kurabakomeretsa. Ntabwo rero Umwami Yesu yaretse kuvugaga ukuri kugirango atagira abo akomeretsa, ahubwo yashimye kubakomeretsa kugirango abone uko abavura.

Abanyabyaha yarabacyahaga atarya umunwa kugirango bigarure. Yabwiye Abayuda bari barananiwe kumusobanukirwa bahora bamwibazaho ati : "Mwebwe mukomoka hasi, jye nkumoka hejuru. Mwebwe muri ab'iyi si, ariko njewe si ndi uw'iyi si. Ni cyo gitumye mbabwira yuko muzapfana ibyaha byanyu, kuko nimutizera ko ndi we, muzapfana ibyaha byanyu». **Yohana 8 : 23-24.**



Kandi Abayuda, ntibamukunda, bahoraga buri gihe bapanga kumwica. Kandi imvugo ye ntibabasha kuyisobanukirwa. Noneho umunsi umwe, muri icyo gice nyine : **42 -47**, arababwira ati : «Iyaba Imana yari So muba munkunze. Kuko naje nkomotse ku Mana. Sinaje ku bwanjye ahubwo ni yo yantumye. Ni iki gituma mutumva ijwi ryanjye ? Ni uko mutabasha kumva Ijambo ryanjye. Mukomoka kuri So Satani, kandi ibyo So ararikira ni byo namwe mushaka gukora. Uwo yahereye kera ari umwicanyi, kandi ntiyahagaze mu by'ukuri kuko ukuri kutari muri we. Navuga ibinyoma aravuga ibye ubwe kuko ari umunyabinyoma, kandi ni we Se w'ibinyoma. Ariko nyewe kuko mbabwira iby'ukuri ntimunyizera. Ni nde muri mwe unshinja icyaha ? Ko mvuga ukuri, ni iki gituma mutanyizera? Uw'Imana yumva amagambo y'Imana, mwebwe igituma mutumva ni uko mutari ab'Imana”.

Nta buryarya bwigeze bumugaragaraho. Yagaragaje abantu uko bari. Abahora bishushanya bigira abakiranutsi b'ibitangaza kandi babeshya aribo banditsi n'abafarisayo yavugiye ibyabo ku mugaragaro. Iwe icyera kirera, icyirabura kikirabura, nta byo guhishira.

Umwami Yesu, yaravuze ukuri kugeza aho yakuzize. Twatanga urugero ku magambo amwe yabwiye Abafarisayo. Umunsi umwe umufarisayo yamutumiye mu rugo rwe noneho Yesu ngo atangira gufungura adakojeje intoke mu mazi nk'uko umugenzo w'abayuda wari umeze noneho ngo uwo mufarisayo biramutangaza.

Noneho Yesu amubwira atarya umunwa uko abona abafarisayo bameze ati : “Mwebwe Abafarisayo, mwoza inyuma y'igikombe n'imbehe, ariko mu nda yanyu huzuye ubwambuzi n'ububi. Mwa bapfu mwe, iyaremye inyuma si yo yaremye no mu nda ? Ahubwo ibiri imbere ari abo aribyo mutangana ubuntu ni bwo byose bizabatangiraabigishamategako nabo arababwira ati : Namwe abigishamategako muzabona ishyano kuko mwikoreza abantu imitwaro idaterurwa, namwe ubwanyu ntimuyikozeho n'urutokwe.....” Nuko, asohotse abanditsi n'abafarisayo batangira kumuhataniraho cyane no kumwiyenzaho ngo bamuvugishe byinshi, bashaka kumutega kugirango bamufateho ijamba rizamushinja. **Luka, 11:37-54.**

Umwami wacu Yesu- Kristo, ntiyatinye kurakaza abo bantu biyita abakozi b'Imana babeshya. Bari inkozi z'ibibi ariko bagahora bishushanya biyerekana uko batari kugirango bakundwe kandi



bubahwe n'abantu. Umwami Yesu – Kristo ntiyatinze kubananga ku mugaragaro kugirango bikosore. Ariko, bo ntibabibonyemo icyiza yabashakiraga, bamuhinduye umwanzi wabo bapanga umupangu wo kumwicisha kandi bawugezeho.

Umwami wacu Yesu-Kristo ntaca urwa kibera, aca imanza zitabera. Kandi Yesu ntagira nkunzi. Ntabogama. Uko ugenza abandi ni ko nawe Yesu azakugenza. Ijambo ry'Imana mu **Migani 21 : 13**, riraturwira riti : Uwica amatwi ngo atumva gutaka k'umukene, na we azataka kandi ntazumwira ". Ariko, abagutabaje nubatabara, n'abagutakiye ukabitaba, nawe nutabaza Uwitaka azagutabara, kandi numuhamagara azakubwira ati : «Ndaje mwana wanjye witinye ndi kumwe nawe». **Yesaya 58:1-12**.

Intonga itsindagiye kandi yuzuye ugereramo abandi ni yo na we azakugereramo. Muri bwa butumwa Imana yampaye kubagezaho, haraho Imana yo ubwayo yivugira iti "Ubu ni igihe cyo kwisuzuma no kwimenya uko umeze wowe ubwawe. Ntababwira ko buri muntu azasarura ibyo yabibye. Ni igihe cyo gusuzuma mu murima wawe aribwo buzima bwawe. Ni igihe cyo kumenya neza ingamba ufata, cyo kumenya neza uburyo witwara ukishyira ku munzane, kugirango umenye ibyo uzasarura ibyaribyo. Ese wumva muri wowe uzasarura urukundo, impuhwe, kurenganurwa, kubabwirwa, kwihanganirwa, icyubahiro, kuko ibyo bishaka kuvuga ko nawe ariko witwaye mu mibanire yawe n'abandi. Bivugako wabibye amahoro mu bakuri bugufi bese."....

Uko Yesu na we ubwe uzamufata ni ko na we azagufata. Yaratwibwira ati : " Nkunda abankunda kandi abashakana umwete bazambona". Arongerako ati : " Uwo tutabana ni umwanzi wanjye kandi uwo tudateraniriza hamwe arasandaza".

Yesu rero, igihe yamaranye natwe muri ino si yambaye umubiri nk'uwacu, ntiyigeze atwishushanyaho. Yatubwirije ukuri kugirango twihane tuve mu byaha. Kandi ukuri kwe kwagaragaye ukuri kw'Imana kuko atavugako ibye ubwe, ahubwo yavugako ibyo yatumwe na Se.



IV.1.3. YESU YATUGARAGARIJE KO IMANA YICISHA BUGUFI

Umwami wacu Yesu-Kristo yaje guhamya byimazeyo Ukwicisha bugufi kwa Se mu kuvukira mu kiraro cy'inka. Akabyarwa n'umwari w'impfubyi, akavukira mu muryango woroheje w'ababaji. Muri ino si yabayeho ubuzima busanzwe, abana n'aboroheje. Ntabwo yagaragaye nk'umuntu w'igitangaza, yari umuntu usanzwe.

Nta bukire yagiraga. Bibiliya itubwira ko atagiraga n'aho ahyira umusaya. Nta nzu yigeze agira muri ino si. Kenshi yaracumbikaga iyo yaba ari mu murimo wa Se kuko atabasha gutaha i Nazareth buri muni mu nzu kwa Se na Nyina. Ndetse na Pasika ya nyuma yasangiye n'Intumwa ze, bayifatiye mu cyumba yatiye umuturage w'aho ngaho bari bageze.

Nta ndogobe yagiraga, yagendeshaga amaguru akaruha nkatwe twese kuko yari yambaye umubiri nk'uwacu. Ibi nabyo bijya bintera gutekereza cyane ku kwicisha bugufi kw'Imana. Uzi kugirango Imana yemere ko Umwana we w'Ikinege ko abyarwa n'umugore ! Akambara umubiri nk'uwacu uruha, usonza, urwara !

Ubuzima bw'Umwami wacu Yesu-Kristo bwatubereye urugero rwiza rwo kwicisha bugufi. Ariko noneho hari ibihe bibiri byantangaje cyane.

- ***Igihe yoza ibirenge by'Intumwa ze. Uzi kubona Imana yicisha bugufi kugeza aho yoza ibirenge by'umwana w'umuntu, kandi na we yiyise Umwana w'Umuntu.***

Mu kwoza ibirenge by'abigishwa be, Umwami Yesu yashakaga kubigisha gufashanya no kugirirana neza. Nyamara, yashoboraga kubibigisha akoresheje ubundi buryo. Kandi noneho, ubuzima bwe bwose bwari bwarabaye ubwo kubigisha gukundana no kubabarira abandi. Ariko, yarinze gukoresha uburyo busuzuguritse kugirango abereke guca bugufi kwe, kandi nabo abacishe bugufi. **Yohana 13: 1- 20.**

- ***Igihe yemeye agapfa urupfu rubi rwo ku musaraba kugirango aducungure.***

Nukuri, turetse ko urupfu rwa Yesu aricyo kintu cya mbere cyatugaragariye urukundo rw'Imana nkuko Ijambo ry'Imana ribitubwira neza muri **Yohana 3 : 16-17**, rwanatugaragariye mu buryo butangaje kandi burenze imitekerereze yacu ukwicisha



bugufi kw'Imana. Kuko urupfu rwo ku musaraba mu gihe cya Yesu rwari urupfu rwicishwa abatindi ba ruharwa. Umuntu wa ruharwa wananiye ubutegetsi, ariko na none yagombaga kuba adafite umuntu n'umwe wabasha kumuvuganira.

Urwo rupfu rw'abagome b'abatindi ni rwo yapfuye kuri uriya musaraba w'isoni, arangije apfira hagati y'abambuzi babiri. Ibaze, abajura babiri ni bo bari bamuhagatiye. Byongeye ibyo bamukoreye byose mu kumwica byari ibyo kumukoza isoni. Ariko, yaricecekeye, ntiyabumbuye akanwa ke. Barikokomoye, bamuciraho ibikororwa, baramubwiye amagambo yo kumusesereza ntiyagira icyo abasubiza.

Bafashe imyenda ye barayifindanira barayigabagabana, bamubamba yambaye ubusa. Guhemurwa no gukozwa isoni bigeze hariya, Umwami wacu Yesu-Kristo yarabyemeye nta kwinuba kwamugaragayeho, kandi yari Umwana w'Umwami w'Abami, Nyirisi n'ijuru. Hari ukwicisha bugufi kwaza kurenza uko nguko ?.

Ibyo byose yarabyihanganiye yicecekeye, kandi yari Imana, yari kwikiza nk'uko yari yarakijije abandi, ariko yaremeye icyo gikombe cy'umubabaro n'agasuzuguro arakinywa arakirangiza kugirango dukizwe . Kwicisha bugufi kwe ni ko kandi kwatumye dukurwaho igisuzuguriro cya Satani. (Musome urupfu rwa Yesu muri Yohana 18 na 19 rurabakundisha Imana).

IV.1.4. YESU YATUGARAGARIJE KO IMANA YUMVIRA ABANTU

Umwami wacu Yesu-Kristo na we mu buzima bwe yabayeho hano muri ino si yatugaragarije uburyo Imana itwumvira mu kutwumvira we ubwe. Mwibuke ko nta gihe na kimwe abantu bamutakiye ngo abatabare yigeze yica amatwi ngo abirengagize. Abaje bose bamugana ngo abakize yarabakijije.

Abamutabaje bose yarabatabaye. Yesu ahumura impumyi yari ku nzira y'i Yeriko, iyo mpumyi yamenye ko Yesu w'i Nazareth ari we uhanyuze ngo irataka cyane ivuga iti : "Mwene Dawidi mbabarira ". Abantu barayicaje ngo iceceke iranga. Yesu ayumvise arahagarara ategeka ko bayimuzanira arayihumura. **Luka 18 : 35- 43.**



Abamusabye imbabazi z'ibyaha byabo yarabababariye. Musome Ubutumwa bwa Yesu nk'uko bwanditswe na Matayo, Mariko, Luka na Yohana muraheza musangemo ibitangaro n'ibitangaza Yesu yakoze, ni ho muzabasha gusobanukirwa n'uburyo Yesu atwumvira.

Abifuje kumubona yarabiyeretse. Muri **Luka 19 : 1- 9.** , tubona urugero rwa Zakayo uburyo yifuje kubona Yesu. Umwami Yesu ntiyamwiyeretse gusa ahubwo yahise ajya kurara iwe ngo babone umwanya wo kuganira no kumenyena. Iryo joro nyine, Umwami Yesu atanga agakiza ku bo mu rugo kwa Zakayo bose. Natwe iyo tumwifuje aratwiha akaza kubana natwe. Ahora kurugi rw'imitima yacu akomanga ngo tumukingurire yinjire tubane, kandi dusangire. Kandi byo dusangira ni ibitekerezo byacu.

Twibuke kandi ko Umwami wacu Yesu-Kristo ko buri gihe umuntu yamutabaza yaramubaza ati : "Mwana wanjye ushaka ko ngukorera iki ?". **Luka 18 : 40.**

N'uno muni Imana iracyakubaza ngo Mwana wanjye, urashaka ko ngukorera iki ? Ibi byose byatugaragariye ko Imana itwumvira kuko idufitiye Urukundo rwinshi.

Ubwo rero, uno muni icyo twakwibaza, n'uko buri wese yakwisubiramo akibaza niba koko azi Imana by'ukuri. Kuko utazi Imana nata n'ubugingo buhoraho afite. Muri **Yohana 17:3** Yesu yasanze abwira Se ati : "Ubu ni bwo bugingo guhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu-Kristo".

Iyo umuntu abirebye muri rusange, abantu ntiturakamenya Imana kuko iyaba tuyizi tuba tunayubaha. Kandi tumenye ko kwubaha Imana ko ari ukuva mu bibi tugakora ibyiza binezereza Imana. Kwubaha Imana ntabwo bigaragazwa no gusenga, kuyiririmbirira, kuyibyinira no kuyikorera. Ibi, nubikora udakiranuka, ni ikizira ku w'iteka.

Mu Migani 28:9, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : *"Uwiziba amatwi ngo atumwa amategeko, gusenga kwe na kwo ni ikizira"*. Ibyo dukora byose dukiranirwa, bitukisha Imana bikayikuraho icyubahiro. Ni cyo



gituma abantu benshi basuzugura Agakiza kuko natwe abakizwa tudahinduka ngo tuve mu byaha.

Abana b'abantu turagoye, kuko ibintu byose tubishyira mu bwenge bwacu, noneho n'Imana tugashaka kuyishyira mu bwenge bwacu. Imana ntishobora gusobanurwa n'ubwenge bw'abantu. Imana ubwayo yimenyekanishije mw'Ijambo ryayo. None twebwe turicara tugapinga Ijambo ry'Imana, hari n'abatemera ko Bibiyiya ari Ijambo ry'Imana, bakumva ko ari abantu nka twe bayanditse. Bakanga kwemera ko banditse ibyo babwirijwe n'Umwuka w'Imana.

Urebe uburyo abantu duhorana gushidikanya. N'Abanyisraeli Yesu yavutsemo agakuriramo, akabiyigishiriza we ubwe, akabakorera ibitangaro n'ibitangaza imbere, ntibashatse kumumenya. Ni bake muri bo bamwemeye. Abenshi muri bo n'ubu baracyategereje umucunguzi Imana yabemereye . Bajya bavuga ngo : Uwu si wa muhungu wa Yozefu na Mariya ? Ntiyavukiye i Nazareti ? I Nazareti icyiza cyavayo ni igiki ? Bashiki be, ntitubana ? None arigereranya ngo ni Umwana w'Imana ?, ngo yakomotse mw'Ijuru ? . Uko, ni ko bahora bamukwena, bavuga ngo akoreshwa n'amadayimoni, n'ibindi byinshi bamutukaga. Erega kuri bo, bamufashe nk'umutekamutwe. Nyamara intumwa ze zamwemeye yazihinduye abana b'Imana. Babaye bene Se, abasigira imbaraga n'ubutware bwe, zisigara mw'isi zimukorera. Na we, ku munsu w'Imperuka, azabazura abane na bo mu Bwami bw'Ijuru. Uku ni ko azagenda abazamwemera bese kugeza ku mperuka y'ibihe.

Erega Bibiliya iratinda ikatubwira iti : "Yari mu isi, ndetse ni we wayiremye, nyamara ab'isi ntibamumenya. Yaje mu bya, ariko abe ntibamwemera. icyakora, abamwemeye bese, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo, ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri cyangwa n'ubushake bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana". **Yohana 1 : 10-13.**

Rero, Abamwemeye ni bo bana b'Imana, kandi abamumenye bakamenya n'uwo yatumye ari we Yesu-Kristo, ni bo bazabona ubugingo buhoraho. Ntitukigire rero intumva n'intagondwa, ngo twizibe amatwi twange kwumva Imana ivuga. Ni mu nyungu zacu kandi Imana ntacyo itakoze ngo itwimenyeshe yiyunge natwe izaduhe ubugingo buhoraho. Imana yaraduhaye urufunguruzo



rw'ubuzima bwacu. Ni Yesu-Kristo. Tumwakire ntituzicuza. Ahubwo nitwamwanga tugakomeza kumwirengagiza, tuzicuza ubuziraherezo.

IV.2. YESU YATWEJEJEHO IBYAHA BYACU BYOSE ATWUNGA N'IMANA

Kugirango aturokore mu bubata bwa Satani atwunge n'Imana, Umwami wacu Yesu-Kristo yaradupfiriye ku musalaba, atumenera amaraso kugirango tubabarirwe ibyaha byacu byose twezwe, kuko ukurikije amategeko y'Imana, ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso, kandi amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha. **Abaheburayo 9 : 22.**

Ku bw'icyaha cyo kutumvira Imana cyakozwe na Adamu na Eva, bakarya ku mbuto Imana yari yababujije, ubundi, bagomba guhita bapfa. **Mw'Itangiriro 2 : 16-17,** Uwiteka yabwiye Adamu ati : “ Ku giti cyose cyo muri ino ngobyi, ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa” Imana, yari yabasezeranije urupfu rwihuse, baramutse bamusuzuguye, bagakora ibyo yari yababujije.

Nyamara, urukundo Imana ifitiye umwana w'umuntu ntirwatumye ibasha guhita yica Adamu na Eva. Imana, byayanze mu nda, yishakira igitambo hako abana be bapfa. Iki ni cyo kitwereka uburyo Imana idukunda nta kintu na kimwe ishingiyeho. Ibi bikongera bikatwereka kandi ko Imana yanga icyaha ariko ntiyanga ugikora.

Igitambo cya mbere Imana yiboneye, ni inyamaswa yishe, uruhu rwayo akarudodamo imyambaro yambitse Adamu na Eva. Ibi bitwereka ko nta maraso amenetse, nta gucungurwa. Igitambo, ni ikintu cyangwa umuntu apfa mu kibanza cy'undi muntu. Iyo wacunguwe, ntuba ugipfuye.

Mw'isezerano rya kera, igitambo byari ibikoko. Amapfizi y'ihene y'intama n'ay'inka. Abakene bagomba guhiga inyoni zabigenewe : Ibyana by' inuma cyangwa intunga zikaba ari zo zitangwaho ibitambo by'ibyaha byabo.

Mw'isezerano rya kera, abantu bose ntabwo bari bemerewe kwitambira ibitambo ngo bisabire imbabazi. Hari umuryango witwa



Abalewi Imana yari yarereje gutambira abandi ngo babasabire imbabazi, nabo ubwabo babanje kuzisabira kuko na bo bari abantu. Mu gihe runaka, mu Balewi Imana yatoranyagamo umutambyi mukuru, ni we warafite uburenganzira bwo kwinjira ahera cyane. Ni we waserukiraga ubwoko bw'Imana imbere y'Uwiteka. Ijambo ry'Imana riri mu **Baheburayo 9 : 6-7** rirabitubwira neza riti : "Abatambyi binjiraga iminsi yose mw'ihema ribanzirizwamo, kugirango basohoze imirimo yabo. Ariko mu rya kabiri ryo hakinjiramo umutambyi mukuru wenyine, rimwe gusa uko umwaka utashe. Ariko, ntiyinjiragamo atazanye amaraso yo kwiturira no guturirira ibyaha abantu batakaze nkana".

Nyamara icyo hano twamenya, n'uko ibyo bitambo byatambwaga mu gihe cy'isezerano ryakera n'uko bitabasha gutunganya rwose umutima w'ubitura, byari bigamije guhosha uburakari bw'Imana ku bantu ku bw'ibyaha baba bamukoreye, noneho akabasha kubihanganira, akabaha imbabazi badapfa, bagashishikara bakabaho.

Mw'isezerano rishya, Umutambyi mukuru dufite imbere y'Imana ni Yesu-Kristo, Umwana w'imfura w'Imana. Ndavuga imfura kuko Yesu ntakiri Umwana w'Ikinege w'Imana, yakurikiwe na barumunabe benshi, ari bo twebwe twemeye izina rye, tukemera kwezwaga n'amaraso ye tukababarirwa ibyaha.

Ijambo ry'Imana riri mu **Baheburayo 9 : 11- 14**, riratubwira riti: "Ariko Kristo amaze kuza, ahinduka umutambyi mukuru w'ibyiza bizaza, anyura mu ihema rirushya rya rindi gukomera no gutungana rwose ritaremwe n'intoki. Ibyo, ni ukuvuga ngo ritari iryo mu byaremwe ibi. Kandi, ntiyinjiye ahera cyane n'amaraso y'ihene cyangwa n'ay'ibimasa, ahubwo, yahinjiye rimwe n'amaraso ye amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka". Nuko rero, Yesu yinjije mw'ijuru ubwaho, kugirango none ahagarare imbere y'Imana ku bwacu. Kandi, ntiyinjiyemo kwitamba kenshi, nk'uko umutambyi mukuru yinjira ahera cyane uko umwaka utashye afite amaraso atari aye, kuko iyo biba bityo aba yari akwirye kubabazwa kenshi uhereye ku kuremwa kw'isi. Ahubwo none, abonetse rimwe gusa ku mperuka y'ibihe, kugirango akuzeho ibyaha kwitamba". **Abaheburayo 9 : 24-26**.

Kutubera umutambyi mukuru imbere y'Imana, Umwami wacu Yesu-Kristo, yarabiharaniye arabikorera. Yararebye asanga mu by'ukuri biruhije guhora abana b'abantu babona ibitambo byo



guhora batambira ibyaha byabo imbere y’Imana. Kandi ibyo bitambo bitabasha mu by’ukuri kubaremamo imitima mishya ngo bibeze bibatunganye, bibahindure. Noneho we ubwe ahitamo kudutunganya ubwe, adutunganishije igitambo kimwe gusa, atumenera amaraso ku musaraba. Ayo maraso ye ni yo yinjiranye mw’Ithema ritari iryo mw’isi, ahubwo yinjiye mw’I juru ahagarara imbere ya Data kugirango ahore adusabira. Ni na cyo gituma ibyo dusaba byose tubisaba mw’Izina rya Yesu-Kristo.

Imbere yo kuza mw’isi yabwiye Se ari we Data ati : “Ibitambo n’amaturu ntiwabishatse, ahubwo, wanyiteguye umubiri, mperako ndavuga nti dore ndaje Mana gukora ibyo ushaka. Uko gushaka kw’Imana ni ko kwatumye twezwa, tubiheshejwe n’uko umubiri wa Yesu watambwe rimwe gusa ngo bibe bihagije iteka”. **Abaheburayo 10:10.**

Ubwo rero, ku bwo urukundo Imana idufitiye, si twe twitambirira ibyaha byacu, ahubwo, Imanayo ubwayo yahoze yishakira ibitambo. Mw’isezerano rya kera, byari ibitungwa nk’uko twabivuze, ariko noneho, mw’isezerano ry’ubu, yishakiye igitambo kiruta ibindi byose, igitambo cy’agaciro kenshi ari we Mwana we. Sinzi niba mubikurura mu bwenge bwanyu mukabishikira, uburyo Imana yemeye guhana Umwana we, amuhanira ibyaha byacu kugirango twebwe tubabarirwe nta kiguzi dutanze, keretse kwicisha bugufi gusa tukabwira Data ngo tubabarire.

“Mw’Ijambo ry’Imana riri muri **Yeremiya 31:3**, Uwiteka aratubwira ati : “Ni ukuri, nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza yanjye nkakwiyegereza” Uwiteka yadukunze urukundo ruhoraho rudashira, ntiyatuziza ibyaha byacu, ahubwo yemera ko Umwana we apfa agahambwa, amaze guhambwa amanuka i kuzimu, yambura Satani impfunguzo z’i Kuzimu, kugirango twebwe abari baraboheweyo mu buryo bw’Umwuka ku bwo gukiranirwa kwacu, tubohorwe tubashe guhunga Satani, tubane n’Imana iteka ryose. Urwo rukundo, Imana yadukunze tutaranayimenya, akarutugaragariza mu kuduha Umwana we nk’incungu y’ibyaha byacu, ni rwo rutuma natwe tumukunda kurusha byose, nk’uko nawe adukunda kurusha ibyo yaremye byose, akadukunda no kurusha uko akunda abamarayika.



Urukundo Imana yadukunze rurenze kwemera, kandi ntirurondoreka, nk'uko Ijambo ry'Imana riri mu Baroma 5 : 5-8 ribivuga riti : "Bene ibyo byiringiro ko dutsindishirizwa no kwizera Yesu-Kristo ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahawe. Tukiri abanyanteye nke, mu gihe gikwiriye, Kristo yapfiriye abanyabyaha. Birakomeye kugirango umuntu apfire umukiranutsi, nkanswe umunyabyaha. icyakora, ahari, byashoboka ko umuntu watinyuka gupfira umunyangeso nziza, ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfira tukiri abanyabyaha".

Urwo rukundo rutarondoreka rwatumye Imana yiyungisha na twe urupfu rw'Umwana we, ni rwo uno muni twirata nk'abana be, rugatuma natwe nk'uko nari maze kubivuga, dukunda Imana yacu ari we Data wa twese kurusha byose na bose, tukamuhereza imitima yacu.

Umuntu yumva atarabasha gukunda Imana uko bikwiriye, asome yitonze urupfu rwa Kristo muri **Luka 22, 23, 24.**, asome yishyira mu kibanza cye, kugirango wumve neza imibabaro yemeye ku bwawe, ndetse n'agasuzuguro yasuzuguwe kugirango ntube ukibayeho usuzugurwa, ahubwo ube umunyacyubahiro. Ikindi, usome mu gitabo cy'indirimo, ururirimbo rwa 156 mu Gushimisha, na rwo ruzagukundisha Yesu na Data wa twese ari we Mana.

Kandi, ikindi hano twakongeraho, n'uko Yesu atababarijwe ibyaha byacu gusa, ahubwo yababarijwe imibabaro yacu yose kugirango tutazasubira kubaho mu mibabaro n'amaganya dutezwa na Satani. Ahubwo, kugirango tubeho mu mahoro y'Imana, iyo twegerejwe n'amaraso ya Kristo.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 53 : 4 – 5** rirabitubwira neza riti : "Ni ukuri, intimba zacu ni zo yishizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ibicumuri byacu ni byo yacumitwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu. Igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we. Kandi, imibyimba ye ni yo adukirisha."

Umwami wacu Yesu-Kristo, ku Musaraba, byose yarabirangije. Yanesheje urupfu, ku bwo kutwozaho imyanda yose y'icyaha, kuko icyaha ni cyo kibyara urupfu. Hari abakwibaza noneho kubera iki imibiri yacu ipfa. Urupfu rw'umubiri si rwo yadukijije, Yesu yaje kudukiza urupfu rw'ubugingo, urupfu rw'imitima yacu.



Urufu rw'umubiri rwo, ni rwiza kuko ni wo muryango tunyuramo kugirango tugere mu buzima bushyashya bw'Iteka ryose, ubwo tuzabanamo n'Imana.

Kuba rero tutakibarwaho gukiranirwa kwacu ku bwo gucungurwa, urumva rero ko tutagipfuye. Ku musalaba, yanesheje ibiturwanya byose. Yaratwibwiriye ati : Mw'isi hari imibabaro myinshi, ariko nimuhumure, nanesheje isi. Yohana 16 : 33 "Kandi, Ijambo rya nyuma yavuze agiye gutanga yaravuze ati: Byose birangiye. **Yohana 19:30.**

Umwami wacu Yesu-Kristo, byose yabirangirije ku musaraba. Abarushye n'abaremerewe, ni mumwegere arabaruhura. Yarushe kugirango ntitube tukirushye, yarababaye kugirango twebwe tubeho mu munezero. Yarapfuye kugirango ntitube tugipfuye, ahubwo tubone ubugingo buhoraho. Umwami Yesu muri **Yohana 10:10** yarivugiye ati : "Nazanywe mw'isi no kugirango intama zanjye zibone ubugingo kandi zibone bwinshi".

Dukwiye rero kubaho duturiye mu Gakiza ariwe Yesu-Kristo, duhamagara izina rye igihe cyose dutewe n'ibitero bya Satani, azihuta atugwanirire. Kandi yaratsinze ntajya aneshwa, tumwizere gusa ahasigaye twibere mu mahoro no mu munezero n'iyi twaba turi kunyura mu bikomeye. Ku bacunguwe bizera Kristo, nta biracitse iba ikibaho.

Ikindi tutagomba kwibagirwa, n'uko kubera ko ari Yesu-Kristo wenyine watumeneye amaraso akatubera igitambo kizima, ni we wenyine ushobora kudutambira imbere y'Imana, adusabira imbabazi z'ibyaha byacu, ndetse adusabira n'ibindi byose dukeneye ku Mana. Ubwo rero, nta rindi zina mw'isi no mw'Ijuru tuboneramo Agakiza k'ubugingo bwacu, ndetse n'akimibiri yacu. Imana, yaduhaye Umwana we Yesu-Kristo ngo abe ari we utubera umutambyi mukuru utuvuganira imbere ye.

Ni na we nzira itugeza ku Mana. Nta bwo rero tugomba gusanga Yesu twikandagira, cyangwa ngo dushake kunyura ku wundi uwariye wese ngo aduserukire ku Mana, cyangwa ngo tureke kumuha agaciro afite mw'Ijuru bitume tumwihakana, cyangwa ngo



dushake gusanga Imana tutamunyuzeho, kandi ariko ubutegetsira bwo mw'Ijuru bwatunganyijwe na nyirabwo.

Umwami Yesu, we ubwe yaratubwiye ko icyo tuzasaba cyose mw'Izina rye, tuzagihabwa, kugirango Izina rya Se ari we Data rishyirwe hejuru. **Yohana 16:23.** Ikindi kandi Yesu yarivugiye ati: Ni jye nzira, ukuri n'ubugingo, nta wuzajya kwa Data ntamujyanye. **Yohana 14:6.**

Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza mu **Baheburayo 4 : 14-16, na 5 : 1-6,** riti :

"Nuko, ubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mw'Ijuru, ari we Yesu Umwana w'Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe, mu ntege nke zacu, ahubwo, yageragejwe mu buryo bwose nka twe, keretse ko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinye kugirango tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. Umutambyi mukuru wese iyo atoranjwe mu bantu, ashirirwaho gukora ibyerekeye Imana ku bw'abantu, kugirango ature amaturo, atambe n'ibitamba by'ibyaha. Ni ko na Kristo atihimbarishije kwigira umutambyi mukuru, ahubwo, yabihawe n'Iyamubwiye iti : Uri Umwana wanjye, uyu muni ndakubonye, kandi, nk'uko yavuze n'ahandi iti : Uri umutambyi iteka ryose mu buryo bwa Melekisedeki."

Umutambyi mukuru, ashirwaho n'Imana. Umwami Yesu, ni we watoranjwe n'Imana ngo adutambire iteka ryose, kuko yatuye Imana ituro rirenze amaturo yose, atura ubugingo bwe, atumenera amaraso, ayatangaho impongano z'ibyaha byacu. **Abaroma 3: 21-26.** Twegere rero intebe y'Imbabazi z'Imana ari we Yesu-Kristo, tumwegere tudatinye. Umwami Yesu aratwumva akadutegera mu ntege nke zacu kuko nawe naho atakoze icyaha, yumvise uburyo umubiri uryana kandi uburyo udushukashukira mu byaha. Kandi nawe, yageragejwe nka twe, ndetse yaraturushije, ntawageragejwe nka we. Dufite rero imbere ya Data imfura yacu idutabariza kugirango tutazava mu buntu bw'Imana tukarimbuka. Tumwakire mu mitima yacu, tumwizere kandi tumwikundwakazeho, azaturengera atuneshereze. Ni we muhuza w'Imana n'abantu mw'isezerano rishya, nta wundi dufite atari we. Ijambo ry'Imana rirabitubwira muri **2 Abakorinto 5:16-17 riti** : Muri Yesu ni ho Imana yiyungiyemo n'abari mw'isi yose, ntiyaba ikibabaraho ibyaha".



Ikindi kitwemeza ko Yesu ari we Mutambyi n' Umuhuza wacu wenyine imbere y'Imana, n'uko igihe atanga, igitambaro cyari ahera, aho umutambyi mukuru yahora ajya gutambirira abantu cyaratabutse kuva hasi kugeza hejuru , bivuga ko buri wese ko ashobora kwitambirira imbere y'Imana, mw'Izina rya Yesu-Kristo, we wahatugejeje ku bwo kutumenera amaraso ye. **Luka 23:44-46.**

IV.3. YESU YATUBATUYE KU CYAHA ADUSUBIZA KAMERE Y'IMANA

Umwami wacu Yesu-Kristo arahari ni muzima, yazanywe mw'isi no kudahindura abantu bashya, asenya muri twe ibyo Satani yatwubatsemo n'imirimo yose y'umwijima dukoresha ingingo zacu kugirango tudakomeza kuba ba bandi ba kera. Nk'uko twari twabivuze kare, umuntu muri kamere ye ayoborwa n'umubiri we kuko yikunda. Umubiri we ni wo umukoresha, kuko ahora ararikiye ibiwunzezeza.

Mw'Itangiriro 6 : 3,5, Tubona impamvu Imana yarimbuye abo mu gihe cya Nowa. "Ngo bari abantu b'umubiri, kandi ngo Imana yabonye ingeso z'abantu ari mbi cyane mw'isi , kuko kwibwira kose imitima yabo yatekereza kwari kubi gusa iteka ryose ". *Ibitekerezo byabo byari bibi kuko nta kindi cyari kibashishikaje atari ugushakisha ibibanezezeza. Bari ab'imibiri.*

Abantu rero bari barihinduye abanzi b'Imana ku bwo gukurikiza ibya kamere y'imibiri yabo nk'uko Ijambo ry'Imana riri mu **Baroma 8 : 7** ritubwira riti : " Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro, kuko umutima wa Kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana. Ndetse ntushobora kuyumvira. Erega burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezezeza Imana ".

Urumva rero, abana b'abantu twari twarihinduye abanzi b'Imana, dutandukana na yo, ku bwo kutayumvira, ahubwo tugakurikiza ibyo imibiri yacu idukururiramo ku bwo kwikunda, tukaba ari byo turarikira.

Imana, kuva kera, yakomeje kugerageza guhindura abana b'abantu ngo babe beza, bemere kuyoborwa na we, barananirana. Yagerageje kubagaruza ibihano nko mu gihe cya Nowa birananirana. None se ugirango abarokotse umwuzure w'amazi, ntibakomeje na



bo bakaba babi, n'abo babyaye bakabakurikiza?. “Ngo inkoni ifata igufwa ntifata ingeso”. Uwo ni umugani w'abarundi n'abanyarwanda. Ubundi, Imana igerageza kubatura abisiraeli ku byaha ikoresheje amategeko birananirana. Imana yahoraga ibohereza Mose kubabwira ubushake bwayo kuri bo, akimara kubibabwira bese bagakoma mu mashyi bakabyemera. Ariko, bikabananira kubikurikiza ku bwa kamere y'imibiri yabo.

Ni ko kwohereza Umwana we Yesu-Kristo kugirango aduhindure, mu kutubatura kuri ubwo butware bw'imibiri yacu butuma duhora dutekereza ku biwunezera, bikaba ari byo bituviramo gukora ibyangwa n'Imana, ku bw'irari ry'imibiri yacu.

Nyamara, n'aho Yesu-Kristo yaje azanywe no kudukiza, hazahinduka abamwemeye we Jambo ry'Imana bakaba muri we, nk'uko Ijambo ry'Imana riri muri **2Abakorinto 5:17-18** ribitubwira ngo : “ Umuntu wese iyo ari muri Yesu – Kristo aba ahindutse icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo..... ”

Umuntu yakwibaza guhinduka mushya icyaricyo. Yesu, ntabwo yaje kuduha imibiri mishya itandukanye n'iyi twari dufite kera tutarakizwa, ahubwo yaje guhindura ibitekerezo byacu, kugirango turekeraho gutekereza nka Satani, ahubwo dutekereze nk'Imana. Yaje kugirango aduhe ibitekerezo byiza by'urukundo, amaze kudukuramo ibitekerezo bibi byo kwikunda, bidukururira mu mashyari no mu nzangano.

Umwami wacu Yesu-Kristo, icyamuzanye ni ukudufata mu bitekerezo kugirango abihindure byiza, kugirango tubashe kuba abera n'abaziranenge. Nta muntu n'umwe ayobewe ko umuntu uwariwe wese ko ayoborwa n'ibitekerezo bye. Umuntu akora uko atekereza, avuga uko atekereza, yitwara uko atekereza, ndetse n'ingendo y'umuntu, igaragaza uko atekereza.

Iyo utekereza nabi ukora nabi, ukavuga nabi, ukagenda nabi, ukitwara nabi. Ariko iyo utekereza neza, ukora neza, ukavuga neza, ukagenda neza, ukitwara neza. Uko utekereza ni ko uri. Umuntu ni ifoto y'ibitekerezo bye.



Umwami Wacu Yesu-Kristo yarabidusobanuriye muri **Matayo 15 : 10, 18 -20** : “ Umwami Yesu yaraturwiyeye ati : “Ikijya mu kanywa si cyo gihumanya, ahubwo ikiva mu kanywa ni cyo gihumanya. Kuko ibiva mu kanywa biba bivuye mu mutima, ni byo bihumanya umuntu. Kuko mu mutima w’umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi: Kwica no gusambana no guheheta, kwiba no kubeshyera abandi n’ibitutsi. Ibyo ni byo bihumanya umuntu ”.

Hano nta kindi Umwami Yesu yashaka kutubwira ni uko ibyo dukora n’ibyo tuvuga, biba byabanye gutekerezwa mu mutima. Ari ibibi cyangwa ibyiza bituruka mu mitima yacu.

Kandi icyo tugomba kumenya kindi ni uko umutima tuvuga hano atari umutima w’inyama utera mu gituma cy’umuntu, umutima tuvuga hano ni ikicyaro cy’ibitekerezo byacu. Buriya umutima nama uyobora umuntu uba mu bwonko bwe.

Ubundi Umwami Yesu arasubira arabitubwira na none muri **Matayo 12 : 34b -35** ati : “ Ibyuzuye mu mutima ni byo akanywa kavuka. Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mu butunzi bwe bwiza, n’umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu butunzi bwe bubi ”.

Mu by’ukuri, icyo turi cyo, ni cyo kigaragaza uko dutekereza. Ibyo uvuka n’ibyo ukora bigaragaza ibitekerezo byawe. Umwami wacu Yesu-Kristo mu butumwa yampaye kubagezaho ni we yatwibwiriye ati : “Muneshereza mu bitekerezo, kandi mu bitekerezo byanyu ni ho munesherezwa”. Kandi Yesu yaravuze ko tuzagaragazwa n’imbuto twera.

Ibi byose tumaze kuvuka bitugaragariza neza impamvu nyamukuru yavanye Umwami Yesu mw’Ijuru akaza muri ino si kubana natwe. Yaje guhindura ibitekerezo byacu byari byariziziwe na Satani wadutekerereza ibibi, natwe tugakora ibibi byangwa n’Imana.

Umwami wacu Yesu-Kristo yaje kudukiza. Ni we Gakiza kacu. Kandi nta kindi yaje kudukiza atari ibitekerezo bibi bidukoresha ibyaha, kugirango tugire ibitekerezo byiza bidukoresha ibyiza. Gukizwa rero, ni ugukizwa ibitekerezo bibi bituruka kuri Satani, tukagira ibitekerezo byiza bituruka ku Mana. Noneho, tukarekeraho kwitwara nka Satani kuko ni we Se w’Ibyaha, ahubwo, tukitwara nk’Imana, kuko ni we Se w’ibyiza.



None Umwami wacu Yesu – Kristo yabigenjeje ate kugirango dukizwe ?

Umwami wacu Yesu-Kristo yakoresheje Ijambo ry’Imana ry’ukuri. Kandi ni we Jambo waje atubwira Data uwariwe, aza atubwira n’ubushake bwa Data ubwaribwo. Nk’uko Satani yanduje ibitekerezo by’umuntu akoresheje ijambo ry’uburiganya, ni ko Yesu yejeje ibitekerezo byacu akoresheje Ijambo ry’ukuri. Nk’uko twakomeje kubivuga, Ijambo ryose wemeye ko ari ukuri riguhindura ibitekerezo byawe. Kandi noneho, iyo tubitekereje neza, Ijambo ry’Imana, ryaturutse mu bitekerezo bye. Imana, yatumenyesheje ibitekerezo byayo ikoresheje Ijambo ryayo. Ni cyo gituma uwakiriye Ijambo ry’Imana, aba yakiriye ibitekerezo by’Imana. Kuko tuyoborwa n’ibitekerezo byacu, iyo tugize ibyacu ibitekerezo by’Imana, ni byo bisigara bituyobora bikadukoresha, kuko tuba dusigaye dutekereza nk’Imana. Uko ni ko guhinduka abana b’Imana. Ni ukugira imitekerereze nk’iy’Imana.

Ijambo Umwami Yesu yatuzaniye, rikubiye muri iri hame ko : “ K’ubwo urukundo Imana idufitiye, yatwoherereje Umwana we w’Ikinege kugirango aducungure, mu kutumenera amaraso, yo atwezaho ibyaha byacu byose, yongere kandi adukize ibyaha mu kudukiza ibitekerezo bibi ”.

Kugirango dukizwe, Umwami Yesu yatubabariye ibyaha ku bwo amaraso yatumeneye no kuba yatubwiye Ijambo rimwe rizima rikubiye mu murimo umwe wo **“GUKUNDA”** : *Gukunda Imana n’abantu*.

Yesu yaraturubwiye ati : “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere. N’irya kabiri rihwanye na ryo ngiri : Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda. Muri ayo mategeko yompi, amategeko yose n’ibyahanuwe ni yo yuriraho”. **(Matayo 37-40)**.

Umwami wacu Yesu-Kristo yageze naho adusaba gukunda n’abanzi bacu kugirango tube dukwiriye kwitwa abana b’Imana. **Luka 6 : 27- 36**. Nk’uko Data adukunda nta mpamvu n’imwe ashingiyeho, akagirira neza abeza n’indashima, ni ko natwe tugomba kumera. Tugomba kugirira neza abatwanga n’abatwangiriza. Mu by’ukuri, nk’uko Imana yabitwibwiriye muri bwa butumwa bwihariye bw’ubuhanuzi bw’Imana, mu rukundo, ni ho habonekera Ubwiza bw’Imana n’Ubumana bwe bwose. **“IMANA NI URUKUNDO, N’ABANA BE BOSE BAGARAGAZWA N’URUKUNDO”**.



Umwami wacu Yesu-Kristo yaje rero yuzuye urukundo n'Ijambo ry'ukuri ridusaba natwe kwuzura urukundo kuko ni rwo ruzadushoboza byose kuko tuzababarira, tuzagira impuhwe, tuzafasha abandi tubakorere, tubatabare ataruko hari inyungu tubashakamo, ahubwo kuko ari ibyaremwe n'Imana nka twe.

“Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. Ibindi byose bizashira ariko urukundo ntiruzashira iteka ryose”. **1 Abakorinto 13:1-13.**

Iri jambo ritubwira kugira urukundo, uwaryemeye wese akarifata ko ari ukuri, akumva neza ko ari ryo rizamuhesha ubugingo buhoraho, noneho akarishyira mu bikorwa, ibitekerezo bye bya kera yavukanye, byo kwikunda no kwihugiraho, ibitekerezo bye by'irari, ishyari n'inzigo, ashiduka byaravuye mu mutima we, biranduwe n'Ijambo ry'Imana.

Uko ni ko kuvuka ubwa kabiri. Kuko uhinduka undi muntu ku bwo kugira imitekerereze mishya. Ntuba ukivuga nk'uko wavugaga kera, ntuba ugikora nk'ibyo wakoraga kera, ntuba ukigenda nk'uko wagendaga kera. Kera wayoborwa n'ibitekerezo byo kwikunda, none usigaye uyoborwa n'ibitekerezo by'urukundo ukunda Imana n'abantu. Ntuba ukiyoborwa n'umubiri nka kera, usigara uyoborwa n'Umwuka Wera w'Imana, ni wo usigara ugutekerereza.

Uko ni ko gukizwa, uko ni ko guhinduka Umwana w'Imana usa na Se. Data ni urukundo, natwe abana be, bemeye Ijambo rye ry'Urukundo ariwe Yesu-Kristo, tugomba kwemera ko riduhindura imitekerereze yacu, natwe tukarangwa n'Urukundo, tukabatuka ku cyaha. Ikimenyekanisha Imana ni urukundo, na twe abana bayo tugomba kumenyekanishwa n'urukundo. **1 Yohana 3:6-11?**

Nuko rero : UWEMEYE WESE YESU KRISTO, AKAMWAKIRA, AKAMWIZERA, AGAFATA INGAMBA YO KUVA MU BYAHA AKIHANA, UMWAMI WACU YESU-KRISTO ARAMUBABARIRA, UMUTIMA WE AKAWUHAGIZA AMARASO YE, NONEHO AKAMWIGISHA IJAMBO RY'IMANA RIMUBYARA UBWA KABIRI KU BWO GUHINDURA IBITEKEREZO BYE. NYAMARA, KUVUKA KWACU UBWA KABIRI TUBIFITEMO URUHARE RUNINI KUKO IJAMBO TWAMENYE,



TUTARIBITSE MU MITIMA YACU NGO DUHORE TURITEKEREZAHO NTACYO RYAHINDURA MU BUZIMA BWACU KUKO RITABASHA GUHINDURA IBITEKEREZO BYACU. IJAMBO IYO URIBITSE MURI WOWE, UMWUKA WERA W'IMANA URARIHEREKEZA UKARIKOMEZA, UGASHISHIKARIRA KURIGUSOBANURIRA, UGAHORA URIKWIBUTSA IGIHE CYOSE BIBAYE NGOMBWA KUGIRANGO UYOBORWE NA RYO.

Ijambo Ry'Imana riri muri **1 Petero 1 : 22** riradusobanurira neza ibyo kubyarwa n'Imana ubwa kabiri muri aya magambo riti :“Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kwumvira ukuri kugirango mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora, ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'Ijambo ry'Imana rizima rihoraho ”.

Nuko rero kwemera ukuri tukakwumvira, ukuri kukaba ari Ijambo ry'Imana, ari na yo mbuto itabora, ni byo biduhesha kuvuka ubwa kabiri tugahinduka abana b'Imana tugasa na Data ari na we utwuzuza urukundo rwe rudufasha kumukunda no gukunda bene Data tutabaryarya. Birumvikana ko uwemeye kubyarwa n'imbuto itabora ari ryo Jambo, na we ntazabora, azahoraho iteka ryose. Uwo, ni we uzabona ubugingo buhoraho.

Imana, mu butumwa bwa 25 yaduhaye, idusaba kwisuzuma kugirango tumenye niba twarahindutse tumaramaje, niba nta ruhande twasigiye Satani, Imana itugira inama y'uburyo twabatuka rwose ku ngoyi za Satani muri aya magambo : “Ibyo bizakunda ari uko munyiyeguriye by'ukuri. N'ukuvuga, nimusoma Ijambo ryanjye mukarishyira mu bikorwa. Kuko kubaturwa kwose kuzaturuka muri ryo. Ubunyangamugayo n'ubwenge bwose byuzuye muri ryo. Udasoma Ijambo ryanjye si uwanjye, ntanzi, ni ukuvuga ko atanankunda. Guhinduka kwanyu guturuka mw'Ijambo ryanjye kuko ririmo imbaraga zihishe muri ryo ku wufite ubwenge bwo kubyemera no kurigenderamo akarishyira mu bikorwa. Nimuhamanya n'Ijambo ryanjye muzasanga mwarahindutse. Kandi imirimo yanyu muzakora mwarahindutse izambara ibitambo nishimira”.

Imana yo ubwayo yahagurukiye kudasobanurira Ijambo ryayo n'umumaro waryo kugirango tutazatembanwa n'uburiganya bwa Satani tukarimbuka. Utazita ku miburo y'Imana, ntafite icyo azireguza.



Hano muri ubwo butumwa bw’Imana, tumaze gusoma, yaradusobanuriye mu buryo burambuye Ijambo Yesu yibwiriye abamwemeye riri muri **Yohana 8:31-36** ati : “Nimuguma mu Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura. Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko umuntu wese ukora ibyaha ari imbata y’ibyaha. Imbata ntiba mu rugo iteka. Ahubwo mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka. Nuko Umwana nababatura muzaba mubatuwe by’ukuri.”

Hano nta kindi Umwami Yesu ari ho na we atubwira aratubwira ko Ijambo rye ariko kuri niturimenya, ni ryo rizadukura mu bubata bw’ibyaha. Uko tubaturwa twabisobanuye neza ko tubaturwa mu bitekerezaho. Kandi Umwana, ari we Jambo ry’Imana ni we uzatubatura. Abazabatuka by’ukuri bagasa na Data, nibo bazaguma mu Bwami bw’Imana babuturamo iteka ryose, na yo abatazemera kubatuka ku cyaha bazajugunywa hanze, bagwe mu muriro utazima.

Mu magambo avunaguye, ubwo buryo bwose tumaze kubona Yesu yakoresheje kugirango dukizwe, kwaba ukutumenyesha Imana, kwaba ukutumenera amaraso ye yo kutwozaho ibyaha byacu byose, kwaba ukuduhindura Ijambo ry’Imana ry’ukuri, ibyo byose yabikoze mu nyungu zacu. Kwari ukugirango tubashe guhunga ubwami bwa Satani, noneho, twiyunge n’Imana, duhinduke abe, tubone guhabwa amahoro, umunezero, n’ubugingo bw’iteka ryose, ibyo Imana yabikiye abayikunda.

Igice cya V : UMWANZURO



Iki gitabo, cyanditwse ku bwo umutwaro nagize maze kwakira Umwami wanjye Yesu-Kristo, wo kubona abantu bakizwa. Maze kwakira Yesu-Kristo, nagize ishyaka ryinshi ryo gusobanukirwa Agakiza, no kumenya uburyo nagendera mu nzira y' Agakiza kugirango nkizwe by'ukuri nzabone ubugingo buhoraho. Iryo shyaka sinarigize ku bwanjye gusa, ahubwo, no ku bw'abandi. Kuko nageze aho nsobanukirwa ko kudaharanira gukizwa, ko ari uguca kubiri n'Imana.

Kandi maze kureba nsanga abantu bameze uko nari meze kera ari benshi. Bari mu madini, barasenga, bakagerageza gukora imirimo myiza y'ubutabazi, ariko badakijijwe. Nyamara atari uko banze gukizwa, ahubwo, aruko badasobanukiwe n'Agakiza.

N'Imanayaravuzekandiivuganaagahindakenshiiti: *"Ubwoko bwanjye burimbuwe no kutamenya "*. Uko kutamenya, uko kujijwa kuri mu bantu, ni ko Imana yamfashije kugerageza kurwanya mbasobanurira muri kino gitabo ko Agakiza ari Yesu wenyine we yoherejwe na Data wa twese wo mw'Ijuru,



kugirango abazamwemera bose batarimbuka, ahubwo, bakizwe na we. Kumwakira, tukemera kubana na we tuyoborwa na we, tukirinda kumuhemukira, tukaguma mu masezerano twamusezeraniye, tukamwizera tudashidikanya, ni byo biduhesha ubugingo buhoraho byonyine.

Ijambo ry’Imana rirabiduhishurira riti : “Niwatuza akanywa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa. Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ariko yatuza agakizwa. Kuko ibyanditswe bivuga bita : Umwizera wese ntazakorwa n’isoni. Nta tandukaniro ry’Umuyuda n’Umugiriki, kuko Umwami umwe ari Umwami wa bose, ni we ubereye abamwambaza bose ubutunzi, kuko umuntu wese uzambaza izina ry’Umwami azakizwa.” **Abaroma 10: 9-13.**

Maze gusobanukirwa n’iri hame ry’Imana, byari ngombwa rero ko nshyira ahagaragara ibyo namenye, kugirango buri wese ahitemo Ubwami yifuza kubamo ubwaribwo. Akabutoranya nta gahato, akamenya uburyo abutoranya, kandi akabutoranya azi neza inkurikizi yo guhitamo kwe.

Kandi, iyi nshingano ni iya twese. Ni cyo gituma nkomeza guhugurira abamenye Yesu nk’umukiza wacu bose, ko nta n’umwe yamugira ubwiru. Nimutangarize bose inkuru nziza y’Agakiza kugirango na bo bakizwe. Mu butumwa yampaye kubagezaho, Imana yarambwiye ngo mbabwire ngo: “Umuntu yamenye Agakiza ntakabwire abandi ngo bakizwe azahemberwa iki ? . Azatahukana Zero. Ngo nimuhaguruke mukore Imana izakorana namwe. Kuko Imana ikorana n’abakora, kandi izagendana namwe kuko Imana igendana n’abagenda. Imana ntikorana, kandi ntigendana n’abicaye”. Ngo kandi mwirinde gukorera inyungu zanyu bwite. Hari abashaka gukorera inyungu zabo, nyamara ni zo bazatahira. Abankorera by’ukuri nibo bazabona Ijuru, naho abambeshya ntibazabona mu maso hange.

Nahugurira n’abatarakizwa, kureka gukomeza kwiyobagiza. Yesu abaramburiye amaboko arabategereje. Umwami Yesu ategereje ugushaka kwacu ntajya adufata ku ngufu. Uwifuza gukizwa ni yakire agakiza ariwe Yesu-Kristo mu kuvuga



aya magambo, byongeye ayavuge ayatuza akanwa ke kandi yiyemeje mu mutima we ko amasezerano agiye guha Yesu Kristo ko azayakomeza mu gihe cyose asigaje cyo kubaho kwe.

Bwira Yesu uti: “Mwami Yesu, kuva uno muni, niyemeje kugukurikira, nitandukanije na Satani n’imirimo ye yose. Ni wowe Yesu niyeguriye ngo umbere umwami w’umutware niyemeje kugukunda, kukwizera, kukubaha no kugukorera. Untabare unyandukure mu gitabo cyo kurimbuka, unyandike mu gitabo cy’ubugingo”. Amen

Ni ibyigicro cyinshi ko buri muntu yiyandikisha mu gitabo cy’ubugingo kuko abazapfa amazina yabo atanditswe muri icyo gitabo ntibazabona Imana bazegukira Satani nk’uko Ijambo ry’Imana riri mu **Byahishuwe 20:15** ribitubwira riti: “Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy’ubugingo ajugunywa muri ya njyanja yaka umuriro”.

Nuko rero, muhitemo neza, muhitemo Umwami w’Abami ari we Yesu-Kristo, mubone kubaho.

AMEN



Umwirondoro

Incamake

Iki gitabo, cyanditswe na Nyakamwe Christine.

Navukiye i Burundi, taliki ya 25 Mata 1954, ahantu hitwa i Mugeru, mu Ntara ya Gitega. Nize amashuri abanza n'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru aho nyine i Mugeru.

Icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru nayize mu Bukeye no mu Rutovu, mu mashuri nderabarezi. Nize muri Kaminuza y'i Burundi, mu ishamba ry'ubumenyi bwo kwigisha. Nabonye impamyabumenyi yo kwigisha abigisha mu 1981. Nubatswe n'Umutware wanjye Polisi Denis mu 1980, dufitanye abana 6. Nakiriye Agakiza taliki ya 30 Mata 2006.



Nizeye

ntashyidikanya, kandi ibyo mbishyimirira Imana ko uzasoma iki gitabo wese ko azasobanukirwa neza n'uburyo yakwita kw'iherezo rye, akurikira Yesu we wenyine, we "GAKIZA" kacu.

Kwibohereza ku by'isi, ku bandi bantu cyangwa ku madini, ni ukuyoba. Tugire ubwenge kandi tube maso, Umwami wacu Yesu-Kristo ari bugufi bwo kuza kudutwara iwe.

TWITE KW'IHEREZO RYACU, GUKINA BYARARANGIYE .

Tumenye ko nta yindi nzira dufite izatugeza mw' Ijuru atari Yesu.

"Yesu ni we nzira, ukuri n'ubugingo. Ntawuzajya kwa Data atamujyanye". (Yohana 14, 6)

AMEN